# INYANDIKO-REMEZO Z'UMURYANGO FPR-INKOTANYI

Edition 2019

**AMASHAKIRO**

I. IJAMBO RY'IBANZE...........................................................................................

II. IRIBURIRO.......................................................................................................

III. INTEGO N'IMIGAMBI BY'UMURYANGO FPR-IN KOTAN YI....................

Intego ya mbere: Kugarura ubumwe bw'abanyarwanda....................................................................................................

**Intego ya kabiri**: kubumbatira ubusugire bw'igihugu n'umutekano w'abantu n'ibintu……………………………………………………………………..

**Intego ya gatatu**:Kubaka ubuyobozi bushingiye kuri Demokarasi................................

**Intego ya kane** : Kubaka ubukungu bushingiye ku mutungo bwite w'Igihugu..........

**Intego ya gatanu** : Guca umuco wa ruswa, gutonesha, imicungire mibi y'umutungo w'Igihugu n'izindi ngeso zijyanye nabyo…………………………………………

**Intego ya gatandatu** :Kuzamura imibereho myiza y'abaturage..................................

**Intego ya karindwi** : Guca burundu impamvu zitera ubuhunzi no gucyura impunzi.........................................................................................................

**Intego ya munani** :Guharanira umubano hagati y'u Rwanda n'ibindi bihugu ushingiye ku bwubahane, ubufatanye n'ubuhahirane...............................................

**Intego ya cyenda** : Kurwanya Jenoside n'ingengabitekerezo yayo.............................

**IV. UMWANZURO**. . . . . … . . . . . . . . . . . . . . . . …………………………………….

VI. **AMATEGE KO-REMEZO Y' UMURYANGO FPR-INKOTANYI NK'UKO YAHINDUWE KANDI YUJUJWE KUGEZA UBU**............................................

**Ishakiro**..........................................................................................................................

**Irangashingiro**...................................................................................................................

**INTERURO YA MBERE :INYITO-INTEGO-IMIGAMBI-IBIRANGO-ICYICARO**……………………....

**INTERURO YA II: IBYEREKEYE ABANYAMURYANGO**.........................................................

**INTERURO YA III: INZEGO Z'UMURYANGO FPR-INKOTANYI**..................

**UMUTWE WA MBERE: INZEGO Z'UBUYOBOZI Z'UMURYANGO FPR-INKOTANYI**..........

**UMUTWE WA II: INSHINGANO Z'ABAYOBORA INZEGO Z'UMURYANGO FPR-INKOTANYI**……………………………………………………..…………

**UMUTWE WA III: INGAGA Z'UMURYANGO FPR-INKOTANYI**............................ .

**UMUTWE WA IV: INZEGO ZIHARIYE**....................................................................

**INTERURO YA IV: ABAYOBOZI**..................................................................

**INTERURO YA V: IBYEREKEYE INAMA Z'UMURYANGO FPR-INKOTANYI**.................

**INTERURO YA VI: IBYEREKEYE UMUTUNGO W'UMURYANGO FPR-INKOTANYI**.....

**INTERURO YA VII: INGINGO Z' INZIBACYUHO N' IZISOZA**...........................................

**VI. AMATEGEKO NGENGAMIKORERE Y'UMURYANGO FPR-INKOTANYI NK'UKO YAHINDUWE KANDI YUJUJWE KUGEZA UBU..........**

**ISHAKIRO..................................................**

**IRANGASHINGIRO.....................................**

**INTERURO YA MBERE: AMAHAME REMEZO Y'IMIKORERE Y'UMURYANGO FPR-INKOTANYI..........................................**

**INTERURO YA II: IBYEREKEYE ABANYAMURYANGO....................**

**UMUTWE WA MBERE: KUBA UMUNYAMURYANGO....................**

**UMUTWE WA II: UBURENGANZIRA N'INSHINGANO Z'UMUNYAMURYANGO......**

**UMUTWE WA III: IMIKORERE N'IMYITWARIRE Y'ABANYAMURYANGO......**

**Icyiciro cya mbere: Imyitwarire y'umunyamuryango muri rusange....................**

**Icyiciro cya 2: Imyitwarire y'umuyobozi....................**
**Icyiciro cya 3: imyitwarire ku murimo ....................**

**Icyiciro cya 4: Imyitwarire ku byerekeye umutungo ....................**

**UMUTWE WA IV: IBIREGO BYEREKEYE IMYITWARIRE....................**

**UMUTWE WA V: IBIHANO BYEREKEYE IMYITWARIRE. ....................**

**UMUTWE WA VI: KUREKA KUBA UMUNYAMURYANGO....................**

**INTERURO YA III: IBYEREKEYE INZEGO Z'UMURYANGO ....................**

**UMUTWE WA MBERE: INZEGO Z'UBUYOBOZI BW'UMURYANGO....................**

**Icyiciro cya mbere: Inteko Rusange n'Inama Nkuru y'Umuryango FPR-INKOTANYI..**

**Icyiciro cya 2: Biro Politiki....................**

**Icyiciro cya 3: Komite nyobozi....................**

**Icyiciro cya 4: Ingingo rusange....................**

**Icyiciro cya 5: inshingano z'abayobora inzego z'umuryango....................**

**UMUTWE WA II : INGAGA Z'UMURYANGO FPR-INKOTANYI....................**

**UMUTWE WA III: INZEGO ZIHARIYE....................**
**Icyiciro cya mbere: Komite Ngenzuzi....................**
**Icyiciro cya 2: Komisiyo ngengamyitwarire....................**

**INTERURO YA IV:UMUTUNGO W'UMURYANGO FPR-INKOTANYI....................**

**INTERURO YA V: INGINGO ZISOZA....................**

# INTEGO N'IMIGAMBI BY'UMURYANGO FPR-INKOTANYI

## 1. IJAMBO RY'IBANZE.



Mu mwaka wa1979, bamwe mu Banyarwanda barateranye basuzuma ibibazo byari byugarije igihugu cyacu, biyemeza gushyira hamwe imbaraga zabo no gutangiza umutwe wa politike witwaga RANU (Rwandese Alliance for National Unity) wari ugamije gukemura ibyo bibazo.

Mu mwaka wa 1987, abagize uwo mutwe wa RANU bafatanyije n'abandi Banyarwanda bifuzaga kubaka u Rwanda, basuzumye ibyo wagezeho, ibyo utashoboye kugeraho n'impamvu zabiteye, biyemeza kuwuha imigambi, imikorere n' imiterere bishya byahuza Abanyarwanda bose bakunda igihugu cyabo. Kugirango ubwo bushake bwo guhuza Abanyarwanda bose burusheho kugaragara, biyemeje guhindura izina ry'uwo mutwe bawita Umuryango FPR-INKOTANYI (Front Patriotique Rwandais/ Rwandese Patriotic Front).

Intego n'imigambi bahaye Umuryango FPR-INKOTANYI byari bikubiye mu ngingo 8, zishobora guhurirwaho n'Abanyarwanda bose bakunda igihugu cyabo, zigatuma u Rwanda ruba igihugu kirangwa n'ubumwe, amahoro, demokarasi n'iterambere ry'abagituye.

Mu mwaka wa 1990 izindi nzira zose zimaze kunanirana, byabaye ngombwa ko Umuryango FPR-INKOTANYI ukoresha urugamba rw'amasasu, rwunganira urwa politike mu kurwanya ubutegetsi bw'igitugu bwa MRND no kubohoza u Rwanda. Ibyo byatumye ubutegetsi bwa MRND bwemera imishyikirano yavuyemo Amasezerano y'Amahoro ya Arusha yo mu 1993.

Ariko kandi ubutegetsi bwa MRND, aho kwemera ko ayo masezerano ashyirwa mu bikorwa, bwahisemo gutegura no gushyira mu bikorwa umugambi wo kurimbura Abatutsi n'Abahutu badashyigikiye ibyo bitekerezo by'itsembabwoko byabyaye jenoside yo mu 1994.

Nyuma y'iyi jenoside n'ingaruka zayo nyinshi mu rwego rwa politike, ubukungu n'imibereho y'abaturage, byabaye ngombwa ko Umuryango FPR-INKOTANYI wongera gusuzuma niba Intego n'lmigambi wari wariyemeje bigihagije mu gukemura ibibazo u Rwanda rwari rusigaranye. Umuryango FPR-INKOTANYI wasanze ingingo 8 z'lntego n'lmigambi byawo ziramutse zishyizwe mu bikorwa, zakemura ibibazo hafi ya byose u Rwanda rufite. Icyakora, Umuryango FPR-INKOTANYI, umaze kubona uburyo ingengabitekerezo (idéologie) ya jenoside yigishijwe mu Rwanda, ikanashyirwa mu bikorwa kugeza aho ibyariye jenoside, umaze kandi kubona uburyo iyo ngengabitekerezo igenda ikwizwa mu karere k'ibiyaga bigari u Rwanda rurimo, wasanze Intego n'lmigambi byawo bikwiriye kongerwamo ingingo ya 9 yihariye, yo kurwanya jenoside n'ingengabitekerezo yayo haba mu Rwanda, mu karere k'ibiyaga bigari n'ahandi hose byaba ngombwa.

U Rwanda rumaze imyaka myinshi ruhanganye n' ibibazo by' ingutu mu rwego rwa politike, urw'ubukungu, n'urw'imibereho myiza y'abaturage.
lyi nyandiko ikubiyemo Intego n'lmigambi Umuryango FPR-INKOTANYI wiyemeje guharanira kuko wemera ko zishobora gukemura ibibazo u Rwanda rufite no kuruhindura igihugu kirangwa n'ubumwe, amahoro, demokarasi n'amajyambere y'abagituye, cyubahwa n'ibindi bihugu kandi kibifitiye akamaro.

FPR-INKOTANYI ni Umuryango wakira buri Munyarwanda wese wemera kandi agashyigikira intego, imigambi, imikorere n'imiterere byawo; witeguye gukorana na buri Munyarwanda uzashima izi Ntego n'Imigambi byawo.

**Paul KAGAME**
**Perezida w'Umuryango**
**FPR-INKOTANYI.**

## II. IRIBURIRO.

U Rwanda ni igihugu gifite ubuso bungana na $km^2$ 26.338 n'abaturage basaga miliyoni 12, rukaba gifite abaturage benshi kuri km2 kurusha ibindi byose by'Afurika.

U Rwanda ntabwo ari igihugu cyashyizweho n' abazungu nk' ibindi bihugu byinshi by' Afurika. Abazungu baza muri Afurika basanze u Rwanda ari igihugu kimaze imyaka amagana n'amagana, gifite imbibi zacyo n'ubutegetsi bwemewe kandi buhuza abaturage bacyo, cyubahwa kandi gifitanye imigenderanire n'ibindi bihugu bigikikije.

Abazungu basanze u Rwanda ari igihugu cyigenga mu rwego rwa politike, cyishyiriraho amategeko gikurikije inyungu z'abaturage bacyo, gifite ubutegetsi buhuza abaturage, bwemewe kandi bwubahwa nabo. U Rwanda kandi rwari rufite ubwigenge mu bukungu, rukora ibyo rukeneye (guhinga, kworora, gucura kubaza ...). Kubera ko nta mafaranga yabaga mu Rwanda, hakoreshwaga kubadika (troc) mu guhererekanya ibyo abantu babaga bakeneye.

Kubera ko ubukungu bwari bushingiye ahanini ku buhinzi n'ubworozi, Abanyarwanda bari barashyizeho uburyo udafite umurima awubonamo aribwo bwitwaga ubugererwa, udafite inka nawe yayibonaga mu buryo bwitwaga ubuhake. Mu bugererwa n'ubuhake hagiye habamo akarengane nk'uko mu mateka y' isi yose hari ubwo umukoresha adaha umukozi igihembo gikwiranye n'akazi yakoze.

U Rwanda kandi rwari rufite ubwigenge mu muco. Uwo muco wahuzaga Abanyarwanda bose mu by'ingenzi k'ururimi, iyobokamana, uburere n'ibindi. Abana b'u Rwanda batozwaga gukunda no kwitangira igihugu, kubahiriza amahame remezo agenga imibanire myiza y'abantu nko kubaha, kuba inyangamugayo, gukunda ukuri, kutamena ibanga, gukunda umurimo, gushaka inshuti, n'ibindi. Nta washidikanya ko uwo muco wahuzaga Abanyarwanda ari wo wari waratumye igihugu cyabo gikomera.

Kuva aho abakoroni bagereye mu Rwanda (Abadage 1899-1916, Ababiligi 1916-1962), u Rwanda rwambuwe ubwigenge bwose rwari rufite haba mu rwego rwa politike, rw'ubukungu n'urw'umuco. Ubutegetsi bw'u Rwanda bwagiye mu maboko y'abakoroni busigara bukorera inyungu zabo aho gukorera inyungu z'Abanyarwanda. Abakoroni baba ari bo bashyiraho amategeko n'abategetsi b'u Rwanda bakurikije inyungu zabo. Ubukungu bw'u Rwanda buba ubwo gukorera amasoko y'abakoroni nko guhinga ikawa, icyayi, gucukura ubutare n'ibindi. Abakoroni bazanye kandi amashuri n'amadini bigenda byigisha umuco wabo, bica Abanyarwanda ku wo bari basanganywe. Kugirango abakoroni babone uko bategeka
bigishije amacakubiri mu Banyarwanda, bahimba ko badakomoka hamwe, batagereye mu Rwanda igihe kimwe, batanganya ubwenge, badakwiriye gukora imirimo imwe no kwiga amashuri amwe, byose bigamije kubacamo ibice. lyi mbuto y'amacakubiri n'ubusumbane mu Banyarwanda niyo yaje gusenya ubumwe bwabo.

Mu ntangiriro z'imyaka ya 1950 ubwo Abanyafurika bahagurukiraga kurwanira ubwigenge, Abanyarwanda nabo ntibatanzwe. Mu kurwanya abaharaniraga ubwigenge mu Rwanda bari biganjemo Abatutsi, Ababirigi batangiye gukwiza igitekerezo ko Abatutsi nabo ari abanyamahanga bakomotse muri Abisiniya ; bakangurira Abahutu kubatwikira, kubasenyera,

kubica no kubamenesha mu Rwanda!
Mu mpera z'umwaka wa 1959 ishyaka rya PARMEHUTU ryitabiriye izo nyigisho rinazishyira mil bikorwa ribifashijwemo n'ubutegetsi bwa gikoroni.

U Rwanda rwasubiranye ubwigenge bwarwo mu 1962, nyuma y'ubwicanyi bwari buyobowe n'ishyaka rya MDR-PARMEHUTU, bwahitanye Abatutsi benshi abandi bakameneshwa mu gihugu cyabo. Iryo shyaka aba ari ryo rigororerwa kuyobora u Rwanda.

Nyuma y'aho u Rwanda rwongeye gusubirana ubwigenge mu 1962, ubutegetsi bwa MDR-PARMEHUTU (1962-1973) n'ubwa MRND (1973-1994), aho gukemura ibibazo by'amacakubiri rwari rwasigiwe n'ubukoroni, bwahisemo kuyashimangira, ibibazo birushaho kugenda biba insobe. Ubwo butegetsi bwaranzwe n'imikorere mibi ishingiye kuri ibi bikurikira:

- Kwigisha amacakubiri ku mugaragaro
- Kubiba inzangano mu Banyarwanda;
- Guheza bamwe mu Banyarwanda mu mashuri, mu mirimo no muri politiki;
- Gupyinagaza, gusenyera, gutwikira, kwica bamwe mu Banyarwanda abandi bakameneshwa byababahaye uburyo bwo kuguma ku butegetsi kugeza n'ubwo bibyaye jenoside mu 1994 ;
- Kutubaka ubuyobozi bushingiye kuri demokarasi nyayo iha abaturage uruhare mu bibakorerwa ;
- Kubura gahunda ihamye yo guteza imbere ubukungu bw'u Rwanda, ku buryo Abanyarwanda bakomeje kuzahazwa n'ubukene, indwara, ubujiji no guhanga amaso imfashanyo z'amahanga;
- Gushyira imbere inyungu z'abategetsi kuruta iz'abaturage, ari na byo byabyaye umuco wa ruswa, gutonesha, gusesagura umutungo w'igihugu no kuwunyereza ;

Umuryango FPR-INKOTANYI wavutse ugamije kurwanya iyo mitegekere mibi yaranze amateka y'u Rwanda no gukemura ibibazo by'ingutu byabyawe nayo. Intambara warwanye, yaba iya politiki cyangwa iy'amasasu, zari zigamije gukura u Rwanda mu butegetsi bubi kandi bw'igitugu, kugirango wubake igihugu kigendera ku mategeko, n'amahame ya demokarasi, kirangwa n'amahoro, umutekano, ubutabera n'amajyambere.

Intego n'lmigambi by'Umuryango FPR- INKOTANYI bisobanurwa muri iyi nyandiko, bigamije gukemura ibyo bibazo by'ingutu byagiye biranga u Rwanda haba mu rwego rwa politiki, urw'ubukungu cyangwa mu rw'imibereho rusange y'abaturage.

## III. INTEGO N' IMIGAMBI BY' UMURYANGO FPR-INKOTANYI.

Umuryango FPR-INKOTANYI umaze kwiga bihagije ibibazo by'u Rwanda nk'uko amateka yacu abitwereka, by'umwihariko :

- Umaze kubona ko ari ngombwa kugarura ubumwe bw'Abanyarwanda kugirango bube urufatiro rwo kubakiraho amahoro n'amajyambere y'u Rwanda ;

- Umaze kubona ko amacakubiri no kwambura abaturarwanda uburenganzira remezo bwabo ari byo byagejeje u Rwanda mu icuramburindi rya jenoside
- Umaze kwiyumvisha ko guha agaciro umuturage, akagira uruhare mu bikorwa mu izina rye, ari ryo shingiro nyaryo rya demokarasi n'amajyambere nyakuri ;
- Umaze kwiyemeza ko ugomba kwitangira gukemura ibibazo u Rwanda rufite mu rwego rwa politiki, ubukungu, imibanire y'abantu n'iy'ibihugu ;

Wiyemeje gushyiraho gahunda ya politiki igamije kubaka igihugu Umunyarwanda wese ashobora kwibonamo kandi yakwishimira. Iyo gahunda igizwe n'ingingo icyenda zikurikira:

1. Kugarura ubumwe bw'Abanyarwanda
2. Kubumbatira ubusugire bw'lgihugu n'umutekano w'abantu n'ibintu ;
3. Kubaka ubuyobozi bushingiye kuri demokarasi;
4. Kubaka ubukungu bushingiye ku mutungo bwite w'igihugu;
5. Guca ruswa, gutonesha n'imicungire mibi y'umutungo w'igihugu;
6. Kuzamura imibereho myiza y'abaturage
7. Guca burundu impamvu zitera ubuhunzi no gucyura impunzi z'Abanyarwanda ;
8. Guharanira umubano hagati y'u Rwanda n'ibindi bihugu ushingiye ku bwubahane, ubufatanye n'ubuhahirane ;
9. Kurwanya jenoside n'ingengabitekerezo yayo.

**Intego ya Mbere**

**KUGARURA UBUMWE BW'ABANYARWANDA.**

Amateka y'igihugu cyacu atwereka ko abakoroni baza mu Rwanda basanze Abanyarwanda barubatse igihugu kirangwa n'ubumwe bw'abagituye, bagikunda, bagitabarira bose kimwe iyo gitewe cyangwa giteye, bafite uburenganzira bwo gutura aho bashatse, basangiye umuco, iyobokamana, ururimi, bahurira ku butegetsi bw'Umwami n'abatware bose bemera, n'ibindi.

Ubutegetsi bw'abakoroni bwadusigiye Igihugu kirangwa n'urwikekwe, inzangano, umwiryane, ndetse bamwe mu Banyarwanda bamaze kukimeneshwamo ngo si Abanyarwanda nk'abandi. U Rwanda rumaze gusubirana ubwigenge, abarutegetse mu gihe cya MDR-PARMEHUTU cyangwa icya MRND aho kugerageza kugarura ubumwe bw'Abanyarwanda, bashimangiye amacakubiri kugeza n'ubwo abyaye jenoside yo mu 1994.

Intego ya mbere y'Umuryango FPR-INKOTANYI ni ukugarura ubumwe bw'Abanyarwanda, buri Munyarwanda agakunda igihugu cye, akumva ko agifiteho amahirwe n'uburenganzira bingana n'iby'undi Munyarwanda wese, Abanyarwanda bose bakongera kubana neza, kuzuzanya mu bitekerezo no mu bikorwa.
Kugira ngo bigerweho :

- Umuryango FPR-INKOTANYI uzaharanira kubaka ubuyobozi buboneye, bwubahiriza uburenganzira bwa buri wese kandi buha Abanyarwanda amahirwe angana ;
- Umuryango FPR-INKOTANYI uzaharanira kubaka igihugu kigendera ku mategeko gifite inzego z'ubutabera zikoraneza, zishishikariye kurwanya akarengane n'umuco wo kudahana byaranze u Rwanda, Abanyarwanda bose bareshye imbere y'amategeko;
- Umuryango FPR-INKOTANYI uzaharanira kugarura umuco n'uburere nyarwanda biha agaciro gukunda uRwanda n'Abanyarwanda, ubupfura, kwirinda umururumba, kuba inyangamugayo, kubahana no kubana neza.

**Intego ya Kabiri**

**KUBUMBATIRA UBUSUGIRE BW'IGIHUGU N' UMUTEKANO W' ABANTU N'IBINTU**

Jenoside yadusigiye ibibazo by'umutekano muke mu Rwanda no mu karere k'ibiyaga bigari.

Imbere mu gihugu hari Abanyarwanda bakoze amahano bashobora kwifuza gukuraho umuntu wese bakeka ko yaba azi ibyo bakoze. Hari kandi n'abacitse ku icumu bashobora kwifuza kwihanira ababahekuye. Kubera ko muri jenoside Abanyarwanda benshi bishe abandi bakanasahura, byatumye batinyuka gukora ibyaha byo kwica no kunyaga iby'abandi.

Mu mahanga, hari Abanyarwanda batari bake bahunze bamaze gukora amahano ya jenoside, kandi n'ubu bakaba bagikomeje uwo mugambi, ndetse bafite n'inshuti zibibafashamo. Mu Rwanda naho kandi haracyari bamwe mu Banyarwanda batarumva ububi bwa jenoside bahora biteguye kubafasha muri uwo mugambi mubisha.
Ibi byose biri mu bitera umutekano muke ndetse bigahungabanya ubusugire bw'u Rwanda.

**Kugira ngo ibyo bibazo bikemuke:**

- Umuryango FPR-INKOTANYI wiyemeje guharanira ko hajyaho inzego z'Umutekano zifite ubushake n'ubushobozi bwo kurinda umutekano w'abaturage b'u Rwanda n'ibyo batunze. Buri Muturarwanda wese, aho ari hose, haba ku manywa cyangwa n'ijoro, akumva ko arinzwe n'inzego z'umutekano ziteguye kumutabara no kumurenganura igihe cyose hari icyahungabanya umutekano we.
- Umuryango FPR-INKOTANYI uzaharanira kubaka inzego z'umutekano zirangwa na disipuline, gukunda no kubaha abaturage kuko ari bo zibereyeho. Uzaharanira kandi ko n'abaturage bakunda kandi bakubaha izo nzego.
- Umuryango FPR-INKOTANYI uzakangurira abaturage b'u Rwanda kumva no kugira uruhare mu kurinda umutekano wabo n'iby'abo, buri muturarwanda wese agasobanukirwa neza ko igihe cyose umuturanyi we abuze umutekano, nawe aba atawufite.
- Umuryango FPR-INKOTANYI wemera ko buri gihugu kigomba kugira ubusugire kandi bukarindwa n'abana bacyo. Niyo mpamvu Umuryango FPR-INKOTANYI uzaharanira ko u Rwanda rugira ingabo z'Abanyarwanda, zumva neza kandi zishoboye inshingano zazo zo kurinda ubusugire bw'lgihugu.
- Umuryango FPR-INKOTANYI uzaharanira ko u Rwanda rugira ingabo zumva neza ko

zibereyeho abaturage kandi ziyoborwa n'ubutegetsi abaturage bishyiriyeho. Ingabo z'u Rwanda zigomba kumva neza ko mu nshingano zazo harimo kurinda no kubaha inzego z'ubutegetsi.

- Umuryango FPR-INKOTANYI uzaharanira ko igihe cyose mu ngabo z'igihugu harimo umwanya, buri Munyarwanda wese ubyifuza kandi ubifitiye ubushobozi n' ubushake agira uburenganzira bwo kuzijyamo.
- Umuryango FPR-INKOTANYI uzaharanira kubaka ingabo zirangwa na disipuline, kubaha no gukunda abaturage b'u Rwanda kandi uzabakangurira nabo gukunda no gushyigikira ingabo zabo.

**Intego ya gatatu**

## KUBAKA UBUYOBOZI BUSHINGIYE KURI DEMOKARASI

U Rwanda rwaranzwe igihe kirekire n'imitegekere mibi ishingiye ku gitugu, amacakubiri no kutemerera abaturage kugira uruhare mu miyoborere y'igihugu cyabo. N'ubwo amatora yigeze kubaho mu Rwanda, nta bwo yashingiraga ku bitekerezo byiza cyangwa ku bushobozi bw'abiyamamaza, ahubwo yari ashingiye cyane cyane ku moko, uturere, amadini n'ibindi nk'ibyo bitagirira igihugu akamaro, lyo yabaga arangiye, abo batowe ntibashishikazwaga no kumva ibyifuzo by'abaturage bitwa ko bahagarariye.

Umuryango FPR-INKOTANYI wemera ko kugeza ubu, ubuyobozi bushingiye ku mahame nyayo ya demokarasi ari bwo buyobozi bwiza, abantu bashoboye gutekereza no kugeraho. Niyo mpamvu Umuryango FPR-INKOTANYI uzaharanira kubaka mu Rwanda ubutegetsi bushingiye kuri demokarasi.

**By' umwihariko**:

- Umuryango FPR-INKOTANYl uzaharanirako Abenegihugu bo bene ubutegetsi bagira uruhare mu miyoborere y'igihugu. Urwo ruhare rugomba kugaragarira mu gutanga ibitekerezo byabo ku buryo ibibazo bibugarije byakemurwa, mu kwitorera ababayobora, mu gushyira mu bikorwa imiti y'ibibazo byabo no mu kubakuraho igihe bananiwe kuzuza neza inshingano bahawe.
- Umuryango FPR-INKOTANYI uzaharanira kubaka igihugu kigendera ku mategeko, cyubahiriza uburenganzira bw'abaturarwanda bose, kugirango bareshye imbere y'amategeko kandi bagire amahirwe angana. Uzaharanira nanone ko u Rwanda ruba igihugu cyemera ibitekerezo bya politiki binyuranye ariko bitabangamira uburenganzira bw'ibanze bw'abaturarwanda.
- Umuryango FPR-INKOTANYI wemera ko nta demokarasi ishoboka kandi ko n'amajyambere adashobora kugerwaho igihe hakiri ubusumbane bushingiye ku bitsina byombi by'abaturarwanda, ni yo mpamvu uzaharanira ko habaho uburinganire n'ubwuzuzanye bw'ibyo bice byombi kugirango ababigize bose bagire uruhare, inyungu n'amahirwe bingana mu kubaka u Rwanda.

Kugirango ibi byose bigerweho Umuryango FPR-INKOTANYI uzaharanira kubaka

inzego z'ubutegetsi (Nshingamategeko, Nyubahirizategeko n'Ubucamanza), zitandukanyo, zigenga kandi zuzuzanya.

**Intego ya kane**

**KUBAKA UBUKUNGU BUSHINGIYE KU MUTUNGO BWITE W'IGIHUGU**

Ubukungu bw'u Rwanda bwaranzwe igihe kirekire n'ibibazo bikurikira:

- Umusaruro muke ushingiye ahanini ku buhinzi gakondo ushoboye gusa gutunga abaturage b'u Rwanda, na byo bitari igihe cyose, ariko ntubavane mu bukene ngo bagire ibyo basagurira amasoko, yaba ayo mu gihugu imbere cyangwa mu mahanga;
- Ubumenyi n'ikorana-buhanga bidahagije mu buhinzi, bituma mu Rwanda higanje ibihingwa bifite agaciro n'umusaruro bike ;
- Kutagira abantu bahagije bafite ubumenyi mu ikoranabuhanga ;
- Kuzigama n'ishoramari bidahagije kugirango habeho iterambere ;
- Kutagira umutungo kamere mwinshi wakoreshwa mu guteza imbere u Rwanda;
- Kuba u Rwanda ruri kure y'inyanja bituma gushora umusaruro warwo cyangwa gukura ibintu mu mahanga biruhenda cyane ;
- Ingeso yo guhanga amaso "abagiraneza" no kumva ko imibereho myiza n'iterambere bizava ku neza abandi bazagirira Abanyarwanda : abaturage bagahanga amaso Leta, Leta nayo igahanga amaso amahanga ;
- Icyorezo cya SIDA yica abantu benshi bakiri bato, bagifite ubumenyi n'ubushobozi bwo kugirira igihugu akamaro ;
- Ingaruka za jenoside yahitanye abantu barenga miliyoni, igasiga impfubyi, ibimuga n'abapfakazi badafite ubushobozi fatizo bwo knbaho no kwiteza imbere, kandi igasenya n'ibikorwa byari gufasha u Rwanda gutera imbere. Jenoside yashenye kandi icyizere Abanyarwanda bari bakwiriye kugirira ejo hazaza na Leta yabo, ndetse n'icyo abanyamahanga bagirira u Rwanda n'inzego z'ubuyobozi zarwo kugirango babe barushoramo imari.

Umuryango FPR-INKOTANYI wiyemeje guhangana n'izi nzitizi z'ubukungu bw'u Rwanda kugirango wubake ubukungu bwigenga kandi bushingiye ku mutungo kamere w'u Rwanda.

**By'umwihariko :**

- Umuryango FPR-INKOTANYI uzaharanira kubaka ubuyobozi bwiza kugirango Abanyarwanda bagarure icyizere mu gihugu cyabo, bityo benshi muri bo ndetse n'abanyamahanga bashobore kugira uruhare mu iterambere ry'ubukungu, kandi iryo terambere rigere ku Banyarwanda bose.

By'umwihariko Umuryango uzaharanira ko abari n'abategarugori bagira uruhare rukomeye mu bice byose by'iterambere by'ubukungu bw'u Rwanda.

Umuryango FPR-INKOTANYI uzaharanira kubaka ubukungu bushingiye ahanini ku bikorera ku giti cyabo, uruhare rwa Leta rukaba cyane cyane urwo gushyiraho amategeko yorohereza kandi aha icyizere abifuza bose gushora imari yabo mu Rwanda. Ariko kandi Leta ishobora gushora imari mu mishinga ibona yagirira u Rwanda akamaro, mu gihe abikorera ku giti cyabo batiteguye gushoramo imari, cyangwa se ikaba yabatera inkunga mu gihe cyose bibaye ngombwa.

- Umuryango FPR-INKOTANYI wemera ko ubutunzi bw'ingirakamaro u Rwanda rufite ari Abanyarwanda. Niyo mpamvu uzaharanira ko igice kinini cy'imari y'u Rwanda gishorwa mu kwigisha no kongerera ubumenyi Abanyarwanda cyane cyane mu buhanga, ikoranabuhanga, ihangamirimo, gukoresha no gucunga neza ibyo bashinzwe (science, technology, entrepreneurship and management) kugirango bashobore kwiteza no guteza u Rwanda imbere.
- Umuryango FPR-INKOTANYI uzaharanira guhindura u Rwanda ihuriro ry'imirimo y'ubucuruzi mu karere k'ibiyaga bigari ruherereyemo, cyane cyane muri za serivisi zishingiye ku ikoranabuhanga rikoresha itumanaho n'ibyuma kabuhariwe (ordinateurs/computers).
- Umuryango uzaharanira guteza imbere umutungo kamere no gufata neza ibidukikije. By'umwihariko Umuryango FPR-INKOTANYI uzaharanira ko uwo mutungo (nk'umwuka wo mu kiyaga cya Kivu, uburanga bw'imisozi, ibibaya, ibiyaga, amashyamba, inyamaswa ...by'u Rwanda, ...) ugira uruhare ugaragara mu iterambere ry'ubukungu bw'u Rwanda.
- Umuryango FPR-INKOTANYI uzaharanira guteza imbere ubuhinzi bw'u Rwanda kugirango ku butaka buto u Rwanda rufite, hasarurwehoibiruhagije ndetse runasagurire amasoko yo hanze. Umuryango uzaharanira ko muri buri gice cy'u Rwanda hahingwa ibiberanye n'ubutaka n'imiterere y'igihe byaho.
- Umuryango uzaharanira kandi ko hatoranywa ibihingwa bifite agaciro kanini ku masoko, n'imbuto zitanga umusaruro mwinshi kandi hakoreshwe n'inyongera musaruro.
- Umuryango uzaharanira ko amategeko agenga imikoreshereze y'ubutaka avugururwa kugirango ubutaka bube umutungo nyakuri ubyara ubukungu.
- Umuryango uzaharanira ko Abanyarwanda babeshejweho no guhinga bagenda babona indi mirimo yababeshaho, uwo murimo ugasigarana abawufitiye ubushobozi buwugira umwuga.
- Umuryango FPR-INKOTANYI uzaharanira ko u Rwanda rugira itumanaho rijyanye n'amajyambere agezweho ku isi, rukagira n'amashanyarazi ahagije kandi adahenze.

- By'umwihariko Umuryango FPR-INKOTANYI uzaharanira kubaka imihanda myiza ihuza ibice byose by'u Rwanda n'ibihugu birukikije, kugirango bishobore guhahirana. Umuryango FPR-INKOTANYI uzaharanira kandi ko hubakwa gari ya moshi ihuza u Rwanda n'inyanja y'Ubuhinde.

- Umuryango uzaharanira gukuraho akamenyero Abanyarwanda bafite ko guhanga amaso"abagiraneza", bityo bakemera ko bashobora kwiteza imbere mu gihe babihagurukiye

**Intego ya gatanu**

## GUCA UMUCO WA RUSWA, GUTONESHA, IMICUNGIRE MIBI Y'UMUTUNGO W'IGIHUGU N'IZINDI NGESO ZIJYANYE NABYO

Umuco wo kwaka no gutanga ruswa, gutonesha no gucunga nabi ibya rubanda ni bimwe mu byadindije amajyambere y'Afurika binayibuza kugira ubwigenge nyabwo. Biri kandi no mu bitera umwiryane n'intambara mu bihugu byinshi byayo bigasenya ubumwe bwabyo.

Izongeso zo kwaka no gutanga ruswa, gutonesha, gucunga nabi ibya rubanda, kwaka no gutanga ibyo umuntu adafitiye uburenganzira ziri mu zashegeshe ubukungu, amahoro n'ubumwe by'u Rwanda, kuva aho rwongereye kubona ubwigenge. By'umwihariko zigenda zica intege ubwitange Abanyarwanda bagize mu gushaka gusana no kubaka u Rwanda nyuma y'amahano yarubayemo mu mwaka w' 1994.

Umuryango FPR-INKOTANYI uzazirwanya byimazeyo. Muri iyo ntambara:

- Umuryango FPR-INKOTANYI uzakangurira abaturage bose b'u Rwanda, mu nzego zose barimo, kumenya ko umutungo w'igihugu ari uwa bose kugira ngo buri wese yumve ko afite inshingano yo kuwucunga neza, kandi ko igihe cyose ateshutse kuri iyo nshingano aba ahemukiye abanyarwanda bose.

- Umuryango FPR-INKOTANYI uzakangurira abaturage b'u Rwanda bose kumva ko batagomba kugura uburenganzira bwabo, kandi ko bagomba kwamagana no kurwanya abo bose babubagurishaho biciye muri ruswa, haba mu nzego za Leta cyangwa mu zigenga.

- Umuryango FPR-INKOTANYI uzakangurira abaturage b'u Rwanda kumenya neza imiterere n'ububi by'ingeso zose zo guhongesha (corruption) nko kwaka no gutanga ruswa, gutonesha, gukingira ikibaba, gukoresha icyenewabo, gushaka inyungu bwite ukoresheje umwanya igihugu cyagushyizemo, kunyereza umutungo wa Leta n'ibindi nk'ibyo, kugirango bashobore kubirwanya byimazeyo.

- Umuryango FPR-INKOTANYI uzaharanira ko mu nzego zose za Leta habamo imikorere myiza ibangamira abashaka gushyira mu bikorwa ingeso mbi zose. Uzaharanira kandi ko hajyaho inzego zihariye zishinzwe kuzirwanya, hakajyaho n'amategeko ateganya ibihano ku bagaragayeho ibyo byaha.

**Intego ya gatandatu**

## KUZAMURA IMIBEREHO MYIZA Y'ABATURAGE

Abanyarwanda ntibirinda indwara uko bikwiye kandi igihugu nta mavuriro ahagije gifite, n'ahari ntabwo abaturage bafite ubushobozi bwo kuyivurizamo kandi ntafite abakozi n'ibikoresho bihagije. Benshi mu baturage b'u Rwanda ntibafite aho bavoma amazi meza kandi ntibabona ibifungurwa bihagije. Ibi byose bituma icyizere cyo kubaho cy'Umunyarwanda kitarenga imyaka 49! Benshi bapfa bakivuka cyangwa ntibarenze imyaka itanu; abandi nabo batari bake ibyorezo nka malariya na SI DA na byo bikabahitana bakiri bato.

Mu Rwanda amashuri ahari ntahagije kandi abaturage benshi nta bushobozi bafite bwo kuyoherezamo abana. Benshi mu bayagiyemo ntibarenga amashuri abanza. Ibi bituma 50% by'Abanyarwanda batamenya gusoma no kwandika. Abagize amahirwe yo kujya muri ayo mashuri, ntibahabwa inyigisho zituma bagira ubushobozi bwo kwikorera ibyabagirira akamaro ngo bibavane mu bukene kandi bateze igihugu imbere.

Muri ubwo buke bw'ibyangombwa bikenerwa kugirango abantu babe bagira imibereho myiza, usanga abari n'abategarugori batitabwaho kimwe na basaza babo, bityo uruhare rwabo mu iterambere rusange ry'igihugu rukaba ruto. Abanyarwanda batuye ku buryo butatanye, buri wese mu isambu ye n'umuryango we ahingamo imyaka itandukanye, akayororeramo ndetse akayigabagabanya abamukomokaho.

Ingufu (energy) nyinshi Abanyarwanda bakoresha bazivana mu gucana ibiti, ibyo bikonona ibidukikije kandi bikagira ingaruka ku mihindagurikire y'ikirere, imvura ikaba nke, izuba rikaba ryinshi.

Kuri ibyo bibazo bitera imibereho mibi u Rwanda rwari rumaranye igihe kirekire, hiyongereyeho ibibazo bikomoka ku ntambara na jenoside, byabaye hagati ya 1990 na 1994 bigasiga abamugaye, abapfakazi, abashaje batakigira imiryango, impfubyi n'abana b'inzererezi (mayibobo) benshi.

Mu Rwanda imibereho y'abaturage iracyari mibi cyane. Abaturage bagera kuri 70 % ni abakene bikabije. Ntabwo bitangaje cyane kuko imibereho myiza y'abaturage ijyana n'iterambere rusange ry'ubukungu, kandi nk'uko byavuzwe ubukungu bw'u Rwanda buracyafite inzitizi zikomeye. Ibyo bibazo byose byavuzwe byatumye ingeso mbi ziyongera (ubusambanyi, kunywa ibiyobyabwenge ...), ari na zo zabaye inzira z'indwara z'ibyorezo nka SIDA n'izindi.

Umuryango FPR-INKOTANYI wemera ko umuntu ariwe shingiro ry'ibikorwa kandi ari nawe bigomba kugirira akamaro. Wemera ko mu burenganzira bw'ibanze umuntu akwiriye kugira harimo ubwo kubaho neza bijyanye no kurya no kwambara neza, kugira aho utaha heza, kunywa amazi meza, kwiga, kugira ubuzima bwiza, indwara zabuhungabanya zikavurwa, n'ibindi.

**Ni yo mpamvu:**

- Umuryango FPR-INKOTANYI uzaharanira ko buri mwana wese w'u Rwanda ugeze mu

kigero cyo kwiga abona ishuri yigamo kandi hafi. Muri iryo shuri yigemo ubumenyi rusange, umuco mwiza w'u Rwanda, ubuhanga n'ikoranabuhanga ku buryo buri wese urirangije aba afite icyo azi gukora cyamugirira akamaro ndetse kikakagirira n'igihugu eye. Umuryango FPR-INKOTANYI uzaharanira kandi ko imyanya mu mashuri itangwa hakurikijwe ubushobozi gusa.

- Umuryango FPR-INKOTANYI uzaharanira ko abari n'abategarugori b'u Rwanda bagira uburenganzira bungana n'ubwa basaza babo, kandi bagakangurirwa kubumenya no kubuharanira kugirango bashobore kugira uruhare rugaragara mu bikorwa byose by'iterambere ry'igihugu cyabo.

- Umuryango FPR-INKOTANYI uzaharanira ko urubyiruko rwose rutashoboye gukomeza amashuri rwibumbira mu mashyirahamwe, rukagirwa inama z'uko rwakwirwanaho ndetse rukanafashwa kubigeraho.

- Umuryango FPR-INKOTANYI uzashishikariza Abanyarwanda gukunda kugira isuku mu mibereho yabo kugirango birinde indwara zose zituruka ku mwanda. Uzaharanira ko abaturage b'u Rwanda bagira amazi meza kandi bamenye no kuyakoresha neza.

- UmuryangoFPR-INKOTANYI uzaharanirako buri muturarwanda wese agira ubushobozi bwo kwivuza, kandi ko amavuriro yegera abaturage ndetse akagira n'ibikoresho bya ngombwa.

- Umuryango FPR-INKOTANYI uzakangurira abaturage b'u Rwanda gukunda no gufata neza ibidukikije kuko nta mibereho myiza ishoboka igihe twangiza ibidukikije.

- Umuryango FPR-INKOTANYI uzakangurira Abanyarwanda kugarura no gukomeza umuco wo gufashanya, haba mu rwego rw'aho batuye cyangwa mu rwego rw'igihugu, kugira ngo abatishoboye bataba ba nyamwigendaho. By'umwihariko Umuryango uzaharanira ko abatishoboye bahabwa ubushobozi bwo kugira icyo bakwimarira bakora imirimo bashoboye aho kujya bahabwa ibibatunga gusa.

**Intego ya karindwi**

**GUCA BURUNDU IMPAMVU ZITERA UBUHUNZI NO GUCYURA IMPUNZI.**

U Rwanda rwagiye rngira Abanyarwanda baruhunga bitewe n'ubutegetsi bubi cyangwa se ubukungu bwababaga butameze neza. Ibi byagiye bibaho haba ari mu gihe cya mbere y'ubukoroni, mu gihe cy'ubukoroni cyangwa nyuma y'aho rwongeye kubonera ubwigenge.

Ariko kandi ikibazo cy'ubuhunzi cyaje gukomera cyane mu gihe cy'ubutegetsi bwa MDR-PARMEHUTU na MRND, kuko bwaranzwe no gusenyera, gutwikira, kwica no kumenesha bamwe mu Banyarwanda bazira ubwoko cyangwa ibitekerezo byabo bya politiki. Hari kandi n'abameneshwaga no kubura uburenganzira bwo kwiga, gukorera igihugu cyabo no kubura

umutekano nk'abandi Banyarwanda.

Byaje kugera n'aho mu gihe cya MRND ubutegetsi bw'u Rwanda buvuga ko u Rwanda ari ruto, abagiye barumeneshejwemo batagifite uburenganzira bwo kwongera kuruturamo, ahubwo ko bagomba gutura burundu ishyanga.

Ubutegetsi bubi bwaranze igihugu cyacu igihe kirekire, bwatumye u Rwanda ruba igihugu gifite impunzi nyinshi mu bihugu birukikije. Umubare w'impunzi waje kwiyongera bikabije mu 1994, kubera abagize uruhare muri jenoside bahunze u Rwanda ndetse bagatwara abaturage benshi ho ingwate.

Umuryango FPR-INKOTANYI wemera ko buri Munyarwanda wese afite uburenganzira busesuye bwo gutura mu gihugu eye, igihe cyose abishaka n'ubwo kurengerwa na cyo igihe atakirimo, kandi ko ubwo burenganzira
budakwiye guhungabana.

**Kubera ibyo:**

- Umuryango FPR-INKOTANYI uzaharanira kubaka ubuyobozi bwiza bwubaha kandi bukorera inyungu z'abaturage, kugirango hatagira umuturage w'u Rwanda wongera kwumva akwiriye guhunga ubutegetsi ;

- Umuryango FPR-INKOTANYI uzaharanira gukuraho impamvu zose zituma haba munyarwanda wumvako agomba guhunga igihugu cye. By'umwihariko uzarwanya impamvu zose zituma Umunyarwanda yumva ko afite umutekano muke mu Rwanda, cyangwa ko abona afite uburenganzira n'amahirwe bitangana n'iby'abandi Banyarwanda ;

- Umuryango FPR-INKOTANYI uzakora ibishoboka byose ukangurire Abanyarwanda bakiri hanze gutaha, wihatira kubagezaho inkuru z'imvaho ku mitererey'u Rwanda, kugirango ibyo babwirwa n'abatifuza ko bataha kubera impamvu zabo za politiki bibashiremo ;

- Umuryango FPR-INKOTANYI uzaharanirako Umunyarwanda wese abona uburenganzira bwo gutanga ibitekerezo bye, ariko azirikana ko bidakwiriye guhutaza uburenganzira bw'abandi, bityo ntihagire uwumva ko akwiriye guhunga u Rwanda kugirango abone uko avuga ;

- Umuryango FPR-INKOTANYI uzaharanira ko Abanyarwanda batuye mu mahanga ku mpamvu izo arizo zose bakomeza kumva ko ari Abanyarwanda bafitc uburenganzira bwo gutura mu Rwanda cyangwa kurusura, kandi ko na za ambasade z'u Rwanda nabo zibahagarariye.

**Intego ya munani**

**GUHARANIRA UMUBANO HAGATI Y'U RWANDA N'IBINDI BIHUGU USHINGIYE**

**K'UBWUBAHANE, UBUFATANYE N'UBUHAHIRANE**

U Rwanda kuva rwongera kubona ubwigenge rukaba kimwe mu bihugu bigize Umuryango w'Abibumbye, rwaranzwe na politiki y'ububanyi n'amahanga igamije gushimisha ibihugu byakoronije Afurika, ngo rushobore kubona imfashanyo zibiturukamo. Izo mfashanyo nazo ntabwo akenshi zashakwaga ngo zinakoreshwe hakurikijwe inyungu z'abaturage.

Umuryango FPR-INKOTANYI wiyemeje guharanira ko u Rwanda rwagira politiki y'ububanyi n'amahanga n'ubutwererane ishingiye ku nyungu z'iterambere ry'u Rwanda n'Abanyarwanda, n'ubwubahane hagati y'ibihugu.

Kugira ngo ibi bigerweho:

- Umuryango FPR-INKOTANYI uzaharanira ko u Rwanda rugirana umubano n'ubutwererane byiza n'ibihugu byose. By'umwihariko Umuryango FPR-INKOTANYI uzaharanira ko u Rwanda rugirana umubano n'ubutwererane bikomeye n'ibihugu biri mu karere rurimo, no kwagura uwo mubano ku bihugu byateye imbere;

- Umuryango FPR-INKOTANYI uzaharanira ko umubano n'ubutwererane hagati y'u Rwanda n'ibindi bihugu, ushingira ku bwubahane no ku nyungu z'abaturage;

- Umuryango FPR-INKOTANYI uzaharanira ko u Rwanda ruba igihugu cyubashywe n'amahanga, bitewe n'inkunga rutanga mu gukemura ibibazo by'isi, n'uburyo rushyira mu bikorwa ibyo rwemeye;

- Umuryango FPR-INKOTANYI uzaharanira ko u Rwanda rugira uruhare mu kwibohoza kwuzuye kw'Afurika ndetse no kwubaka ubumwe bw'Afurika kugirango ishobore kugira ijambo ryumvikana mu rubuga mpuzamahanga.

- Umuryango FPR-INKOTANYI uzaharanira ko u Rwanda rugira politiki y'ububanyi n'amahanga yamagana kandi irwanya jenoside n'ibikorwa byose byibasira inyoko- muntu aho bikorwa hose;

- Umuryango FPR-INKOTANYI uzaharanira ko u Rwanda rumenyekana neza mu mahanga, ibibazo byarwo n'uburyo rugerageza kubikemura bikamenyekana uko biri, bityo rukagira ishusho rukwiriye.

- Umuryango FPR-INKOTANYI uzaharanira kugirana ubufatanye bushingiye ku nyungu z'u Rwanda n'imiryango mpuzamahanga itsura amajyambere nka Banki Nyafurika y'lterambere (BAD), Banki y'isi yose (World Bank), Ikigega mpuzamahanga (IMF), Umuryango w'ibihugu by'lburayi (European Union), n'indi ;

- Umuryango FPR-INKOTANYI uzaharanira ko u Rwanda rugira politiki ihamye yo guha Abanyarwanda batuye mu mahanga,uburyo bwo kugira uruhare mu iteramberery'u

Rwanda no kubagira intumwa zarwoaho bari ;

- Umuryango FPR-INKOTANYI uzaharanira ubufatanye n'indi mitwe ya politiki ifite ibitekerezo irwanya ubusumbane ubwo ari bwo bwose kandi bishyigikiye inyunngu za rubanda (progressistes).

**Intego ya cyenda**

**KURWANYA JENOSIDE N'INGENGABITEKEREZO YAYO**

Kuva mu mpera z'umwaka wa 1959 ni bwo byagaragaye ko Abanyarwanda bamwe bacuze umugambi wo kurimbura abandi babaziza ubwoko bwabo bw'abatutsi. Icyo gihe muri bo hari abishwe, abasenyewe, bameneshejwe ibyo byakomeje no mu myaka yakurikiye ho, indunduro iza kuba mu 1994, ubwo mu gihe cy'amezi atatu u Rwanda rwapfushaga abaturage barenga miliyoni. Uwo mugambi mubisha wahitanye abaziraga ubwoko bwabo n'abandi baziraga ko banze kuwitabira.

Abakoze jenoside mu Rwanda bagiye mu bindi bihugu, cyane cyane ibiri muri aka karere k'ibiyaga bigari, bagenda bigisha ingengabi-tekerezo ya jenoside ndetse banayishyira mu bikorwa, ku buryo igenda ishingamo imizi.

Umuryango FPR-INKOTANYI wiyemeje kurwanya ingengabitekerezo ya jenoside kugirango itazongera kugera aho ibyara indi jenoside; wiyemeje kandi kuyirwanya ukoresheje imbaraga zawo zose, haba mu Rwanda, mu karere k'ibiyaga bigari n'ahandi hose ku isi.

**Ni yo mpamvu:**

- Umuryango FPR-INKOTANYI uzarwanya byimazeyo ingengabitekerezo yose itesha umuntu cyangwa abantu agaciro bishingiye ku bwoko, ku mico, ku idini, ku karere cyangwa ibindi byose bibahuza ;
- Umuryango FPR-INKOTANYI uzaharanira ko mu Rwanda hajyaho amategeko arwanya amacakubiri ayo ari yo yose, arwanya jenoside n'abayipfobya, uharanire kandi ko akurikizwa ;

- Umuryango FPR-INKOTANYI uzaharanira ko uburenganzira bw'abaturarwanda bwose bwubahwa uhereye cyane cyane ku burenganzira bwo kubaho;

- Umuryango FPR-INKOTANYI uzaharanira ko hatabaho ubutegetsi bw'indobanure bushingiye ku ivangura iryo ari ryo ryose;

- Umuryango FPR-INKOTANYI uzaharanira ko habaho inzego z'ubutegetsi n'iz'umutekano abaturage bashobora bose kwibonamo kandi zumva ko zikorera inyungu z'abaturage.

- By'umwihariko Umuryango FPR-INKOTANYI uzaharanira ko u Rwanda rugira inzego z' umutekano zisobanukiwe ububi bwa jenoside kandi ziteguye kuyirwanya mu Rwanda, mu karere rurimo n'ahandi hose byaba ngombwa.

## IV. UMWANZURO.

Izi Ntego n'lmigambi byateguwe n'Umuryango FPR-INKOTANYI umaze gusesengura neza ibibazo u Rwanda rwari rufite kugeza muri Mata 1994. Umuryango wemera ko izi Ntego n'Imigambi nibishyirwa mu bikorwa bizaba ibisubizo by'ibibazo bitandukanye u Rwanda rwari rufite muri icyo gihe, byaba ari iby'imibanire y'Abanyarwanda, iby'umutekano, iby'ubukungu n'ibya politiki.

Ariko kandi uko ibibazo by'iki gihe bikemuka, n'uko isi igenda ihinduka, niko hagenda havuka ibindi. Umuryango FPR-INKOTANYI usezeranyije Abanyarwanda ko utazatezuka ku ntego yawo yo guhora ushakira imiti ibibazo by' u Rwanda.Ni yo mpamvu igihe cyose bizaba ari ngombwa Umuryango FPR-INKOTANYI ushobora kuzajya ugira ibyo uhindura mu Ntego n'Imigambi byawo bitewe n'ibibazo bishya u Rwanda ruzaba ruhanganye nabyo.

# V. AMATEGEKO-REMEZO Y'UMURYANGO FPR- INKOTANYI NK'UKO YAHINDUWE KANDI YUJUJWE KUGEZA UBU

**AMATEGEKO-REMEZO Y'UMURYANGO FPR- INKOTANYI NK'UKO YAHINDUWE KANDI YUJUJWE KUGEZA UBU**

**ISHAKIRO**

**INTERURO YA MBERE: INYITO, INTEGO, IMIGAMBI, IBIRANGO N'ICYICARO**

**Ingingo ya mbere: Icyo aya mategeko–remezo agamije**

**Ingingo ya 2: Intego z'Umuryango FPR-INKOTANYI**

**Ingingo ya 3: Icyo Umuryango FPR-INKOTANYI ugamije**

**Ingingo ya 4: Imigambi y'Umuryango FPR-INKOTANYI**

**Ingingo ya 5: Ibirango by'Umuryango FPR-INKOTANYI**

**Ingingo ya 6: Ikirangantego cy'Umuryango FPR-INKOTANYI**

**Ingingo ya 7: Icyicaro cy'Umuryango FPR-INKOTANYI**

**INTERURO YA II: IBYEREKEYE ABANYAMURYANGO**

**Ingingo ya 8: Ibisabwa umuntu ushaka kuba Umunyamuryango**

**Ingingo ya 9: Kwemererwa kuba Umuryango wa FPR-INKOTANYI**

**Ingingo ya 10: Uburenganzira, inshingano n'imyitwarire by'abanyamuryango**

**Ingingo ya 11: Kureka kuba Umunyamuryango**

**INTERURO YA III: INZEGO Z'UMURYANGO FPR-INKOTANYI**

**UMUTWE WA MBERE: INZEGO Z'UBUYOBOZI Z'UMURYANGO FPR-INKOTANYI**

**Ingingo ya 12: Inzego z'Umuryango FPR-INKOTANYI**

**Ingingo ya 13: Inzego z'ubuyobozi bw'Umuryango ku rwego rw'Igihugu**

**Ingingo ya 14: Inzego z'ubuyobozi z'Umuryango ku rwego rw'Intara n'Umujyi wa Kigali, Akarere, Umurenge, Akagari n'Umudugudu**

**ICYICIRO CYA MBERE: INAMA NKURU Y'UMURYANGO FPR – INKOTANYI N'INTEKO RUSANGE Y'INTARA/UMUJYI WA KIGALI**

**Ingingo ya 15: Abagize Inama Nkuru y'Umuryango FPR –INKOTANYI**

**Ingingo ya 16: Inshingano z'Inama Nkuru**

**Ingingo ya 17:Abagize Inteko Rusange y'Intara n'Umujyi wa Kigali**

**Ingingo ya 18: Abagize Inteko Rusange y'Akarere**

**Ingingo ya 19: Abagize Inteko Rusange y'Umurenge**

**Ingingo ya 20: Abagize Inteko Rusange y'Akagari**

**Ingingo ya 21: Abagize Inteko Rusange y'Umudugudu**

**Ingingo ya 22: Inshingano z'Inteko Rusange ku Ntara n'Umujyi wa Kigali, Akarere, Umurenge, Akagari n'Umudugudu**

**ICYICIRO CYA 2: BIRO POLITIKI Y'UMURYANGO FPR-INKOTANYI**

**Ingingo ya 23: Abagize Biro Politiki y'Umuryango FPR-INKOTANYI**

**<u>Ingingo ya 24</u>: Inshingano za Biro Politiki**

**<u>ICYICIRO CYA 3</u>: KOMITE NYOBOZI**

**<u>Ingingo ya 25</u>: Abagize Komite Nyobozi ku rwego rw'Igihugu**

**<u>Ingingo ya 26</u>: Abagize Komite Nyobozi ku rwego rw'Intara n'Umujyi wa Kigali kugeza ku rwego rw'Umudugudu**

**<u>Ingingo ya 27</u>: Inshingano za Komite Nyobozi**

**<u>Ingingo ya 28</u>: Komisiyo za Komite Nyobozi ku rwego rw'Igihugu**

**<u>Ingingo ya 29</u>: Ishyirwaho n'ivanwaho bya za Komisiyo za Komite Nyobozi**

**<u>Ingingo ya 30</u>: Imiterere, imitunganyirize n'inshingano bya Komisiyo**

**<u>UMUTWE WA II:</u> INSHINGANO Z'ABAYOBORA INZEGO Z'UMURYANGO FPR-INKOTANYI**

**<u>Ingingo ya 31</u>: Guhagararira Umuryango FPR-INKOTANYI imbere y'amategeko**

**<u>Ingingo ya 32</u>: Inshingano za Perezida w'Umuryango**

**<u>Ingingo ya 33</u>: Inshingano za Visi-Perezida w'Umuryango-FPR INKOTANYI**

**<u>Ingingo ya 34</u>: Inshingano z'Umunyamabanga Mukuru w'Umuryango FPR-INKOTANYI**

**<u>Ingingo ya 35</u>: Inshingano za Komiseri**

**<u>Ingingo ya 36</u>: Inshingano za Perezida wa Komite Nyobozi**

**<u>Ingingo ya 37</u>: Inshingano za Visi Perezida wa Komite Nyobozi**

**Ingingo ya 38: Inshingano z'Umunyamabanga wa Komite Nyobozi**

**Ingingo ya 39: Inshingano z'Umuyobozi wa Komisiyo**

**UMUTWE WA III: INGAGA Z'UMURYANGO FPR-INKOTANYI**

**Ingingo ya 40: Ubwoko bw'Ingaga zishingiye ku Muryango FPR-INKOTANYI**

**Ingingo ya 41: Porogaramu na Politiki by'Ingaga zishingiye ku Muryango FPR-INKOTANYI**

**Ingingo ya 42: Imiterere n'imikorere y'ingaga zishingiye ku Muryango FPR-INKOTANYI**

**Ingingo ya 43: Gusesa Ingaga z'Umuryango FPR-INKOTANYI**

**UMUTWE WA IV: INZEGO ZIHARIYE**

**ICYICIRO CYA MBERE: KOMITE NGENZUZI**

**Ingingo ya 44: Urwego rushinzwe ubugenzuzi**

**Ingingo ya 45: Abagize Komite Ngenzuzi**

**Ingingo ya 46: Imiterere n'imikorere bya Komite Ngenzuzi**

**Ingingo ya 47: Inshingano za Komite Ngenzuzi**

**ICYICIRO CYA 2: KOMISIYO NGENGAMYITWARIRE**

**Ingingo ya 48: Ishyirwaho n'imiterere bya Komisiyo Ngengamyitwarire**

**Ingingo ya 49: Inshingano za Komisiyo Ngengamyitwarire**

**Ingingo ya 50: Ishyirwaho n'umubare w'abagize Komisiyo Ngengamyitwarire ihoraho**

**INTERURO YA IV: ABAYOBOZI**

**Ingingo ya 51: Igisobanuro cy'Umuyobozi mu Muryango FPR-INKOTANYI**

**Ingingo ya 52: Ibiranga imikorere y'umuyobozi mu Muryango FPR- INKOTANYI**

**Ingingo ya 53: Ishyirwaho ry'abagize Komite Nyobozi y'Umuryango FPR- INKOTANYI**

**Ingingo ya 54: Ishyirwa mu myanya y'ubuyobozi**

**Ingingo ya 55: : Manda y'abayobozi b' Inzego z'Umuryango-INKOTANYI**

**Ingingo ya 56: Imyitwarire y'abayobozi b'Umuryango FPR-INKOTANYI**

**Ingingo ya 57: Uko Umuyobozi ava ku mirimo ashinzwe**

**Ingingo ya 58: Uko Abayobozi b'Umuryango FPR-INKOTANYI basimburwa**

**Ingingo ya 59: Uko Abayobozi b'Umuryango FPR-INKOTANYI badatorwa bavanwa ku mirimo**

**INTERURO YA V: INAMA Z'UMURYANGO FPR-INKOTANYI**

**Ingingo ya 60: Inama z'Umuryango FPR-INKOTANYI**

**Ingingo ya 61: Igihe inama z'Inama Nkuru n'Inteko Rusange ziteranira**

**Ingingo ya 62: Igihe inama za Biro Politiki ziteranira**

**Ingingo ya 63: Igihe inama za Komite Nyobozi ziteranira**

**Ingingo ya 64: Igihe inama zidasanzwe z'Inzego z'Umuryango ziterana**

**Ingingo ya 65: Ibyerekeye itumiza, iterana n'itegurwa by'inama**

**Ingingo ya 66: Uko ibyemezo bifatirwa mu nama y'Umuryango**

**Ingingo ya 67: Itangwa ry'inyandikomvugo y'inama**

**INTERURO YA VI: UMUTUNGO W'UMURYANGO FPR-INKOTANYI**

**Ingingo ya 68: Inkomoko y'umutungo w'Umuryango**

**Ingingo ya 69: Imicungire y'umutungo w'Umuryango**

**INTERURO YA VII: INGINGO Z'INZIBACYUHO N'IZISOZA**

**Ingingo ya 70: Gukomeza imirimo ku bari mu Nzego z'Umuryango**

**Ingingo ya 71: Ubufatanye n'indi mitwe ya politiki**

**Ingingo ya 72: Guhindura amategeko–remezo y'Umuryango FPR-INKOTANYI**

**Ingingo ya 73: Iseswa ry'Umuryango FPR-INKOTANYI**

**Ingingo ya 74: Icyo umutungo w'Umuryango FPR-INKOTANYI ukoreshwa iyo usheshwe**

**Ingingo ya 75: Agaciro k'amategeko-remezo y'Umuryango FPR-INKOTANYI**

**Ingingo ya 76: Igihe aya mategeko–remezo atangira gukurikizwa**

**AMATEGEKO-REMEZO Y'UMURYANGO FPR- INKOTANYI NK'UKO YAHINDUWE KANDI YUJUJWE KUGEZA UBU**

**IRANGASHINGIRO**

Twibukije ko amateka y'Igihugu cyacu atwereka ko kuva kibayeho cyatuwe n'imbaga imwe y'Abanyarwanda;

Twibukije ko ayo mateka y'u Rwanda yaranzwe ahanini n'ubutegetsi budashingiye ku baturage;

Twibukije ko u Rwanda rwakozwe mu nda igihe kirekire, abana barwo bakabuzwa uburenganzira bwabo bamwe bakicwa, abandi bagahungira mu mahanga ;

Twibukije ko umutungo w'u Rwanda wagiye ahanini wikubirwa kandi ugakoreshwa nabi n'udutsiko twagiye dusimburana ku butegetsi;

Twibukije ko mu wa 1979 hashinzwe umuryango wa politiki witwaga RANU (Rwandese Alliance for National Unity) wari ufite intego yo guhuza Abanyarwanda no kubakangurira kurwanya akarengane n'ubutegetsi bw'igitugu byari byiganje mu Rwanda;

Twibukije kandi ko mu wa 1987 RANU yivuguruye igahinduka umuryango wa politiki witwa « Front Patriotique Rwandais (FPR)-INKOTANYI /Rwandese Patriotic Front (RPF)-INKOTANYI »;

Dukurikije ko Umuryango FPR-INKOTANYI wafashe intwaro ku itariki ya mbere Ukwakira 1990 ugatangiza urugamba rwo kubohora u Rwanda;

Dukurikije ko Umuryango FPR-INKOTANYI wahagaritse jenoside ugatsinda ubutegetsi bw'igitugu muri Nyakanga 1994;

Dukurikije ko Umuryango FPR-INKOTANYI ufatanyije n'indi mitwe ya politiki washyizeho Leta y'Ubumwe bw'Abanyarwanda ;

Dukurikije ko Umuryango FPR-INKOTANYI utahwemye gukangurira Abanyarwanda bose

guharanira ubumwe, demokarasi n'amajyambere, no kwakira ibitekerezo byose bijyana kuri izo ntego;

Dukurikije ko kuva Guverinoma y'Ubumwe bw'Abanyarwanda yajyaho, Umuryango "FPR-INKOTANYI" wabaye ku isonga mu gusana no kubaka igihugu, mu guharanira no gushimangira imiyoborere myiza n'imibanire myiza hagati y'Abanyarwanda;

**TWEBWE, ABANYAMURYANGO BA « FRONT PATRIOTIQUE RWANDAIS - INKOTANYI »,**

Tumaze kubona no gusuzuma ibibazo biremereye Igihugu cyacu, bikomoka ku butegetsi bubi bwaranze u Rwanda mu myaka yo hambere;

Tumaze kwiyemeza ko Umuryango FPR-INKOTANYI ugomba kuba musemburo w'ubuyobozi bwiza, buzazana impinduka nyakuri mu Rwanda;

Tumaze kwiyemeza ko nta mpamvu izatubuza kugera kuri iyo ntego;

Dushingiye ku ntego z'Umuryango FPR-INKOTANYI ari zo: ubumwe, demokarasi n'amajyambere ;

Kubera urukundo dufitiye u Rwanda n'Abanyarwanda ;

Dushingiye ku Itegeko Nshinga rya Repuburika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015; cyane cyane mu ngingo zaryo kuva ku ya 54 kugeza ku ya 60;

Dushingiye ku Itegeko Ngenga n° 10/2013 ryo ku wa 11/07/2013 rigenga Imitwe ya Politiki n'Abanyapolitiki;

Twebwe, abanyamuryango b'Umuryango FPR- INKOTANYI[1] , twemeje ko amategeko-remezo y'Umuryango FPR-INKOTANYI ahinduwe kandi yujujwe ku buryo bukurikira :

---

[1] Aya mategeko -remezo yahinduwe n'Abanyamuryango ba FPR-INKOTANYI bateraniye mu nama ya Biro Politiki yo ku wa 7/08/2013, mu Nama Nkuru y'Igihugu yo ku wa 15/12/2013,no mu nama ya Biro Politiki yo kuwa 16/12/ 2017.

## <u>INTERURO YA MBERE</u>: INYITO, INTEGO, IMIGAMBI, IBIRANGO N'ICYICARO

### <u>Ingingo ya mbere</u>: Icyo aya mategeko–remezo agamije

Aya mategeko-remezo agenga umutwe wa politiki witwa UMURYANGO FPR- INKOTANYI «FRONT PATRIOTIQUE RWANDAIS – INKOTANYI» cyangwa UMURYANGO RPF-INKOTANYI «RWANDESE PATRIOTIC FRONT – INKOTANYI», mu magambo ahinnye: Umuryango FPR-INKOTANYI.

### <u>Ingingo ya 2</u>: Intego z'Umuryango FPR-INKOTANYI

Intego z'Umuryango FPR-INKOTANYI ni Ubumwe, Demokarasi n'Amajyambere.

### <u>Ingingo ya 3</u>: Icyo Umuryango FPR-INKOTANYI ugamije

Umuryango FPR-INKOTANYI ugamije kuvana umunyarwanda wese ku ngoyi y'ubujiji, ubukene, amacakubiri n'ubutegetsi bw'igitugu ngo yishyire yizane mu bumwe, demokarasi n'amajyambere.

### <u>Ingingo ya 4</u>: Imigambi y'Umuryango FPR-INKOTANYI

Imigambi y'Umuryango FPR-INKOTANYI ikubiye mu ngingo z'ingenzi zikurikira:

1° Kugarura ubumwe bw'Abanyarwanda ;

2° Kubumbatira ubusugire bw'lgihugu n'umutekano w'abantu n'ibintu;

3° Kubaka ubuyobozi bushingiye kuri demokarasi;

4° Kubaka ubukungu bushingiye ku mutungo bwite w'lgihugu;

5° Guca ruswa, gutonesha n'imicungire mibi y'umutungo w'lgihugu;

6° Kuzamura imibereho myiza y'abaturage ;

7° Guca burundu impamvu zitera ubuhunzi no gucyura impunzi z'Abanyarwanda ;

8° Guharanira umubano hagati y'u Rwanda n'ibindi bihugu ushingiye ku bwubahane, ubufatanye n'ubuhahirane;

9° Kurwanya jenoside n'ingengabitekerezo yayo.

**<u>Ingingo ya 5</u>: Ibirango by'Umuryango FPR-INKOTANYI**

Ikiranga Umuryango FPR-INKOTANYI ni ibendera rigizwe n'amabara atatu ahagaze kandi akurikiranye atya: umutuku, umweru n'ubururu-juru.

Muri iri bendera handitsemo izi nyuguti zirabura kandi zikurikirana zitya : F mu mutuku, P mu mweru na R mu bururu-juru. Amabara y'iryo bendera asobanura ubwitange n'umurava byaranze intwari z'abana b'u Rwanda bemeye kumena amaraso yabo umutuku), demokarasi no gukorera mu mucyo (umweru) n'amahoro (ubururu-juru).

**<u>Ingingo ya 6</u>: Ikirangantego cy'Umuryango FPR-INKOTANYI**

Ikirangantego cy'Umuryango FPR-INKOTANYI ni igishushanyo cyerekana: Ikiyaga gifite amazi y'urubogobogo, imisozi y'icyatsi gitoshye, izuba rirashe, iImigano ibiri isobetse n'intare.

Icyo gishushanyo gikikijwe n'amabara y'ibendera ry'Umuryango FPR – INKOTANYI n'akarongo k'umuhondo kanditswemo intego z'Umuryango FPR-INKOTANYI.
Ikiyaga n'imisozi y'icyatsi gitoshye ni ikimenyetso cy'ubwiza bw'u Rwanda. Intare ni ikimenyetso cy'uko u Rwanda rurinzwe. Imigano ibiri isobetse ni ikimenyetso cy'ubwitange n'ubufatanye bw'abaruharaniye. Izuba rirashe ni ikimenyetso cy'amatwara mashya mu buyobozi Igihugu cyacu kizayoborwamo n'Umuryango FPR-INKOTANYI, yo rumuri rumurikira Abanyarwanda muri ayo matwara. Akarongo k'umuhondo kavuga icyizere kinini Abanyarwanda bafitiye iminsi iri imbere.

**<u>Ingingo ya 7</u>: Icyicaro cy'Umuryango FPR-INKOTANYI**

Icyicaro cy'Umuryango FPR-INKOTANYI kiri i Kigali mu murwa mukuru wa Repubulika y'u Rwanda. Gishobora kwimurirwa ahandi by'agateganyo byemejwe na Komite Nyobozi y'Umuryango FPR-INKOTANYI, bigahamywa burundu n'lnama Nkuru y'Umuryango FPR-INKOTANYI.

**<u>INTERURO YA II</u>: IBYEREKEYE ABANYAMURYANGO**

**<u>Ingingo ya 8</u>: Ibisabwa umuntu ushaka kuba Umunyamuryango**

Umuryango FPR-INKOTANYI wakira umunyarwanda wese ubyemerewe n'amategeko, ugejeje nibura ku myaka cumi n'umunani (18), wemera intego, imigambi n'amategeko byawo utavanguye ibitsina, ubwoko, uturere, amadini, ubukungu n'ibindi.

**Ingingo ya 9: Kwemererwa kuba Umuryango wa FPR-INKOTANYI**

Umuryango FPR-INKOTANYI ugizwe n'abanyamuryango bujuje ibikubiye mu ngingo ya 8, kandi bakabyemererwa n'urwego rubifitiye ububasha.

**Ingingo ya 10: Uburenganzira, inshingano n'imyitwarire by'abanyamuryango**

Uburenganzira n'inshingano ry'Abanyamuryango biteganywa n'Amategeko Ngengamikorere y'Umuryango FPR- INKOTANYI.

Imyitwarire y'abanyamuryango igengwa n'Amategeko Ngengamikorere.

**Ingingo ya 11: Kureka kuba Umunyamuryango**

Umuntu areka kuba umunyamuryango asezeye, yirukanwe cyangwa apfuye.

Umunyamuryango usezeye yandikira Inteko Rusange y'lntara cyangwa Umujyi wa Kigali akabimenyesha Inama Nkuru y'Umuryango FPR-INKOTANYI ari na yo yemeza ugusezera. Umunyamuryango yirukanwa iyo atubahirije intego n'imigambi by'umuryango FPR-INKOTANYI n'andi mategeko agenga imyitwarire y'abanyamuryango nk'uko akubiye mu Mategeko Ngengamikorere.

Icyemezo cyo kwirukana umunyamuryango gifatwa n'lnama Nkuru y'Umuryango FPR-INKOTANYI.

## INTERURO YA III: INZEGO Z'UMURYANGO FPR-INKOTANYI

### UMUTWE WA MBERE: INZEGO Z'UBUYOBOZI Z'UMURYANGO FPR-INKOTANYI

**Ingingo ya 12: Inzego z'Umuryango FPR-INKOTANYI**

Umuryango FPR-INKOTANYI ugizwe n'inzego ziri ku rwego rw'lgihugu, urwego rw'lntara

Umujyi wa Kigali, urwego rw'Akarere, urwego rw'Umurenge, urwego rw'Akagari, n'urwego rw'Umudugudu.

Ubuyobozi bw'Umuryango FPR-INKOTANYI kuva ku Karere kugera ku Mudugudu ni bwo bushinzwe imirimo yerekeye politiki, ubukungu, imiyoborere n'imibereho y'ibanze by'abanyamuryango.

**Ingingo ya 13: Inzego z'ubuyobozi bw'Umuryango ku rwego rw'Igihugu**

Inzego z'ubuyobozi z'Umuryango FPR- INKOTANYI ku rwego rw'lgihugu ni izi zikurikira:

1° Inama Nkuru y'Umuryango FPR-INKOTANYI;

2° Biro Politiki ku rwego rw'lgihugu;

3° Komite Nyobozi.

**Ingingo ya 14: Inzego z'ubuyobozi z'Umuryango ku rwego rw'Intara n'Umujyi wa Kigali, Akarere, Umurenge, Akagari n'Umudugudu**

Inzego z'ubuyobozi z'Umuryango FPR- INKOTANYI kuva ku Ntara /Umujyi wa Kigali kugeza ku Mudugudu, ni izi zikurikira:

1° Inteko Rusange;

2° Komite Nyobozi.

**ICYICIRO CYA MBERE: INAMA NKURU Y'UMURYANGO FPR – INKOTANYI N'INTEKO RUSANGE Y'INTARA/UMUJYI WA KIGALI**

**Ingingo ya 15: Abagize Inama Nkuru y'Umuryango FPR –INKOTANYI**

Inama Nkuru y'Umuryango FPR-INKOTANYI igizwe n'Abanyamuryango bari mu Nzego no mu byiciro bikurikira:

1° Kornite Nyobozi ku rwego rw'lgihugu ;

2° Komisiyo Ngengamyitwarire ku rwego rw'Igihugu;

3° Komite Ngenzuzi ku rwego rw'Igihugu;

4° Perezida, Visi Perezida n'umunyamabanga ba komite Nyobozi y'Umuryango ku Ntara n'Umujyi wa Kigali;

5° Perezida wa Komisiyo Ngengamyitwarire ku Ntara n'Umujyi wa Kigali;

6° Umugenzuzi Mukuru ku Ntara n'Umujyi wa Kigali ;

7° Perezida w'Umuryango mu Karere;

8° Abagize Komite Nyobozi z'Urugaga rw'urubyiruko ku rwego rw'Igihugu;

9° Abagize Komite Nyobozi z'Urugaga rw'urubyiruko ku rwego rw'Intara n'Umujyi wa Kigali;

10° Abagize Komite Nyobozi z'Urugaga rw'urubyiruko ku rwego rw'Akarere;

11° Abahagarariye ibindi byiciro by'urubyiruko bigaragara mu Nzego z'Umuryango. Umubare wabo n'ibyiciro barimo bigenwa na Komite Nyobozi yo ku rwego rw'Igihugu(NEC) ;

12° Abagize Komite Nyobozi z'Urugaga rw'abagore ku rwego rw'Igihugu;

13° Abagize Komite Nyobozi z'Urugaga rw'abagore ku rwego rw'Intara n'Umujyi wa Kigali;

14° Abagize Komite Nyobozi z'Urugaga rw'abagore ku rwego rw'Akarere ;

15° Abagize Biro y'Inama y'lgihugu y'Abagore ku rwego rw'lgihugu;

16° Abagize Biro y'lnama y'lgihugu y'Urubyiruko ku rwego rw'lgihugu;

17° Umuyobozi w'Inama y'lgihugu y'Urubyiruko ku rwego rw'lntara n'Umujyi wa Kigali;

18° Umuyobozi w'Inama y'lgihugu y'Abagore ku rwego rw'lntara n'Umujyi wa Kigali;

19° Abayobozi bo mu rwego rw'ikirenga, Abaminisitiri, Abakuru b'lntara Abaminisitiri, Abakuru b'lntara n'Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali, abagize Inteko Ishinga Amategeko, Abanyamabanga Bahoraho ba za Minisiteri n'abari mu rwego rwabo, Abayobozi b'lbigo, Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'lntara n'Umujyi wa Kigali na ba Ambasaderi;

20° Komite Nyobozi y'Umujyi wa Kigali;

21° Abahagarariye Ihuriro ry'Abanyeshuri b'amashuri makuru na za Kaminuza zo mu Rwanda ;

22° Biro ya Njyanama y'Umujyi wa Kigali;

23° Biro za Njyanama z'Uturere;

24° Komite Nyobozi y'Akarere;

25° Perezida w'Umuryango ku Murenge;

26° Umunyamuryango uhagarariye Abamugaye ku rwego rw' lgihugu;

27° Abanyamuryango bahagarariye Abikorera ku rwego rw' lgihugu;

28° Abanyamuryango bahagarariye abandi bari mu Miryango itegamiye kuri Leta ku rwego rw'lgihugu;

29° Umunyamuryango uhagarariye Abikorera ku rwego rw'Intara/Umujyi wa Kigali;

30° Umunyamuryango uhagarariye abandi bari mu Miryango itegamiye kuri Leta ku Ntara/ Umujyi wa Kigali;

31° Umunyamuryango uhagarariye abamugaye ku rwego rw'Intara/Umujyi wa Kigali;

32° Abahoze ari ba Perezida b'Umuryango mu Ntara n'Umujyi wa Kigali;

33° Abahoze ari ba Perezida b'intara (region) n'lntore z'Umuryango ku buryo buhoraho ku rwego rwa Komite Nyobozi no ku rwego rw'intara (regions);

34° Abanyamuryango bigeze kuba mu buyobozi bw'ikirenga bw'ingabo (High Command)

igihe cyo kubohoza Igihugu batakiri abasirikare n'abigeze kuba muri Komite Nyobozi y'Umuryango FPR-INKOTANYI (NEC) ;

35° Umunyamuryango umwe uhagarariye abahoze mu ngabo kuri buri Ntara n'Umujyi wa Kigali.

Komite Nyoboziy'Umuryango ishobora gutumira abandi Banyamuryango bibaye ngombwa.

**<u>Ingingo ya 16</u>: Inshingano z'Inama Nkuru**

Inama Nkuru y'Umuryango FPR-INKOTANYI ishinzwe cyane cyane:

1° Gushyiraho no kuvugurura amategeko- remezo, n'andi mategeko agenga Umuryango FPR-INKOTANYI;

2° Kwemeza politiki Umuryango FPR- INKOTANYI ugenderaho;

3° Kwemeza Ingengo y'imari y'umuryango FPR-INKOTANYI;

4° Gushyiraho gahunda y'ibikorwa by'Umuryango FPR-INKOTANYI ;

5° Kwemeza raporo y'ibikorwa na raporo y'imikoreshereze y'imari y'umuryango FPR-NKOTANYI;

6° Kugenzura no gukurikirana imirimo n'imikorere y'izindi nzego z'Umuryango FPR-INKOTANYI ;

7° Gutora abagize Komite Nyobozi ku rwego rw'lgihugu;

8° Gutora abahagarariye urubyiruko muri Komite Nyobozi yo ku rwego rw'Igihugu mu bakandida yahawe n'Inteko Rusange y'Urugaga ku rwego rw'Iguhugu;

9° Gusuzuma, kwemeza, guhindura cyangwa gukuraho ibyemezo byafashwe n'izindi nzego;

10° Gushyiraho Komite ziyifasha kwiga no kunononsora imirimo yayo;

11° Gutora no kwemeza abakandida b'Umuryango FPR-INKOTANYI batanzwe na Biro Politiki biyamamaza mu matora ku nzego z'lgihugu zitorerwa;

12° Gufata ibyemezo bijyana n'imyitwarire y'abanyamuryango ku rwego rw'lgihugu;

13° Gufata ibyemezo kuri raporo z’ubugenzuzi;

14° Gusuzuma no kwemeza ubufatanye n’indi mitwe ya politiki.

**Ingingo ya 17:Abagize Inteko Rusange y’Intara n’Umujyi wa Kigali**

Inteko Rusange y’lntara n’Umujyi wa Kigali igizwe n’abanyamuryango bari mu Nzego no mu byiciro bikurikira:

1° Komite Nyobozi y’Umuryango ku rwego Rw’Intara/Umujyi wa Kigali;

2° Komisiyo Ngengamyitwarire ku rwego rw’Intara n’Umujyi wa Kigali;

3° Komisiyo Ngenzuzi ku rwego rw’Intara n’Umujyi wa Kigali;

4° Perezida wa Komisiyo Ngengamyitwarire ku rwego rw’Akarere;

5° Umugenzuzi Mukuru ku rwego rw’Akarere;

6° Komite Nyobozi y’Umujyi wa Kigali;

7° Biro y’lnama Njyanama y’Umujyi wa Kigali;

8° Umukuru w’lntara ;

9° Umunyamabanga Nshingwabikorwa w’lntara/Umujyi wa Kigali ;

10° Abayobozi b’imirimo ku Ntara/Umujyi wa Kigali ;

11° Komite nyobozi y’Umuryango ku Karere;

12° Biro y’lnama njyanama y’Akarere;

13° Komite Nyobozi y’Akarere;

14° Abanyamabanga Nshingwabikorwa b’Uturere;

15° Abagize Komite Nyobozi y'urugaga rw'abagore rw'Umuryango FPR- INKOTANYI ku rwego rw'Intara n'Umujyi wa Kigali;

16° Abagize Komite Nyobozi y'urugaga rw'urubyiruko rw'Umuryango FPR-INKOTANYI ku rwego rw'Uturere;

17° Abahagarariye ibindi byiciro by'urubyiruko bigaragara mu Nzego z'Umuryango. Umubare wabo n'ibyiciro barimo bigengwa na Komite Nyobozi;

18° Abagize Komite Nyobozi y'lnama y'lgihugu y'abagore ku rwego rw'lntara/ Umujyi wa Kigali;

19° Abagize Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu y'Urubyiruko ku rwego rw'Intara n'Umujyi wa Kigali;

20° Abagize Biro i y'lnama y'lgihugu y'abagore ku rwego rw'Akarere;

21° Abagize Biro y'Inama y'Igihugu y'Urubyiruko ku rwego rw'Akarere;

22° Perezida wa Komisiyo Ngengamyitwarire ku Murenge;

23° Umugenzuzi Mukuru ku Murenge;

24° Perezida w'lnama y'lgihugu y'abagore ku rwego rw'Umurenge;

25° Perezida w'Inama y'Igihugu y'Urubyiruko ku rwego rw'Akarere;

26° Perezida w'Urugaga rw'Urubyiruko mu Murenge;

27° Perezida w'Urugaga rw'Abagore mu Murenge;

28° Perezida, Visi Perezida n'Umunyamabanga ba Komite Nyobozi y'Umuryango mu Murenge;

29° Umujyanama umwe mu bagize Biro ya Njyanama y'Umurenge w'umunyamuryango hakurikijwe uko barutanwa mu nshingano;

30° Abayobozi b'ibigo bya Leta n'ibyigenga, bo muri iyo Ntara cyangwa Umujyi wa Kigali cyangwa undi mukozi abanyamuryango bihitiyemo muri icyo kigo mu gihe umuyobozi atari we;

31° Umunyamuryango uhagarariye abandi baba mu miryango itegamiye kuri Leta ku rwego rw'Intara/Umujyi wa Kigali ;

32° Umunyamuryango uhagarariye Abikorera ku mu rwego rw'lntara/ Umujyi wa Kigali;

33° Umunyamuryango uhagarariye Abamugaye ku rwego rw'lntara;

34° Abahoze ari ba Perezida b'Umuryango mu Ntara cyangwa mu Mujyi wa Kigali;

35° Abahoze ari ba Perezida b'lntara y'Umuryango (region) ;

36° Umunyamuryango umwe wari uhagarariye abandi mu rwego rw'Akarere;

37° Abahoze ari Intore z'Umuryango ku buryo buhoraho ku rwego rwa Komite Nyobozi no ku rwego rw'lntara y'Umuryango (region) baba mu Ntara cyangwa mu Mujyi wa Kigali;

38° Umunyamuryango umwe uhagarariye abahoze mu ngabo;

39° Umunyamuryango umwe uhagarariye abahoze muri Polisi y'Igihugu kuri buri Ntara n'Umujyi wa Kigali.

Komite Nyobozi y'Umuryango ishobora gutumira abandi Banyamuryango bibaye ngombwa.

**<u>Ingingo ya 18:</u> Abagize Inteko Rusange y'Akarere**

Inteko Rusange y'Akarere igizwe n'abanyamuryango bari mu Nzego no mu byiciro bakurikira:

1° Komite Nyobozi y'Umuryango y'Akarere;

2° Komisiyo Ngengamyitwarire ku Karere;

3° Komite Ngenzuzi ku Karere;

4° Biro ya Njyanama ;

5° Komite Nyobozi y'Akarere;

6° Abayobora za komisiyo za Njyanama z'Uturere;

7° Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere ;

8° Abayobozi b'lmirimo ku Karere ;

9° Komite nyobozi y'urugaga rw'abagore rw'Umuryango ku Karere;

10° Komite nyobozi y'urugaga rw'urubyiruko rw'Umuryango ku Karere;

11° Komite Nyobozi y'inama y'lgihugu y'urubyiruko ku Karere;

12° Komite Nyobozi y'Inama y'lgihugu y'Abagore ku Karere;

13° Komisiyo Ngengamyitwarire ku Murenge;

14° Komite Ngenzuzi ku Murenge;

15° Komite Nyobozi y'Urugaga rw'Urubyiruko ku Murenge;

16° Komite Nyobozi y'Urugaga rw'Abagore ku Murenge;

17° Perezida b'Umuryango ku Kagari;

18° Perezida wa Komisiyo Ngengamyitwarire ku Kagari ;

19° Umugenzuzi Mukuru ku Kagari ;

20° Perezida w'Urugaga rw'urubyiruko ku Kagari;

21° Perezida w'Urugaga rw'abagore ku Kagari;

22° Abayobozi b'ibigo bya Leta n'ibyigenga, bo muri ako Karere b'abamuryango cyangwa undi mukozi abanyamuryango bihitiyemo mu gihe umuyobozi atari we;

23° Abayobozi b'ibigo by'amashuri yisumbuye yo mu Karere;

24° Abayobozi b'lbitaro by'Uturere;

25° Umunyamuryango uhagarariye abandi baba mu Miryango itegamiye kuri Leta ikorera ku rwego rw'Akarere ;

26° Umunyamuryango uhagarariye abikorera ku rwego rw'Akarere ;

27° Umunyamuryango uhagarariye Abamugaye ku rwego rw'Akarere;

28° Abahoze ari ba Perezida b'intara z'Umuryango (region) baba mu Karere;

29° Umunyamuryango wahoze ahagarariye abandi mu rwego rw'Akarere;

30° Umunyamuryango wahoze ahagarariye abandi mu rwego rw'Umurenge;

31° Abahoze ari Intore z'Umuryango ku buryo buhoraho ku rwego rwa Komite Nyobozi no ku rwego rw'lntara y'Umuryango (region) baba mu Karere;

32° Umunyamuryango umwe uhagarariye abahoze mu ngabo no muri Polisi y'lgihugu mu Karere;

33° Umunyamuryango uhagarariye abikorera ku rwego rw'Umurenge;

34° Umunyamuryango uhagarariye abandi baba mu Miryango itegamiye kuri Leta ikorera ku rwego rw'Umurenge ;

35° Umunyamuryango uhagarariye Abamugaye ku rwego rw'Umurenge;

36° Abayobozi bo mu Nzego z'lgihugu batari mu byiciro bivugwa muri iyi ngingo batuye mu Karere.

Komite Nyobozi y'Umuryango ishobora gutumira abandi banyamuryango bibaye ngombwa.

**<u>Ingingo ya 19</u>: Abagize Inteko Rusange y'Umurenge**

Inteko rusange y'Umurenge igizwe n'Abanyamuryango bari mu nzego n'ibyiciro
Bikurikira:

1° Komite Nyobozi y'Umuryango ku Murenge;

2° Komisiyo Ngengamyitwarire ku Murenge;

3° Komite Ngenzuzi ku Murenge;

4° Komite Nyobozi y'urugaga rw'urubyiruko ku Mirenge;

5° Komite Nyobozi y'urugaga rw'abagore ku Mirenge;

6° Inama njyanama y'Umurenge;
7° Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge;

8° Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagari;

9° Komite Nyobozi y'Umuryango ku Kagari;

10° Komisiyo Ngengamyitwarire ku Kagari;

11° Komite Ngenzuzi ku Kagari;

12° Perezida w'Umuryango ku Mudugudu;

13° Komite Nyobozi y'Urugaga rw'urubyiruko ku Kagari;

14° Komite Nyobozi y'Urugaga rw'abagore ku Kagari;

15° Komite Nyobozi y'inama y'lgihugu y'urubyiruko ku Murenge;

16° Komite Nyobozi y'inama y'lgihugu y'abagore ku Murenge;

17° Biro ya Njyanama y'Akagari;

18° Umukuru w'Umudugudu;

19° Umuhuzabikorwa w'Inama y'Igihugu y'abagore ku Mudugudu;

20° Perezida wUrugaga w'urubyiruko ku Mudugudu;
21° Perezida w'Urngaga rw'abagore ku Mudugudu;

22° Abayobozi b'lbigo by'amashuri mato byo mu Murenge;

23° Abayobozi b'lbigo nderabuzima byo mu Murenge;

24° Umunyamuryango uhagarariye abandi baba mu Miryango itegamiye kuri Leta ikorera ku rwego rw'Umurenge;

25° Umunyamuryango uhagarariye abikorera ku rwego rw'Umurenge;

26° Umunyamuryango uhagarariye Abamugaye ku rwego rw'Umurenge;

27° Abari Intore z'Umuryango ku buryo buhoraho ku rwego rwa Komite Nyobozi no ku rwego rw'lntara y'Umuryango (region) baba mu Murenge;

28° Umunyamuryango umwe uhagarariye abahoze mu ngabo no muri Polisi y'lgihugu mu Murenge;

29° Abayobozi bo mu Nzego z'lgihugu batari mu byiciro bivugwa muri iyi ngingo batuye mu Murenge.

Komite Nyobozi y'Umuryango ishobora gutumira abandi Banyamuryango bibaye ngombwa.

**<u>Ingingo ya 20</u>: Abagize Inteko Rusange y'Akagari**

Inteko rusange y'Akagari igizwe n'abanyamuryango bari mu nzego n'ibyiciro bikurikira:

1° Komite Nyobozi y'Umuryango y'Akagari;

2° Komisiyo Ngengamyitwarire ku Kagari;

3° Komite Ngenzuzi ku Kagari;

4° Komite Nyobozi y'urugaga rw'urubyiruko ku Kagari;

5° Komite Nyobozi y'urugaga rw'Abagore ku Kagari;

6° Komite Nyobozi y'Akagari;

7° Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagari;

8° Komite Nyobozi z'Umuryango ku Midugudu;

9° Komisiyo Ngengamyitwarire ku Midugudu;

10° Komite Ngenzuzi ku Midugudu;

11° Komite nyobozi z'lmidugudu;

12° Komite Nyobozi y'urugaga rw'Abagore rw'Umuryango ku Midugudu;

13° Komite Nyobozi y'urugaga rw'urubyiruko rw'Umuryango ku Midugudu;

14° Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu y'Abagore ku Mudugudu ;

15° Umunyamuryango uhagarariye abandi baba mu Miryango itegamiye kuri Leta ikorera ku rwego rw'Akagari;

16° Umunyamuryango uhagarariye abikorera ku rwego rw'Akagari;

17° Umunyamuryango uhagarariye Abamugaye ku rwego rw'Akagari;

18° Abari Intore z'Umuryango ku buryo buhoraho ku rwego rwa Komite Nyobozi no ku rwego rw'lntara y'Umuryango (region) baba mu Kagari;

19° Umunyamuryango umwe uhagarariye abahoze mu ngabo no muri Polisi y'lgihugu mu Kagari;

20° Abayobozi bo mu Nzego z'lgihugu batari mu byiciro bivugwa muri iyi ngingo batuye mu Kagari.

Komite Nyobozi y'Umuryango ishobora gutumira abandi Banyamuryango bibaye ngombwa.

**<u>Ingingo ya 21</u>: Abagize Inteko Rusange y'Umudugudu**

Inteko rusange y'Umudugudu igizwe n'abanyamuryango bose batuye Umudugudu.

**<u>Ingingo ya 22</u>: Inshingano z'Inteko Rusange ku Ntara n'Umujyi wa Kigali, Akarere, Umurenge, Akagari n'Umudugudu**

Inteko rusange y'Umuryango kuva ku rwego rw'Intara/Umujyi wa Kigali, kugeza ku rwego rw'Umudugudu ishinzwe cyane cyane:

1° Gutora abagize Komite Nyobozi ;

2° Gutora abahagarariye urubyiruko muri Komite Nyobozi mu bakandida yahawe n'Inteko Rusange rw'Urugaga kuri buri rwego;

3° Kwemeza imigambi na gahunda bizakurikizwa no gukurikirana uko bishyirwa mu bikorwa;

4° Gukurikirana imikoreshereze y'ingengo y'imari y'umwaka ;

5° Gufata ibyemezo byerekeye imyitwarire y'abanyamuryango;

6° Kuyobora no kugenzura imirimo n'imikorere y'lnzego ikuriye ;

7° Kwakira no gufata ibyemezo kuri raporo z'ubugenzuzi;

8° Kwemeza raporo y'ibikorwa n'imikoreshereze y'imari.

**<u>ICYICIRO CYA 2</u>: BIRO POLITIKI Y'UMURYANGO FPR-INKOTANYI**

**<u>Ingingo ya 23</u>: Abagize Biro Politiki y'Umuryango FPR-INKOTANYI**

Biro Politiki y'Umuryango FPR-INKOTANYI igizwe n'Abanyamuryango baturuka mu Nzego n'ibyiciro bikurikira :

1° Komite Nyobozi y'Umuryango ku rwego rw'lgihugu ;

2° Komisiyo Ngengamyitwarire ku rwego rw'Igihugu;

3° Komite Ngenzuzi ku rwego rw’Igihugu;

4° Abayobozi bo mu rwego rw’ikirenga, Abaminisitiri, Abakuru b’lntara n’Umuyobozi w’Umujyi wa Kigali, Abagize Inteko Ishinga Amategeko, Abanyamabanga Bakuru ba za Minisiteri n’abari mu rwego rwabo bari mu muryango; Abanyamabanga Nshingwabikorwa b’lntara n’Umujyi wa Kigali ;

5° Ba Perezida b’Umuryango FPR-INKOTANYI mu Ntara n’Umujyi wa Kigali;

6° Umunyamuryango umwe uturutse mu gihugu kirimo abanyamuryango;

7° Abayobozi b’lbigo, Abanyamabanga Nshingwabikorwa b’lntara /Umujyi wa Kigali ;

8° Perezida, Visi Perezida n’Umunyamabanga ba Komite Nyobozi y’Umuryango mu Turere;

9° Umuyobozi w’Akarere ;

10° Komite Nyobozi y’urugaga rw’abagore ku rwego rw’Igihugu;

11° Umuyobozi w’urugaga rw’abagore rw’Umuryango ku rwego rw’Intara/Umujyi wa Kigali;

12° Komite Nyobozi y’urugaga rw’urubyiruko ku rwego rw’Igihugu;

13° Perezida, Visi Perezida n’Umunyamabanga wa Komite Nyobozi y’urugaga rw’urubyiruko ku rwego rw’Akarere, Intara n’Umujyi wa Kigali**;**

14° Umunyamuryango watorewe kuyobora Inama Nkuru y’Abagore ku rwego rw’lntara cyangwa rw’Umujyi wa Kigali no ku rwego rw’lgihugu cyangwa umwe mu bagize Komite Nyobozi yayo w’umunyamuryango hakurikijwe uko bakurikirana mu buyobozi, mu gihe umuyobozi atari we;

15° Umunyamuryango watorewe kuyobora Inama Nkuru y’urubyiruko ku rwego rw’Umujyi wa Kigali no ku rwego rw’lgihugu cyangwa umwe mu bagize Komite Nyobozi yayo w’umunyamuryango hakurikijwe uko bakurikirana mu buyobozi, mu gibe umuyobozi atari we;

16° Abanyamuryango babiri bahagarariye abahoze mu ngabo n’abahagarariye abahoze muri Polisi y’lgihugu.

KomiteNyobozi y'Umuryango ishobora gutumira abandi Banyamuryango bibaye ngombwa.

**Ingingo ya 24: Inshingano za Biro Politiki**

Biro Politiki y'Umuryango FPR-INKOTANYI ishinzwe cyane cyane:

1° Guzuma imigambi, ibikorwa n'imikorere ya Komite Nyobozi ku rwego rw'lntara/ Umujyi wa Kigali n'urw'lgihugu ;

2° Kugenzura imikorere n'imyitwarire y'abanyamuryango;

3° Gufatira ibyemezo by'agateganyo abayobozi b'Umuryango FPR-INKOTANYI ku rwego rw'igihugu n'urw'lntara n'Umujyi wa Kigali;

4° Kugena no kwemeza iteganyabikorwa ry'Umuryango FPR-INKOTANYI ry'igihe gito;

5° Gusuzuma umushinga w'ingengo y'imari y'Umuryango;

6° Gusuzuma raporo y'imikoreshereze y'imari y'Umuryango ;

7° Gutanga abakandida b'Umuryango FPR- INKOTANYI mu nzego z'lgihugu zigomba gutorerwa ;

8° Gusuzuma, kwemeza, guhindura cyangwa kuvanaho ibyemezo byafashwe n'inzego zo hasi ;

9° Kwemeza abakozi ba Komite Nyobozi badatorwa;

10° Kugenzura imikorere y'Umuryango FPR – INKOTANYI yifashishije Komite Ngenzuzi;

11° Kwakira no gusuzuma raporo za Komite Ngenzuzi y'Umuryango FPR-INKOTANYI;

12° Gukora imirimo y'Inama Nkuru y'UmuryangoFPR-INKOTANYI igihe idashobora guterana.

**ICYICIRO CYA 3: KOMITE NYOBOZI**

**<u>Ingingo ya 25</u>: Abagize Komite Nyobozi ku rwego rw'Igihugu**

Komite Nyobozi ku rwego rw'lgihugu igizwe n'aba bakurikira:

1° Perezida;
2° Visi-Perezida;
3° Umumyamabanga Mukuru;
4° Abakomiseri.

Umubare w'Abakomiseri ugenwa n'lnama Nkuru y'Umuryango FPR-INKOTANYI mbere y'uko itora Komite Nyobozi ku rwego rw'lgihugu, yitaye ku ihame ry'uburinganire hagati y'abagore n'abagabo.

Muri uwo mubare w'Abakomiseri, nibura icumi (10) muri bo ni abahagarariye urubyiruko.

Abakomiseri bahagarariye urubyiruko batoranywa mu bakandida batanzwe n'Inama Nkuru y'Urubyiruko no mu bandi bakandida biyamamaje cyangwa bamamajwe mu lnama Nkuru y'Umuryango FPR-INKOTANYI.

**<u>Ingingo ya 26</u>: Abagize Komite Nyobozi ku rwego rw'Intara n'Umujyi wa Kigali kugeza ku rwego rw'Umudugudu**

Komite Nyobozi kuva ku rwego rw'Intara n'Umujyi wa Kigali kugeza ku rw'Umudugudu, igizwe na:

1° Perezida;
2° Visi-Perezida;
3° Umunyamabanga;
4° Abayobozi ba za Komisiyo.

Nibura mirongo itatu ku ijana (30%) mu bagize Komite Nyobozi kuri buri rwego ni abahagarariye urubyiruko batowe mu bakandida yahawe n'Inteko Rusange y'Urugaga rw'urubyiruko yo kuri urwo rwego.

**<u>Ingingo ya 27</u>: Inshingano za Komite Nyobozi**

Komite Nyobozi y'Umuryango FPR-INKOTANYI ku rwego rwayo ishinzwe cyane cyane:

1° Gushyira mu bikorwa ibyemezo by'lnteko rusange, Biro Politiki n'lnama Nkuru

by’Umuryango FPR-INKOTANYI;

2° Guhuza ibikorwa by’Umuryango FPR-INKOTANYI ku rwego iriho;

3° Kuyobora no kugenzura imirimo n’imikorere y’inzego z’Umuryango FPR-INKOTANYI ikuriye;

4° Gutegurira Inteko rusange, Biro Politiki n’lnama Nkuru y’Umuryango FPR-INKOTANYI porogaramu z’ibikorwa n’uburyo bizakorwamo;

5° Kugenzura imikorere y’abagize urwo rwego no gufatira ibyemezo by’agateganyo abatuzuza inshingano zabo;

6° Gushyiraho abagize Komisiyo Ngengamyitwarire;

7° Gushyiraho abagize Komite Ngenzuzi ;

8° Gushyiraho by’agateganyo abayobozi basimbura abavuye ku kazi kubera impamvu zinyuranye;

9° Gushyiraho abakozi bayifasha mu kazi kayo;

10° Gutegura no gutanga raporo ku Nteko Rusange, kuri Biro Politiki cyangwa ku Nama Nkuru y’Umuryango FPR INKOTANYI.

By’umwihariko Komite Nyobozi ku rwego rw’igihugu itegura ingengo y’imali y’umuryango na raporo y’imikoreshereze yayo.

**<u>Ingingo ya 28</u>: Komisiyo za Komite Nyobozi ku rwego rw’Igihugu**

Komite Nyobozi ku rwego rw’igihugu ifite amashami yitwa Komisiyo ashinzwe imirimo y’Umuryango FPR-INKOTANYI.

**<u>Ingingo ya 29</u>: Ishyirwaho n’ivanwaho bya za Komisiyo za Komite Nyobozi**

Komisiyo z’Umuryango FPR-INKOTANYI zishyirwaho zikanakurwaho n’lnama Nkuru y’Umuryango FPR-INKOTANYI.

**<u>Ingingo ya 30</u>: Imiterere, imitunganyirize n’inshingano bya Komisiyo**

Imiterere, imitunganyirize, n'inshingano bya Komisiyo bigenwa n'amategeko ngenga- mikorere y'Umuryango FPR-INKOTANYI.

## UMUTWE WA II: INSHINGANO Z'ABAYOBORA INZEGO Z'UMURYANGO FPR-INKOTANYI

### Ingingo ya 31: Guhagararira Umuryango FPR-INKOTANYI imbere y'amategeko

Perezida w'Umuryango FPR-INKOTANYI ku rwego rw'lgihugu ni we uwuhagararira imbere y'amategeko. Iyo atabonetse asimburwa na Visi-Perezida. Iyo bombi batabonetse basimburwa n'Umunyamabanga Mukuru.

### Ingingo ya 32: Inshingano za Perezida w'Umuryango

Perezida w'Umuryango FPR-INKOTANYI ashinzwe:

1° Kuyobora no guhuza imirimo y'Umuryango FPR-INKOTANYI;

2° Gutumira no kuyobora inama z'lnama Nkuru y'Umuryango FPR-INKOTANYI, iza Biro Politiki n'iza Komite Nyobozi;

3° Gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'ibyemezo byafashwe na Komite Nyobozi, Biro Politiki n'lnama Nkuru y'Umuryango FPR-INKOTANYI;

4° Gushyikiriza Biro Politiki n'lnama Nkuru y'Umuryango FPR-INKOTANYI raporo y'ibikorwa by'Umuryango FPR-INKOTANYI;

5° Guhagararira Umuryango FPR-INKOTANYI mu gihugu no mu mahanga;

6° Gushakira Umuryango FPR-INKOTANYI umubano mwiza n'indi miryango ya politiki, amashyaka na za Leta.

### Ingingo ya 33: Inshingano za Visi-Perezida w'Umuryango-FPR INKOTANYI

Visi-Perezida w'Umuryango FPR-INKOTANYI ashinzwe:

1° Gufasha Perezida w'Umuryango FPR-INKOTANYI kurangiza imirimo ashinzwe;

2° Gusimbura Perezida igihe adahari;

3° Gukora indi mirimo yashingwa na Perezida cyangwa Komite Nyobozi.

**Ingingo ya 34: Inshingano z'Umunyamabanga Mukuru w'Umuryango FPR-INKOTANYI**

Umunyamabanga Mukuru ashinzwe cyane cyane:

1° Guhuza no gukurikirana imirimo ya za Komisiyo na Komite zashyizweho z' Inama Nkuru na Biro Politiki by'Umuryango FPR- INKOTANYI n'izindi nzego z'Umuryango FPR-INKOTANYI;

2° Gushyira mu bikorwa gahunda z'umuryango ;

3° Kuyobora Ubunyamabanga Bukuru bw'Umuryango FPR-INKOTANYI;

4° Kugeza ku nzego zo hasi ibyemezo bya Komite Nyobozi n'ibya Biro Politiki no kureba ko bikurikizwa ;

5° Gutegurira inama Komite Nyobozi, Biro Politiki n'lnama Nkuru y'Umuryango FPR- INKOTANYI;

6° Gukora imirimo y'umunyamabanga n'iy'umwanditsi w'inama ya Komite Nyobozi, Biro Politiki n'lnama Nkuru y'Umuryango FPR-INKOTANYI;

7° Gusuzuma no gusubiza raporo ziva mu nzego z'Umuryango FPR-INKOTANYI ahereye ku mabwiriza ya Perezida ;

8° Gukoraindi mirimo yashingwa na Perezida.

Umunyamabanga Mukuru ntabangikanya umurimo we n'undi murimo wose uhemberwa.

**Ingingo ya 35: Inshingano za Komiseri**

Muri rusange, Komiseri ashinzwe:

1° Gufatanya n'abandi bagize Komite Nyobozi ku rwego rw'lgihugu gushyira mu bikorwa inshingano z'urwo rwego ;

2° Gufatanya n'abandi bagize Komite Nyobozi ku rwego rw'lgihugu kwiga ibibazo byose bireba Umuryango FPR-INKOTANYI no kubishakira umuti ;

3° Gukora umurimo wose Komite Nyobozi ku rwego rw'lgihugu imushinze ;

Iyo ayobora Komisiyo cyangwa Komite zashyizweho n'lnama Nkuru, Biro Politiki cyangwa Komite Nyobozi ku rwego rw'lgihugu, Komiseri ashinzwe :

1° Guhagararira Komisiyo cyangwa Komite ashinzwe muri Komite Nyobozi, Biro Politiki n'lnama Nkuru y'Umuryango FPR-INKOTANYI;

2° Kuyobora no guhuza imirimo ya Komisiyo cyangwa Komite ayobora;

3° Gutumira no kuyobora inama za Komisiyo cyangwa Komite ayobora ;

4° Kugira inama inzego z'Umuryango FPR- INKOTANYI mu birebana na Komisiyo cyangwa Komite ayobora ;

5° Gutegurira Komite Nyobozi ku rwego rw' lgihugu politiki n'igenamigambi bya Komisiyo cyangwa Komite ashinzwe;

6° Gukurikirana imikorere y'abakozi ba Komisiyo cyangwa Komite ayobora;

**7°** Gutegura raporo za Komisiyo cyangwa Komite akazishyikiriza Umunyamabanga Mukuru.

**Ingingo ya 36: Inshingano za Perezida wa Komite Nyobozi**

Perezida wa Komite Nyobozi kuva ku rwego rw'Intara/Umujyi wa Kigali kugeza ku rw'Umudugudu ashinzwe:

1° Kuyobora no guhuza ibikorwa by'Umuryango FPR-INKOTANYI ku rwego ashinzwe;

2° Gutumira no kuyobora inama za Komite Nyobozi n'inama z'lnteko Rusange;

3° Guhagararira Umuryango FPR-INKOTANYI ku rwego awuyobora;

4° Guhagararira urwego ayobora mu nama z'Umuryango FPR-INKOTANYI yatumiwemo;

5° Gushyikiriza Inteko rusange n'izindi nzego z'Umuryango FPR-INKOTANYI zibigenewe raporo y'ibikorwa bya Komite Nyobozi;

6° Gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'ibyemezo byafashwe na Komite Nyobozi, Biro Politiki n'lnteko Rusange y'Umuryango FPR-INKOTANYI

**Ingingo ya 37: Inshingano za Visi Perezida wa Komite Nyobozi**

Visi-Perezida wa Komite Nyobozi kuva ku rwego rw'Intara/Umujyi wa Kigali kugeza ku rw'Umudugudu ashinzwe :

1° Gufasha Perezida gutunganya imirimo ashinzwe;

2° Gusimbura Perezida iyo adahari;

3° Gukora indi mirimo yose yashingwa na Perezida cyangwa Komite Nyobozi.

**Ingingo ya 38: Inshingano z'Umunyamabanga wa Komite Nyobozi**

Umunyamabanga wa Komite Nyobozi kuva ku rwego rw'Intara/Umujyi wa Kigali kugeza ku rw'Umudugudu ashinzwe:

1° Gukora inyandiko mvugo z'inama;

2° Kubika inyandiko z'Umuryango FPR-INKOTANYI;

3° Gukurikirana ko inyandiko zikeneye ibisubizo zabibonye;

4° Gusimbura Perezida na Visi Perezida iyo badahari.

**<u>Ingingo ya 39</u>: Inshingano z'Umuyobozi wa Komisiyo**

Umuyobozi wa Komisiyo kuva ku rwego rw'lntara n'Umujyi wa Kigali, kugera ku rw'Umudugudu ashinzwe :

1° Kuyobora no guhuza imirimo ya Komisiyo ashinzwe;

2° Gutumiza no kuyobora inama za Komisiyo ashinzwe;

3° Gutegura no guha Perezida raporo y'imirimo ya Komisiyo ashinzwe;

4° Gutegurira Komite Nyobozi igenamigambi ya Komisiyo ashinzwe;

5° Kugira inama Komite Nyobozi mu birebana na Komisiyo ashinzwe.

**<u>UMUTWE WA III</u>: INGAGA Z'UMURYANGO FPR-INKOTANYI**

**<u>Ingingo ya 40</u>: Ubwoko bw'Ingaga zishingiye ku Muryango FPR-INKOTANYI**

Umuryango FPR-INKOTANYI ufite ingaga ziwushingiyeho zikurikira:

1° Urugaga rw'Urubyiruko rw'Umuryango FPR-INKOTANYI;

2° Urugaga rw'Abagore rw'Umuryango FPR-INKOTANYI.

Inama Nkuru y'Umuryango FPR-INKOTANYI ishobora kwemeza ishyirwaho ry'izindi ngaga zihagarariye ibindi byiciro by'Abanyarwanda.

**<u>Ingingo ya 41</u>: Porogaramu na Politiki by'Ingaga zishingiye ku Muryango FPR-INKOTANYI**

Ingaga zikurikiza Porogaramu na Politiki by'Umuryango FPR-INKOTANYI kandi imirimo yazo iba ishingiye ku y'inzego z'Umuryango FPR-INKOTANYI.

**Ingingo ya 42: Imiterere n'imikorere y'ingaga zishingiye ku Muryango FPR-INKOTANYI**

Uretse ibivugwa mu ngingo za 40 na 41

1° Ingaga z'Umuryango FPR-INKOTANYI zirigenga ariko imiterere n'imikorere yazo bishingiye ku bitekerezo n'intego by'Umuryango FPR- INKOTANYI;

2° Ubuyobozi n'ibikorwa by'ingaga bigenwa n'abazigize ubwabo bakurikije amategeko yihariye azigenga.

**Ingingo ya 43: Gusesa Ingaga z'Umuryango FPR-INKOTANYI**

Gusesa Ingaga z'Umuryango FPR-INKOTANYI byemezwa n'lnama Nkuru y'Umuryango FPR-INKOTANYI.

**UMUTWE WA IV: INZEGO ZIHARIYE**

**ICYICIRO CYA MBERE: KOMITE NGENZUZI**

**Ingingo ya 44: Urwego rushinzwe ubugenzuzi**

Komite Ngenzuzi kuri buri rwego ni yo ishinzwe umurimo w'ubugenzuzi ku rwego rwayo.

**Ingingo ya 45: Abagize Komite Ngenzuzi**

Komite Ngenzuzi igizwe n'abantu barimo Umugenzuzi Mukuru, Umugenzuzi Mukuru wungirije n'abandi bagenzuzi.

Komite Nyobozi ku rwego rw'Igihugu igena umubare w'abagize Komite Ngenzuzi ku rwego rw'Igihugu no ku zindi nzego, yitaye ku ihame ry'uburinganire hagati y'abagore n'abagabo.

Ku rwego rw'Igihugu, abagize Komite Ngenzuzi bashyirwaho na Komite Nyobozi yo ku rwego rw'Igihugu.

Ku zindi nzego, abagize Komite Ngenzuzi bashyirwaho na Komite Nyobozi yo kuri buri rwego.

Nibura mirongo itatu ku ijana ry'abagize Komite Ngenzuzi ni urubyiruko.

Abagize Komite Ngenzuzi batoranywa mu banyamuryango bazwiho ubushobozi, ubuhanga, umurava, ubudakemwa, ubwitonzi n'ubushobozi by'intangarugero kandi bashoboye gukorana ubwigenge bwose imirimo bashinzwe.

Komite Nyobozi ku rwego rw'Igihugu imenyesha lnama Nkuru y'Umuryango FPR-INKOTANYI ishyirwaho ry'abagize Komite Ngenzuzi ku rwego rw'Igihugu. Iryo menyesha rikorwa muri raporo itangwa mu nama y' lnama Nkuru, ikurikira ishyirwaho ryabo .

Komite Nyobozi ku zindi nzego zimenyesha Inteko Rusange zo kuri izo nzego, ishyirwaho ry'abagize Komite Ngenzuzi kuri izo nzego. Iryo menyesha rikorwa muri raporo itangwa mu nama y' Inteko Rusange zo kuri izo nzego, ikurikira ishyirwaho ryabo.

**<u>Ingingo ya 46</u>: Imiterere n'imikorere bya Komite Ngenzuzi**

Komite Ngenzuzi ni urwego rwa tekiniki, rwigenga kandi rukora mu bwisanzure busesuye umurimo w'ubugenzuzi.

**<u>Ingingo ya 47</u>: Inshingano za Komite Ngenzuzi**

Komite Ngenzuzi ishinzwe:

1° Kureba imikorere y'Umuryango FPR- INKOTANYI n'imicungire y'umutungo wawo;

2° Kugenzura ko imigambi na gahunda by'Umuryango FPR - INKOTANYI bishyirwa mu bikorwa no kugira inama Umuryango FPR-INKOTANYI ku bikwiye gukorwa;

3° Guha Komite Nyobozi yo ku rwego rwayo raporo y'ubugenzuzi igihe cyose irangije ubugenzuzi;

4° Gutanga raporo buri mwaka n'igihe cyose bibaye ngombwa ku Nteko Rusange, kuri Biro Politiki cyangwa Inama Nkuru.

**<u>ICYICIRO CYA 2</u>: KOMISIYO NGENGAMYITWARIRE**

**<u>Ingingo ya 48</u>: Ishyirwaho n'imiterere bya Komisiyo Ngengamyitwarire**

Komisiyo Ngengamyitwarire ni urwego rushinzwe gukurikirana imyitwarire y'Abanyamuryango no gukemura impaka n'amakimbirane byavuka hagati yabo.

Komisiyo Ngengamyitwarire ziri ukubiri:

1° Komisiyo Ngengamyitwarire ihoraho kandi ishyirwaho na Komite Nyobozi y'Umuryango kuri buri rwego kugira ngo ikurikirane buri gihe ibibazo birebana n'imyitwarire;

2° Komisiyo Ngengamyitwarire idasanzwe ishobora gushyirwaho na Komite Nyobozi kugira ngo yige ibibazo bidasanzwe binyuranyije n'imyitwarire.

**<u>Ingingo ya 49</u>: Inshingano za Komisiyo Ngengamyitwarire**

Komisiyo Ngengamyitwarire ishinzwe:

1° Kugenzura no gufata ibyemezo bijyanye n'imyitwarire y'abanyamuryango inyuranyije n'amategeko-remezo y'Umuryango, cyangwa andi mategeko n'amabwiriza yawo;

2° Gushyiraho ingamba zatuma abanyamuryango birinda amakosa n'uburyo ayo amakosa yakumirwa;

3° Gushaka uburyo amakosa akorwa n'abanyamuryango yakosoka mu gihe yakozwe, hagamijwe guteza imbere ubumwe bw'Umuryango;

4° Gusuzuma no gukemura amakimbirane n'impaka bishobora kuvuka hagati y'Abanyamuryango, no kubunga;

**5°** Gusobanura amategeko-remezo n'amategeko ngengamikorere y'Umuryango bisabwe n'Umunyamuryango uwo ariwe wese.

**<u>Ingingo ya 50</u>: Ishyirwaho n'umubare w'abagize Komisiyo Ngengamyitwarire ihoraho**

Abagize Komisiyo Ngengamyitwarire ihoraho bashyirwaho na Komite Nyobozi kuri buri rwego rw'Umuryango.

Umubare w'abagize Komisiyo ngengamyitwarire ku rwego rw'Igihugu no ku zindi nzego ugenwa na Komite Nyobozi yo ku rwego rw'Igihugu.

Nibura mirongo itatu ku ijana yabo bagomba kuba ari urubyiruko.

Komisiyo Ngengamyitwarire yo ku rwego rw'Igihugu iyoborwa na Komiseri wo muri Komite Nyobozi.

Abashyirwa muri Komisiyo Ngengamyitwarire bagomba kuba bazwiho ukuri, ubwitonzi, ubushishozi no kuba inyangamugayo

**INTERURO YA IV: ABAYOBOZI**

**Ingingo ya 51: Igisobanuro cy'Umuyobozi mu Muryango FPR-INKOTANYI**

Umuyobozi mu Muryango FPR-INKOTANYI ni umuntu wese ushinzwe imirimo ituma agomba kuyobora abandi, yaba atorwa cyangwa ashyirwaho adatowe.

**Ingingo ya 52: Ibiranga imikorere y'umuyobozi mu Muryango FPR- INKOTANYI**

Bitabangamiye ububasha buri wese ahabwa n'aya mategeko-remezo, abayobozi kuri buri rwego rw'Umuryango FPR-INKOTANYI bafatanya kurangiza inshingano zahawe urwo rwego.

**Ingingo ya 53: Ishyirwaho ry'abagize Komite Nyobozi y'Umuryango FPR- INKOTANYI**

Abagize Komite Nyobozi ku rwego rw'lgihugu batorwa n'lnama Nkuru y'Umuryango FPR-INKOTANYI. Icyakora kugira ngo abanyamuryango bose bibone muri iyo Komite Nyobozi kandi ibe inafite ubumenyi n'ubushobozi bihagije, hashobora kongerwamo abandi ba Komiseri batatowe. Umubare w'abongerwamo wemezwa n'lnama Nkuru y'Umuryango FPR-INKOTANYI.

Abagize Komite Nyobozi ku zindi nzego batorwa n'Inteko Rusange.

**Ingingo ya 54: Ishyirwa mu myanya y'ubuyobozi**

Imyanya yose y'ubuyobozi bw'Umuryango FPR-INKOTANYI iratorerwa, haseguriwe ibiteganyijwe mu ngingo ya 53 y'aya mategeko shingiro.

**<u>Ingingo ya 55</u>: : Manda y’abayobozi b’ Inzego z’Umuryango-INKOTANYI**

Manda y’abagize Komite Nyobozi, Komite Ngenzuzi na Komisiyo Ngengamyitwarire ni imyaka itanu (5). Iyo manda ishobora kongerwa.

**<u>Ingingo ya 56</u>: Imyitwarire y’abayobozi b’Umuryango FPR-INKOTANYI**

Imyitwarire y’abayobozi b’Umuryango FPR-INKOTANYI igengwa n’amategeko ngengamikorere.

**<u>Ingingo ya 57</u>: Uko Umuyobozi ava ku mirimo ashinzwe**

Umuyobozi ava ku mirimo ashinzwe iyo:

1° Asezeye cyangwa acyuye igihe cya manda ye;

2° Avanyweho kubera ko atagishoboye kuzuza munshingano ze;

3° Atacyujuje ibyashingiweho atorwa cyangwa ashyirwaho;

4° Apfuye.

**<u>Ingingo ya 58</u>: Uko Abayobozi b’Umuryango FPR-INKOTANYI basimburwa**

Iyo Perezida w’Umuryango FPR-INKOTANYI avuye ku murimo ashinzwe manda ye itarangiye, asimburwa by’agateganyo na Visi Perezida.

Visi Perezida asabwe, mu gihe kitarenze amezi atatu (3), gutumira Inama Nkuru y’Umuryango FPR-INKOTANYI idasanzwe kugira ngo hatorwe Perezida mushya.

Iyo Visi Perezida w’Umuryango FPR-INKOTANYI avuye ku murimo ashinzwe manda ye itarangiye, Perezida w’Umuryango FPR-INKOTANYI mu gihe kitarenze amezi atatu (3) atumira Inama Nkuru idasanzwe yo gutora undi Visi Perezida w’Umuryango FPR-INKOTANYI.

Iyo Umunyamabanga Mukuru w’Umuryango FPR-INKOTANYI avuye ku murimo ashinzwe manda ye itarangiye, Komite Nyobozi ku rwego rw’Igihugu igena umwe mu ba Komiseri kumusimbura by’agateganyo. Perezida w’Umuryango FPR-INKOTANYI atumira, mu gihe kitarenze amezi atatu (3), Inama Nkuru y’Umuryango FPR-INKOTANYI idasanzwe kugirango hatorwe Umunyamabanga Mukuru mushya.

Iyo Komiseri avuye ku murimo ashinzwe manda ye itarangiye, Biro Politiki itora umusimbura mu gihe kitarenze amezi atandatu (6).

Abayobozi bandi bo ku zindi nzego bavuye ku mirimo bashinzwe manda yabo itarangiye basimburwa n'urwego rwabatoye cyangwa rwabashyizeho mu gihe kitarenze amezi atandatu (6).

**<u>Ingingo ya 59</u>: Uko Abayobozi b'Umuryango FPR-INKOTANYI badatorwa bavanwa ku mirimo**

Abayobozi b'Umuryango FPR-INKOTANYI badatorwa bavanwaho n'urwego rwabashinze imirimo.

## <u>INTERURO YA V</u>: INAMA Z'UMURYANGO FPR-INKOTANYI

**<u>Ingingo ya 60</u>: Inama z'Umuryango FPR-INKOTANYI**

Inzego z'Umuryango FPR-INKOTANYI ziterana mu nama zisanzwe cyangwa zidasanzwe.

**<u>Ingingo ya 61</u>: Igihe inama z'Inama Nkuru n'Inteko Rusange ziteranira**

Inama isanzwe y'lnteko Rusange n'iy'lnama Nkuru y'Umuryango FPR-INKOTANYI ziterana rimwe mu myaka ibiri (2).

**<u>Ingingo ya 62</u>: Igihe inama za Biro Politiki ziteranira**

Biro politiki iterana buri mezi ane (4) mu nama zayo zisanzwe n'igihe cyose bibaye ngombwa mu nama zayo zidasanzwe.

**<u>Ingingo ya 63</u>: Igihe inama za Komite Nyobozi ziteranira**

Inama isanzwe ya Komite Nyobozi kuri buri rwego iterana rimwe mu minsi cumi n'itanu (15).

**<u>Ingingo ya 64</u>: Igihe inama zidasanzwe z'Inzego z'Umuryango ziterana**

Inama zidasanzwe z'inzego z'Umuryango FPR-INKOTANYI ziterana igihe cyose bibaye ngombwa; zihamagazwa na Perezida wa buri rwego abyibwirije cyangwa abisabwe na ¼ cy'abagize urwo rwego.

**<u>Ingingo ya 65</u>: Ibyerekeye itumiza, iterana n'itegurwa by'inama**

Ibyerekeye itumiza, iterana, n'itegurwa by'inama biteganywa n'amategeko ngenga-mikorere.

**<u>Ingingo ya 66</u>: Uko ibyemezo bifatirwa mu nama y'Umuryango**

Ibyemezo bifatwa ku bwumvikane busesuye bw'abari mu nama. lyo bidashobotse ibyemezo bifatwa ku bwiganze burunduye bw'amajwi y'abagize urwego.

**<u>Ingingo ya 67</u>: Itangwa ry'inyandi-komvugo y'inama**

Buri rwego rw'Umuryango FPR-INKOTANYI rukora inyandikomvugo y'inama zarwo rukazigeza ku rwego rurukuriye.

**<u>INTERURO YA VI</u>: UMUTUNGO W'UMURYANGO FPR-INKOTANYI**

**<u>Ingingo ya 68</u>: Inkomoko y'umutungo w'Umuryango**

Umutungo w'Umuryango FPR-INKOTANYI ukomoka ahakurikira:

1° umusanzu w'Abanyamuryango ;

2° impano n'imirage;

3° imitungo n'ibikorwa byawo;

4° inkunga ya Leta.

**<u>Ingingo ya 69</u>: Imicungire y'umutungo w'Umuryango**

Umutungo w'Umuryango FPR-INKOTANYI ucungwa hakurikijwe amategeko asanzwe agenga icungamutungo mu gihugu.

**<u>INTERURO YA VII</u>: INGINGO Z'INZIBACYUHO N'IZISOZA**

**<u>Ingingo ya 70</u>: Gukomeza imirimo ku bari mu Nzego z'Umuryango**

Abanyamuryango bari mu Nzego zitandukanye z'Umuryango kuva ku Ntara n'Umujyi wa Kigali kugeza ku Mudugudu bakomeza imirimo yabo kugeza igihe basimburiwe mu buryo buteganywa n'aya mategeko-remezo.

**<u>Ingingo ya 71</u>: Ubufatanye n'indi mitwe ya politiki**

Bitanyuranije n'imigambi n'intego wiyemeje, Umuryango FPR-NKOTANYI ushobora gufatanya, kugirana amasezerano cyangwa kurema umutwe umwe n'indi miryango ya politiki.

**<u>Ingingo ya 72</u>: Guhindura amategeko–remezo y'Umuryango FPR-INKOTANYI**

Aya mategeko-remezo ahindurwa n'lnama Nkuru y'umuryango FPR- INKOTANYI byemejwe nibura na bine bya gatanu ( 4/5) by'abayigize.

Iyo idashobora guterana, aya mategeko-remezo ahindurwa na Biro Politiki nk'uko biteganyijwe mu ngingo ya 23 y'aya mategeko-remezo.

**<u>Ingingo ya 73</u>: Iseswa ry'Umuryango FPR-INKOTANYI**

Umuryango FPR-INKOTANYI ushobora guseswa byemejwe n'lnama Nkuru y'Umuryango FPR- INKOTANYI idasanzwe yahamagariwe icyo kibazo. Icyemezo gifatwa nibura na bine bya gatanu (4/5) by'abayigize.

**<u>Ingingo ya 74</u>: Icyo umutungo w'Umuryango FPR-INKOTANYI ukoreshwa iyo usheshwe**

Iyo Umuryango FPR-INKOTANYI usheshwe, umutungo wawo uhabwa undi mutwe wa Politiki uwusimbuye cyangwa undi muryango nyarwanda utari uwa Leta wakwemezwa n'Inama Nkuru y'Umuryango FPR-INKOTANYI.

**<u>Ingingo ya 75</u>: Agaciro k'amategeko-remezo y'Umuryango FPR-INKOTANYI**

Aya mategeko-remezo ni yo andi mategeko yihariye n'amabwiriza yose y'Umuryango FPR-INKOTANYI ashingiyeho kandi asimbuye andi yose anyuranyije na yo.

Ku bidateganyijwe muri aya mategeko-remezo hakurikizwa amategeko agenga imitwe ya politiki n'abanyapolitiki, n'amategeko ngengamikorere y'Umuryango FPR-INKOTANYI.

**Ingingo ya 76: Igihe aya mategeko–remezo atangira gukurikizwa**

Aya mategeko–remezo y’Umuryango FPR-INKOTANYI atangira gukurikizwa ku munsi yashyiriweho umukono n’abanyamuryango bari ku rutonde ruri ku mugereka.

## VI. AMATEGEKO NGENGAMIKORERE Y'UMURYANGO FPR-INKOTANYI NK'UKO YAHINDUWE KANDI YUJUJWE KUGEZA UBU

**AMATEGEKO NGENGAMIKORERE Y'UMURYANGO FPR-INKOTANYI NK'UKO YAHINDUWE KANDI YUJUJWE KUGEZA UBU**

**<u>ISHAKIRO</u>**

**<u>INTERURO YA MBERE</u>: AMAHAME REMEZO Y'IMIKORERE Y'UMURYANGO FPR-INKOTANYI**

**<u>Ingingo ya mbere</u>: Ihame shingiro ry'imikorere y'Umuryango FPR-INKOTANYI**

**<u>Ingingo ya 2</u>: Uburyo ibyemezo bifatwa mu Muryango FPR-INKOTANYI**

**<u>Ingingo ya 3</u>: Ihame ryo kungana n'uburinganire hagati y'Abanyamuryango**

**<u>INTERURO YA II</u>: IBYEREKEYE ABANYAMURYANGO**

**<u>UMUTWE WA MBERE</u>: KUBA UMUNYAMURYANGO**

**<u>Ingingo ya 4</u>: Ibisabwa umuntu ushaka kuba Umunyamuryango**

**<u>Ingingo ya 5</u>: Urwego rushyikirizwa ubusabe bwo kuba Umunyamuryango**

**<u>UMUTWE WA II</u>: UBURENGANZIRA N'INSHINGANO Z'UMUNYAMURYANGO**

**<u>Ingingo ya 6</u>: Uburenganzira bw'Umunyamuryango**

**<u>Ingingo ya 7</u>: Inshingano z'Umunyamuryango**

**<u>UMUTWE WA III</u>: IMYITWARIRE Y'ABANYAMURYANGO**

**<u>ICYICIRO CYA MBERE</u>: IMYITWARIRE Y'UMUNYAMURYANGO MURI RUSANGE**

**<u>Ingingo ya 8 :</u> Imyitwarire iranga Umunyamuryango**

**<u>Ingingo ya 9</u>: Ibyo Umunyamuryango abujijwe**

**<u>Ingingo ya 10</u>: Imyifatire Umunyamuryango abujijwe kugira mu mikorere ye**

**<u>Ingingo ya 11</u>: Ibyo Umunyamuryango abujijwe yitwaje umwanya yashyizwemo**

**<u>Ingingo ya 12</u>: Imyitwarire Umunyamuryango washinzwe umurimo abujijwe**

**<u>Ingingo ya 13</u>: Imyitwarire Umunyamuryango abujijwe ku byerekeranye n'umutungo**

**Ingingo ya 14: Kutarenga ku mabwiriza atanzwe n'abayobozi**

**Ingingo ya 15: Kwirinda imyitwarire itesha icyubahiro**

**Ingingo ya 16: Kutabangamira Inzego zishinzwe imyitwarire y'Abanyamuryango**

**Ingingo ya 17: Imyitwarire mibi Umunyamuryango agomba kwirinda**

**ICYICIRO CYA 2: IMYITWARIRE Y'UMUYOBOZI**

**Ingingo ya 18: Imyitwarire iranga Umuyobozi**

**Ingingo ya 19: Ibyo Umuyobozi abujijwe**

**ICYICIRO CYA 3: IMYITWARIRE KU MURIMO**

**Ingingo ya 20: Ibiranga Umunyamuryango uhawe umurimo n'Umuryango**

**Ingingo ya 21: Ibyo uwashinzwe umurimo yitaho iyo atumye undi muntu kuwukora**

**Ingingo ya 22: Uko Umunyamuryango uhawe umurimo awukora**

**Ingingo ya 23: Kwirinda gukora akazi mu izina ry'Umuryango nta bubasha**

**Ingingo ya 24: Gukora cyangwa kudakora umurimo mu nyungu z'Umuryango**

**ICYICIRO CYA 4: IMYITWARIRE KU BYEREKEYE UMUTUNGO**

**Ingingo ya 25: Guhabwa umutungo ugenewe Umuryango**

**Ingingo ya 26: Ibyerekeranye no guhabwa impano**

**Ingingo ya 27**: **Guhabwa umutungo n'utari Umunyamuryango**

**UMUTWE WA IV: IBIREGO BYEREKEYE IMYITWARIRE**

**Ingingo ya 28: Gutanga ikirego**

**Ingingo ya 29: Uburyo bwo gutanga ikirego**

**Ingingo ya 30: Inzego zishyikirizwa ikirego**

**Ingingo ya 31: Imiterere y'ikirego**

**Ingingo ya 32: Kumenyesha uregwa ikirego**

**Ingingo ya 33: Gushyiraho umunsi wo kumva ikirego**

**Ingingo ya 34: Kutitaba umunsi wo kumva ikirego wamenyeshejwe uregwa**

**Ingingo ya 35: Kumva ikirego**

**UMUTWE WA V: IBIHANO BYEREKEYE IMYITWARIRE**.

**Ingingo ya 36**: **Ibihano**

**Ingingo ya 37**: **Ibyitabwaho mbere yo gutanga ibihano**

**Ingingo ya 38 : Ibishingirwaho mu kwemeza ibihano**

**Ingingo ya 39: Ubundi buryo bwo gukosora amakosa**

**UMUTWE WA VI: KUREKA KUBA UMUNYAMURYANGO**

**Ingingo ya 40: Impamvu zo kureka kuba Umunyamuryango**

**Ingingo ya 41: Inzira zikurikizwa mu kureka kuba Umunyamuryango**

**Ingingo ya 42: Kwirukanwa k'Umunyamuryango**

**INTERURO YA III: IBYEREKEYE INZEGO Z'UMURYANGO**

**UMUTWE WA MBERE: INZEGO Z'UBUYOBOZI BW'UMURYANGO**

**Ingingo ya 43: Inzego z'Umuryango FPR-INKOTANYI**

**Ingingo ya 44: Inzego z'ubuyobozi bw'Umuryango ku rwego rw'Igihugu**

**Ingingo ya 45: Inzego z'ubuyobozi z'Umuryango ku rwego rw'Intara n'Umujyi wa Kigali, Akarere, Umurenge, Akagari n'Umudugudu**

**ICYICIRO CYA MBERE: INTEKO RUSANGE N'INAMA NKURU Y'UMURYANGO FPR-INKOTANYI**

**Ingingo ya 46: Abagize Inama Nkuru y'Umuryango FPR-INKOTANYI**

**Ingingo ya 47: Inshingano z'Inama Nkuru y'Umuryango FPR-INKOTANYI**

**Ingingo ya 48: Abagize Inteko Rusange y'Intara n'Umujyi wa Kigali**

**Ingingo ya 49: Abagize Inteko Rusange y'Akarere**

**Ingingo ya 50: Abagize Inteko Rusange y'Umurenge**

**Ingingo ya 51: Abagize Inteko Rusange y'Akagari**

**Ingingo ya 52***:* **Abagize Inteko Rusange y'Umudugudu**

**Ingingo ya 53: Inshingano z'Inteko Rusange y'Umuryango ku rwego rw'Intara n'Umujyi wa Kigali, Akarere, Umurenge, Akagari n'Umudugudu**

**Ingingo ya 54: Igihe inama z'Inama Nkuru n'Inteko Rusange ziteranira**

**Ingingo ya 55: Igihe inama zidasanzwe z'Inzego z'Umuryango ziteranira**

**Ingingo ya 56 : Uko Perezida w'urwego rw'Umuryango FPR-INKOTANYI ashyirwaho**

**ICYICIRO CYA 2: BIRO POLITIKI**

**Ingingo ya 57: Abagize Biro Politiki**

**Ingingo ya 58: Inshingano za Biro Politiki**

**Ingingo ya 59: Igihe inama za Biro Politiki ziteranira**

**Ingingo ya 60: Uko inama idasanwe ya Biro Politiki itumizwa**

**ICYICIRO CYA 3: KOMITE NYOBOZI**

**Ingingo ya 61: Abagize Komite Nyobozi ku rwego rw'Intara, Umujyi wa Kigali, Akarere, Umurenge, Akagari n'Umudugudu**

**Ingingo ya 62: Abagize Komite Nyobozi ku rwego rw'Igihugu**

**Ingingo ya 63: Inshingano za Komite Nyobozi**

**Ingingo ya 64: Komisiyo za Komite Nyobozi**

**Ingingo ya 65: Ishyirwaho n’iseswa rya Komisiyo za Komite Nyobozi**

**Ingingo ya 66: Imiterere ya za Komisiyo**

**Ingingo ya 67: Ubuyobozi bwa Komisiyo**

**Ingingo ya 68: Inshingano za Komisiyo**

**Ingingo ya 69: Inshingano z’Umuyobozi wa Komisiyo**

**Ingingo ya 70: Inshingano z’umuyobozi wungirije wa Komisiyo**

**Ingingo ya 71: Umwanditsi wa Komisiyo**

**Ingingo ya 72: Imikorere ya Komisiyo**

**Ingingo ya 73: Inama za Komisiyo**

**Ingingo ya 74: Gutumiza no kuyobora inama**

**Ingingo ya 75: Igihe cyo gutumira inama**

**Ingingo ya 76: Imigendekere y’inama**

**Ingingo ya 77: Umubare wa ngombwa kugira ngo inama iterane**

**Ingingo ya 78: Ifatwa ry’imyanzuro**

**Ingingo ya 79: Kuva muri Komisiyo**

**Ingingo ya 80: Imikoranire ya za Komisiyo za Komite Nyobozi ku rwego rw'Igihugu zihuriye ku nkingi y'imigambi y'Umuryango FPR-INKOTANYI**

**Ingingo ya 81: Imikoranire ya Komisiyo za Komite Nyobozi ku rwego rw'Igihugu n'izo ku nzego zo hasi**

**Ingingo ya 82: Igihe inama isanzwe ya Komite Nyobozi iterana**

**Ingingo ya 83: Igihe inama idasanzwe ya Komite Nyobozi iteranira n'uburyo itumirwa**

**Ingingo ya 84: Uburyo n'igihe giteganyijwe byo gutumira inama zisanwe z'Inzego z''Umuryango**

**Ingingo ya 85: Igihe giteganyijwe cyo gutumira inama zidasanzwe**

**ICYICIRO CYA 4: INGINGO RUSANGE**

**Ingingo ya 86: Kuyobora inama z'Umuryango**

**Ingingo ya 87: Abandi bashobora gutumirwa mu nama y'Umuryango**

**Ingingo ya 88: Uko inama z'Umuryango zitegurwa**

**Ingingo ya 89: Ibisabwa kugira ngo inama ya Komite Nyobozi iterane**

**Ingingo ya 90: Uburyo ibyemezo mu nama bifatwa**

**Ingingo ya 91: Itangwa rya raporo**

**ICYICIRO CYA 5: INSHINGANO Z'ABAYOBORA INZEGO Z'UMURYANGO**

**Ingingo ya 92 : Inshingano za Perezida**

**Ingingo ya 93: Inshingano za Visi Perezida**

**Ingingo ya 94: Inshingano z'Umunyamabanga Mukuru**

**Ingingo ya 95 : Inshingano za Komiseri**

**Ingingo ya 96: Inshingano za Perezida wa Komite Nyobozi kuva ku rwego rw'Intara n'Umujyi wa Kigali kugera ku Mudugudu**

**Ingingo ya 97: Inshingano za Visi-Perezida wa Komite Nyobozi ku kuva ku rwego rw'Intara n'Umujyi wa Kigali kugera ku Mudugudu**

**Ingingo ya 98: Inshingano z'Umunyamabanga wa Komite Nyobozi kuva ku rwego rw'Intara n'Umujyi wa Kigali kugera ku Mudugudu**

**Ingingo ya 99: Inshingano z'Umuyobozi wa Komisiyo kuva ku rwego rw'Intara n'Umujyi wa Kigali kugera ku Mudugudu**

**UMUTWE WA II: INGAGA Z'UMURYANGO FPR-INKOTANYI**

**Ingingo ya 100: Ingaga zishamikiye ku Muryango FPR-INKOTANYI**

**Ingingo ya 101: Uburenganzira bw'abagize Ingaga z'Umuryango**

**Ingingo ya 102: Porogaramu na Politiki by'Ingaga zishamikiye ku Muryango FPR-INKOTANYI**

**Ingingo ya 103: Imiterere n'imikorere y'ingaga zishamikiye ku Muryango FPR-INKOTANYI**

**Ingingo ya 104: Gusesa Ingaga zishamikiye kuri RPF-INKOTANYI**

**UMUTWE WA III: INZEGO ZIHARIYE**

**ICYICIRO CYA MBERE: KOMITE NGENZUZI**

**Ingingo ya 105: Urwego rushinzwe ubugenzuzi**

**Ingingo ya 106: Abagize Komite Ngenzuzi**

**Ingingo ya 107: Imiterere n'imikorere bya Komite Ngenzuzi**

**Ingingo ya 108: Inshingano za Komite Ngenzuzi**

**Ingingo ya 109: Raporo za Komite Ngenzuzi**

**Ingingo ya 110: Kuvanwa muri Komite Ngenzuzi**

**Ingingo ya 111: Uburyo icyemezo cyo kuvanwa muri Komite Ngenzuzi gifatwa**

**ICYICIRO CYA 2: KOMISIYO NGENGAMYITWARIRE**

**Ingingo ya 112: Ishyirwaho n'imiterere bya Komisiyo Ngengamyitwarire**

**Ingingo ya 113: Inshingano za Komisiyo Ngengamyitwarire**

**Ingingo ya 114: Ishyirwaho n'umubare w'abagize Komisiyo Ngengamyitwarire ihoraho**

**Ingingo ya 115: Manda y'abagize Komisiyo Ngengamyitwarire Ihoraho**

**Ingingo ya 116: Manda y'abagize Komisiyo Ngengamyitwarire idasanzwe**

**Ingingo ya 117: Abagize Komisiyo Ngengamyitwarire kuva ku rwego rw'Intara n'Umujyi wa Kigali kugera ku Mudugudu**

**Ingingo ya 118: Inshingano za Perezida wa Komisiyo Ngengamyitwarire**

**Ingingo ya 119: Inshingano za Visi-Perezida wa Komisiyo ngengamyitwarire**

**Ingingo ya 120 : Inshingano z'Umunyamabanga wa Komisiyo ngengamyitwarire**

**Ingingo ya 121: Ibyitabwaho mu gukurikirana imyitwarire mu Muryango**

**Ingingo ya 122: Urwego rufatira ibyemezo abagize Komite Nyobozi yo ku rwego rw'Intara n'Umujyi wa Kigali**

**Ingingo ya 123: Ububasha bwa Komisiyo Ngengamyitwarire**

**Ingingo ya 124: Ubwisanzure bwa Komisiyo Ngengamyitwarire**

**Ingingo ya 125: Uburyo Komisiyo Ngengamyitwarire imenya amakosa n'imikorere mibi bigaragara mu Banyamuryango**

**Ingingo ya 126: Uko Komisiyo ikoresha ibimenyetso by'imikorere mibi**

**Ingingo ya 127: Ibyo Komisiyo Ngengamyitwarire yitaho mu kuzuza inshingano zayo**

**Ingingo ya 128: Ibyerekeranye no gutumiza no kuyobora inama za Komisiyo ngengamyitwarire**

**Ingingo ya 129: Umubare wa ngombwa kugira ngo Komisiyo ngengamyitwarire iterane**

**Ingingo ya 130: Gusimbura abagize Komisiyo Ngengamyitwarire**

**Ingingo ya 131: Raporo zitangwa na Komisiyo Ngengamyitwarire**

**INTERURO YA IV: UMUTUNGO W'UMURYANGO**

**Ingingo ya 132: Inkomoko y'umutungo w'Umuryango**

**Ingingo ya 133 : Imicungire y'umutungo w'Umuryango**

**INTERURO YA V: INGINGO ZISOZA**

**Ingingo ya 134: Guhindura no kuvugurura amategeko ngengamikorere y'Umuryango**

**Ingingo ya 135: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'aya mategeko ngengamikorere**

**Ingingo ya 136: Igihe aya mategeko ngengamikorere atangira gukurikizwa**

**AMATEGEKO NGENGAMIKORERE Y'UMURYANGO FPR-INKOTANYI NK'UKO YAHINDUWE KANDI YUJUJWE KUGEZA UBU**

**IRANGASHINGIRO**

Dushingiye ku Itegeko ngenga n° 10/2013/OL ryo ku wa 11/07/2013 rigenga Imitwe ya Politiki n'Abanyapolitiki;

Dushingiye ku mategeko–remezo y'Umuryango FPR – INKOTANYI nk'uko yavuguruwe kugeza ubu;

Dusubiye mu mategeko ngengamikorere y'Umuryango FPR-INKOTANYI nk'uko yavuguruwe kugeza ubu ;

Twebwe, abanyamuryango b'Umuryango FPR-INKOTANYI[2], twemeje ko amategeko ngengamikorere y'Umuryango FPR-INKOTANYI ahinduwe kandi yujujwe ku buryo bukurikira:

**INTERURO YA MBERE: AMAHAME REMEZO Y'IMIKORERE Y'UMURYANGO FPR-INKOTANYI**

**Ingingo ya mbere: Ihame shingiro ry'imikorere y'Umuryango FPR-INKOTANYI**

Inama ni zo shingiro ry'imikorere y'Umuryango. Ibyemezo by'Umuryango bifatirwa mu nama. Ibitekerezo by'abanyamuryango ku bibazo biriho, byigwa n'Umuryango bitangirwa mu nama z'inzego zawo.

---

[2] Aya mategeko Ngengamikorere yahinduwe n'Abanyamuryango ba FPR-INKOTANYI bateraniye mu nama ya Biro Politiki yo ku wa 7/08/2013, mu Nama Nkuru y'Igihugu yo ku wa 15/12/2013,no mu nama ya Biro Politiki yo kuwa 16/12/ 2017.

Ibyifuzo n'ibitekerezo biturutse mu nzego z'ibanze z'Umuryango ni byo Umuryango FPR-INKOTANYI ushingiraho ufata ibyemezo.

**Ingingo ya 2: Uburyo ibyemezo bifatwa mu Muryango FPR-INKOTANYI**

Ibyemezo bifatwa bigomba kuba byahawe umwanya uhagije wo kubijyaho impaka no kubisuzumana ubushishozi.

**Ingingo ya 3: Ihame ryo kungana n'uburinganire hagati y'Abanyamuryango**

Abanyamuryango bose barangana imbere y'amategeko ngengamikorere y'Umuryango.

By'umwihariko, Umuryango uharanira kandi ushimangira uburinganire hagati y'abagore n'abagabo.

## INTERURO YA II: IBYEREKEYE ABANYAMURYANGO

## UMUTWE WA MBERE: KUBA UMUNYAMURYANGO

**Ingingo ya 4: Ibisabwa umuntu ushaka kuba Umunyamuryango**

Umuryango FPR-INKOTANYI wakira umunyarwanda wese ubyemerewe n'amategeko, wujuje imyaka cumi n'umunani (18), wemera intego, imigambi n'amategeko byawo nta vangura rishingiye ku gitsina, ubwoko, uturere, amadini, ubukungu n'ibindi.

**Ingingo ya 5: Urwego rushyikirizwa ubusabe bwo kuba Umunyamuryango**

Komite Nyobozi ishyikirizwa ubusabe bw'uwifuza kuba umunyamuryango kugira ngo ibwemeze.

## UMUTWE WA II: UBURENGANZIRA N'INSHINGANO Z'UMUNYAMURYANGO

**Ingingo ya 6: Uburenganzira bw'Umunyamuryango**

Buri munyamuryango afite uburenganzira bukurikira:

1° Kugira uruhare mu gutanga ibitekerezo byashingirwaho mu kwemeza porogaramu na politike by'Umuryango ;

2° Gutora abayobozi b'Umuryango ku rwego akoreramo ;

3° Gutorwa no gushyirwa mu mwanya w'ubuyobozi bw'Umuryango ;

4° Kugira uruhare mu mirimo y'Umuryango;

5° Gutumirwa mu nama z'inzego z'Umuryango arimo no gutangamo ibitekerezo ;

6° Kurengerwa n'Umuryango aramutse atotejwe, arenganijwe cyangwa ahohotewe mu byerekeye uburenganzira bwe ;

7° Kurega, kwiregura no kujurira igihe atanyuzwe n'ibyemezo yafatiwe n'inzego z'Umuryango.

**<u>Ingingo ya 7</u>: Inshingano z'Umunyamuryango**

Buri munyamuryango afite inshingano zikurikira :

1° Guharanira intego n'imigambi by'Umuryango no gufatanya n'abandi banyamuryango kuziharanira ;

2° Gukunda igihugu, kurengera iteka Umuryango, abanyamuryango n'ibyawo ;

3° Kwemera kugirwa inama no kuyigira abandi banyamuryango, kwikosora, gukosorwa no gukosora abandi bigamije kubaka Umuryango ;

4° Kwitabira inama z'Umuryango yatumiwemo ;

5° Gukangurira Abanyarwanda gushyigikira Umuryango FPR-INKOTANYI, imigabo n'imigambi yawo no kuwinjiramo,

6° Gufatanya n'abanyarwanda mu guharanira ubumwe, demokarasi n'amajyambere mu Rwanda;

7° Kurwanya ubwironde n'amacakubiri ayo ari yo yose ;

8° Gukorana umurava imirimo ashinzwe.

**<u>UMUTWE WA III</u>: IMYITWARIRE Y'ABANYAMURYANGO**

**<u>ICYICIRO CYA MBERE</u>: IMYITWARIRE Y'UMUNYAMURYANGO MURI RUSANGE**

**<u>Ingingo ya 8 :</u> Imyitwarire iranga Umunyamuryango**

Umunyamuryango arangwa n’ubumuntu, ubupfura, ubwitonzi, ubushishozi, n’ubwangamugayo, urukundo, ukuri, ishyaka n’ubutwari.

Umunyamuryango agomba kugira imikorere irangwa n’umwete, ubwitange, kunoza umurimo no kujya inama.

Umunyamuryango agomba gushyira imbere intego n’imigambi by’Umuryango.

Agomba kugaragariza Umuryango umutungo we igihe bibaye ngombwa;

Agomba guhora yihugura.

**Ingingo ya 9**: **Ibyo Umunyamuryango abujijwe**

Buri munyamuryango abujijwe:

1° Kumena amabanga y’Umuryango ;

2° Gukorana n’imiryango cyangwa abantu barwanya Umuryango FPR-INKOTANYI.

3° Gukora no gushyigikira umuntu wese ugamije gukora ibinyuranyije n’amategeko.

**Ingingo ya 10**: **Imyifatire Umunyamuryango abujijwe kugira mu mikorere ye**

Mu mikorere ye, Umunyamuryango abujijwe imyifatire ikurikira:

1° Kwisuzugura no kutagira icyizere mu migambi y’Umuryango, birimo no kwiheba ;

2° Guhunga inshingano ahawe n'Umuryango ;

3° Guhubuka no kwigerezaho ;

4° Kudahuza imvugo n'ingiro ;

5° Guharanira ibyamugirira akamaro ku giti cye gusa ;

6° Kunanirwa gukora akazi iyo bishaka kwigomwa ;

7° Kudindiza ibikorwa bifitiye Umuryango cyangwa igihugu akamaro.

**<u>Ingingo ya 11</u>: Ibyo Umunyamuryango abujijwe yitwaje umwanya yashyizwemo**

Umunyamuryango abujijwe kwitwaza umwanya afite mu Muryango, mu nzego za Leta cyangwa mu zindi nzego kugira ngo akore ibitemewe n'amategeko. Muri ibyo harimo :

1° Kwaka cyangwa kwemera igihembo bitemewe n'amategeko kugira ngo abone gukora umurimo ashinzwe cyangwa awureke ;

2° Gukoresha umwanya afite agamije inyungu z'amafaranga, iz'ibintu cyangwa izindi nyungu ;

3° Kwiba, kunyereza cyangwa gucunga nabi umutungo ashinzwe kurinda, waba uw'Umuryango cyangwa uw'igihugu ;

4° Guteza imbere inyungu ze ku giti cye, ariko bibangamiye inyungu z'Umuryango cyangwa iz'igihugu.

**<u>Ingingo ya 12</u>: Imyitwarire Umunyamuryango washinzwe umurimo abujijwe**

Umunyamuryango ushinzwe imirimo mu Muryango, mu nzego z'ubuyobozi za Leta, mu bigo Leta cyangwa Umuryango ufitemo imigabane n'ahandi, abujijwe:

1° Gukorana uburangare cyangwa ubunebwe akazi ashinzwe ;

2° Kwica akazi abigendereye.

**<u>Ingingo ya 13</u>: Imyitwarire Umunyamuryango abujijwe ku byerekeranye n'umutungo**

Umunyamuryango abujijwe konona umutungo w'Umuryango cyangwa uw'igihugu, cyane cyane mu buryo bukurikira:

1° Gusenya, kwangiza cyangwa gupfusha ubusa umutungo w'Igihugu cyangwa uw' Umuryango;

2° Gutanga nta burenganzira umutungo w'Igihugu cyangwa uw'Umuryango;

3° Gukoresha umutungo w'Igihugu cyangwa w'Umuryango ku giti cy'umuntu bwite.

**<u>Ingingo ya 14:</u> Kutarenga ku mabwiriza atanzwe n'abayobozi**

Umunyamuryango abujijwe kurenga ku mabwiriza ahawe n'abayobozi be mu Muryango igihe ayo mabwiriza atanyuranyije n'amategeko y'Umuryango cyangwa ay'igihugu.

**<u>Ingingo ya 15:</u> Kwirinda imyitwarire itesha icyubahiro**

Umunyamuryango abujijwe kugaragaza no gushyigikira ingeso zitesha umuntu icyubahiro nk'izi zikurikira :

1° Kwiyandarika mu businzi no mu busambanyi ;

2° Gucuruza cyangwa kunywa ibiyobyabwenge ;

3° Kwanduranya, kurwana, gushotorana, gushoza imvururu cyangwa indi myifatire mibi ;

4° Kwitesha agaciro, gutukana no gusuzugura bagenzi be cyangwa abayobozi ;

5° Kubangamira imigendekere y'inama n'imirimo y'Umuryango ;

6° Gushoza amazimwe agamije guteranya ;

7° Indi myifatire yose ijyanye no kutiyubaha no kutubaha abandi.

**<u>Ingingo ya 16</u>: Kutabangamira Inzego zishinzwe imyitwarire y'Abanyamuryango**

Umunyamuryango abujijwe kubangamira inzego ngengamyitwarire azibuza gukora akazi kazo. Mu bibujijwe harimo:

1° Guhisha nkana ibimenyetso bishinja uwakoze icyaha;

2° Gutanga ibimenyetso by'ibihimbano cyangwa kubeshya;

3° Kuburizamo ibimenyetso byariho;

4° Kwivanga mu mikorere y'iperereza n'iy'ubucamanza bigamije kubibuza ubwisanzure;

5° Kumena ibanga ku birebana n'iperereza rigikorwa;
6° Gukoresha inzego ngengamyitwarire mu buryo ubwo ari bwo bwose butemewe ;

7° Kwanga gutanga ibimenyetso cyangwa kuba umugabo mu rubanza;

8° Kwanga gusubiza ibibazo by'abagize akanama gashinzwe iby'imyitwarire y'abanyamuryango cyangwa urundi rwego rwahabwa izo nshingano mu Muryango.

**<u>Ingingo ya 17</u>: Imyitwarire mibi Umunyamuryango agomba kwirinda**

Umunyamuryango agomba kwirinda :

1° Ibikorwa by'ivangura bishingiye ku gitsina, ubwoko, amadini, uturere, indimi, amashuli, ubukungu n'ibindi, haba mu nyandiko, mu magambo cyangwa mu bundi buryo bugamije kubiba amacakubiri mu Banyarwanda no mu bantu muri rusange ;
2° Imyifatire igamije kuzana amacakubiri cyangwa ubwumvikane buke mu Muryango ;

3° Gukwiza ibihuha no gushyigikira imvugo cyangwa inyandiko z'impimbano zidafite gihamya ;

4° Kunenga Umuryango cyangwa abayobozi bawo mu buryo butemewe n'amategeko y'Umuryango ;

5° Gukunda kwitirirwa ibikozwe byose no kogezwa.;

6° Ubusambo, umururumba no gusesagura ;

7° Indi myifatire yose igamije gusenya Umuryango cyangwa imikorere yawo.

**<u>ICYICIRO CYA 2</u>: IMYITWARIRE Y'UMUYOBOZI**

**<u>Ingingo ya 18</u>: Imyitwarire iranga Umuyobozi**

Umuyobozi agomba kubera abandi urugero mu bikorwa byose by'Umuryango n'iby'Igihugu.

**<u>Ingingo ya 19</u>: Ibyo Umuyobozi abujijwe**

Umuyobozi abujijwe cyane cyane ibi bikurikira :

1° Gukora nabi imirimo ashinzwe;

2° Gusiba cyangwa gukererwa inama nta mpamvu zigaragara ;

3° Gutwara amagambo yavugiwe mu nama aho atagenewe;

4° Gusuzugura abo ayobora cyangwa abo bakorana;

5° Kutihangana no kutihanganira abandi;

6° Kwigira umutegetsi ahubwo akamenya ko akwiye kuba umuyobozi;

7° Gufata ibyemezo bitabanje gusuzumwa neza kuko byagira ingaruka mbi ku Muryango no ku gihugu.

**ICYICIRO CYA 3: IMYITWARIRE KU MURIMO**

**Ingingo ya 20: Ibiranga Umunyamuryango uhawe umurimo n'Umuryango**

Umunyamuryango wese uhawe umurimo n'Umuryango agomba kugerageza kuwukora ubwe. Igihe bidashobotse, agomba kubimenyesha vuba urwego rw'ubuyobozi rubishinzwe.

Iyo hari impamvu imubuza kuwukora ubwe, kandi adafite uko abimenyesha uwawumuhaye, awushinga abandi Banyamuryango, ariko abo bandi agomba kuba azi ko bawushoboye; cyakora akamenya ko ari we uzabazwa iby'uwo murimo.

**Ingingo ya 21: Ibyo uwashinzwe umurimo yitaho iyo atumye undi muntu kuwukora**

Mbere yo gutuma undi muntu gukora akazi k'Umuryango, ugashinzwe ubwe abanza kwita kuri ibi bikurikira :

1° Ubumenyi, ubushobozi n'ubwizerwa bw'uwo agiye guha ako kazi ;

2° Imikorere, ingorane n'amayobera biri muri ako kazi.

**Ingingo ya 22: Uko Umunyamuryango uhawe umurimo awukora**

Umunyamuryango uhawe umurimo n'Umuryango agomba kuwukora nk'uko bitegetswe kandi akirinda kurenza ububasha yahawe.

**Ingingo ya 23: Kwirinda gukora akazi mu izina ry'Umuryango nta bubasha**

Uretse iyo hari impamvu zikomeye cyane, nta munyamuryango ugomba kugira icyo akora mu izina ry'Umuryango nta bubasha abifitiye.

Icyakora iyo bibaye ngombwa, agomba kugerageza uko ashoboye kose kujya inama no kumenyesha urwego rw'ubuyobozi bw'Umuryango buri hafi, cyangwa se bidashobotse akareba undi munyamuryango agisha inama.

**Ingingo ya 24: Gukora cyangwa kudakora umurimo mu nyungu z'Umuryango**

1° Umuryango wihariye ububasha bwo kubuza uwo ari we wese mu bayobozi bawo gukora undi murimo, igihe bigaragara ko uwo murimo ubangamiye imikorere yawo;

2° Igihe Umunyaryango uri mu buyobozi bw'Umuryango yeretswe ko imirimo ye bwite ibangamiye inyungu z'Umuryango, afite uburenganzira bwo kwegura ku mwanya w'umuryango yatorewe;

3° Umunyamuryango ubona gufatanya imirimo ye n'iy'Umuryango bimuteye imbogamizi, agomba kubimenyesha bidatinze abayobozi b'Umuryango babigenewe;

4° Umuryango ufite uburenganzira bwo gusaba umunyamuryango kuwukorera akareka ibindi yakoraga.

**ICYICIRO CYA 4: IMYITWARIRE KU BYEREKEYE UMUTUNGO**

**Ingingo ya 25: Guhabwa umutungo ugenewe Umuryango**

Umunyamuryango uhawe amafaranga cyangwa ibintu bigenewe Umuryango abyerekana uko byabonetse. Iyo hari ibyakoreshejwe abitangira ibisobanuro.

Umunyamuryango uri mu mirimo ya FPR-INKOTANYI agahabwa amafaranga cyangwa ibintu abyerekana mu Muryango.

**Ingingo ya 26: Ibyerekeranye no guhabwa impano**

Umunyamuryango ubonye impano adasobanukiwe ko ari iye cyangwa iy'Umuryango ayerekana mu Muryango akaba ariwo ubikemura.

**Ingingo ya 27: Guhabwa umutungo n'utari Umunyamuryango**

Kugira ngo umunyamuryango ahabwe amafaranga cyangwa ibintu bigenewe Umuryango n'umuntu utari umunyamuryango bigomba kwemerwa na Komite Nyobozi y'urwego rumukuriye.

**UMUTWE WA IV: IBIREGO BYEREKEYE IMYITWARIRE**

**Ingingo ya 28: Gutanga ikirego**

Ikirego cy'imyitwarire gitangwa mu nyandiko isinywe n'urega. Abashobora gutanga icyo kirego ni aba :

1° Umunyamuryango uwo ari we wese;
2° Komite Nyobozi ku rwego urwo ari rwo rwose;
3° Inteko Rusange y'urwego urwo ari rwo rwose;
4° Biro Politike.

**Ingingo ya 29: Uburyo bwo gutanga ikirego**

Ikirego gitangwa mu nyandiko cyangwa mu magambo. Iyo gitanzwe mu magambo, cyandikwa n’urwego rucyakiriye. Icyo gihe biba ngombwa ko gisomerwa urega, akanasinyira cyangwa agateraho igikumwe yemeza ko abimenyeshejwe.

**Ingingo ya 30: Inzego zishyikirizwa ikirego**

Ikirego gishobora gushyikirizwa inzego zikurikira :

1° Komisiyo ngengamyitwarire ikorera ku rwego ikosa ryakoreweho;

2° Inteko Rusange y’urwego iryo kosa ryakoreweho;

3° Biro Politike;

4° Inama Nkuru y'Umuryango.

**Ingingo ya 31: Imiterere y‘ikirego**

Ikirego kigomba kwerekana :

1° Urega;
2° Uregwa;
3° Ikirego.

**Ingingo ya 32: Kumenyesha uregwa ikirego**

Urwego rwagejejweho ikirego rugomba guhita rubimenyesha uregwa, rumusaba gusubiza ko yabonye ikirego, kandi ko agomba kwiregura mu minsi itarenze cumi n’itanu (15). Urwego rwamutumiye rushyiraho uburyo bwo kumenya ko ubutumire yabubonye.

**Ingingo ya 33: Gushyiraho umunsi wo kumva ikirego**

Komisiyo ngengamyitwarire ishyiraho umunsi wo kumva ikirego, ikamenyesha abo kireba, itariki, isaha n’aho icyo kirego kizumvirwa.

**Ingingo ya 34: Kutitaba umunsi wo kumva ikirego wamenyeshejwe uregwa**

Iyo uregwa abimenyeshejwe, ntiyitabe mu gihe giteganyijwe n’ingingo ya 33 y’aya mategeko ngengamyitwarire, yibutswa inshuro imwe, ataboneka atatanze impamvu mu minsi cumi n’ine (14), umwanzuro ku kirego ugafatwa adahari.

**Ingingo ya 35: Kumva ikirego**

Mu gufata umwanzuro ku kirego, Komisiyo ngengamyitwarire zigomba buri gihe kurangwa n'ubutabera busesuye. Zigomba kumva buri ruhande, zigaha buri muntu uburana uburenganzira bwo kwiregura mu nzira zose zishoboka, harimo no guhamagaza abatangabuhamya.

Urwego rushinzwe kumva ibirego rugomba kwirinda kugira uruhande rwabogamiraho.

Iyo umwe mu bagize Komisiyo ngengamyitwarire afite impamvu ishobora gutuma yabogama mu kirego cyumvwa n'iyo Komite yigizwayo. Umunyamuryango uburana ashobora gusaba ko umwe cyangwa bamwe mu baburanisha bavanwa mu bakurikirana urubanza rwe, iyo afite impamvu zigaragaza ko bashobora kuba bamurenganya.

## **<u>UMUTWE WA V:</u> IBIHANO BYEREKEYE IMYITWARIRE**.

### **<u>Ingingo ya 36</u>: Ibihano**

Umunyamuryango uteshutse ku nshingano ze no ku myitwarire myiza, ahanwa mu buryo bukurikira :

1° Gusabwa kwikosora ;

2° Kwihanangiriza ;

3° Guhagarikwa ku kazi k'Umuryango ;

4° Kwirukanwa ku kazi k'Umuryango ;

5° Gusabwa kwegura ku mirimo y'igihugu yoherejwemo n'Umuryango ;

6° Guhagarikwa mu Muryango bitarenze imyaka ibiri ;

7° Kwirukanwa mu Muryango.

Haseguriwe ibivugwa mu ngingo ya 47, 11° n'iya 49, 5°, ibihano bivugwa muri 1º na 2º) bitangwa na Komisiyo Ngengamyitwarire.

Ibihano bivugwa muri 3º, 4º na 5º bitangwa na Komite Nyobozi.

Igihano kivugwa muri 6º gitangwa n'Inteko rusange cyangwa Inama Nkuru y'Umuryango.

Igihano kivugwa muri 7º gitangwa n'Inama Nkuru y'Umuryango.

Ibihano bifashwe na buri rwego bimenyeshwa izindi nzego.

Izo nzego zifata icyemezo zimaze kumva imyanzuro ya Komisiyo Ngengamyitwarire.

**Ingingo ya 37: Ibyitabwaho mbere yo gutanga ibihano**

Mbere yo gufatirwa ibihano, buri munyamuryango uregwa afite uburenganzira bwo:

1° Guhabwa ibimenyetso bigaragaza ibyo aregwa ;

2° Kwiregura no kujurira mu nzego z'Umuryango nk'uko biteganywa n'amategeko agenga imyitwarire y'abanyamuryango ;

3° Gufatirwa umwanzuro hakurikijwe ubutabera.

**Ingingo ya 38 : Ibishingirwaho mu kwemeza ibihano**

Mu kwemeza ibihano, urwego rubishinzwe rushingira kuri ibi bikurikira :

1° Uburyo ikosa cyakozwemo;

2° Uburemere bw'icyaha cyakozwe;

3° Kuba uwarezwe yarashoboye kwiregura;

4° Ingaruka mbi icyaha cyateye;

5° Imyifatire isanzwe y'uregwa.

**Ingingo ya 39: Ubundi buryo bwo gukosora amakosa**

Ubundi buryo bwo gukosora amakosa yakozwe ni ubu bukurikira :

1° Kunenga ku mugaragaro mu nama zemewe;

2° Gukoresha buri gihe inama nyinshi zigamije gukemura ibibazo bivuka.

**<u>UMUTWE WA VI</u>: KUREKA KUBA UMUNYAMURYANGO**

**<u>Ingingo ya 40</u>: Impamvu zo kureka kuba Umunyamuryango**

Umuntu areka kuba umunyamuryango asezeye, yirukanwe cyangwa apfuye.

**<u>Ingingo ya 41</u>: Inzira zikurikizwa mu kureka kuba Umunyamuryango**

Umunyamuryango usezeye yandikira Inteko rusange y'Intara/ Umujyi wa Kigali akabimenyesha Inama Nkuru y'Umuryango FPR-INKOTANYI ari na yo yemeza ugusezera.

**<u>Ingingo ya 42</u>: Kwirukanwa k'Umunyamuryango**

Umunyamuryango yirukanwa iyo atubahirije intego n'imigambi by'umuryango FPR-INKOTANYI n'andi mategeko agenga imyitwariye y'abanyamuryango nk'uko akubiye muri aya mategeko ngengamikorere.

Icyemezo cyo kwirukana umunyamuryango gifatwa n'Inama Nkuru y'Umuryango FPR-INKOTANYI ikabimumenyesha mu nyandiko.

**<u>INTERURO YA III:</u> IBYEREKEYE INZEGO Z'UMURYANGO**

**<u>UMUTWE WA MBERE</u>: INZEGO Z'UBUYOBOZI BW'UMURYANGO**

**<u>Ingingo ya 43</u>: Inzego z'Umuryango FPR-INKOTANYI**

Umuryango FPR-INKOTANYI ugizwe n'inzego ziri ku rwego rw'Igihugu, urwego rw'Intara/Umujyi wa Kigali, urwego rw'Akarere, urwego rw'Umurenge, urwego rw'Akagari, n'urwego rw'Umudugudu.

**<u>Ingingo ya 44</u>: Inzego z'ubuyobozi bw'Umuryango ku rwego rw'Igihugu**

Inzego z'ubuyobozi z'Umuryango FPR-INKOTANYI ku rwego rw'Igihugu ni izi zikurikira:

1° Inama Nkuru y'Umuryango FPR-INKOTANYI ;

2° Biro Politike y'Umuryango;
3° Komite Nyobozi.

**<u>Ingingo ya 45</u>: Inzego z'ubuyobozi z'Umuryango ku rwego rw'Intara n'Umujyi wa Kigali, Akarere, Umurenge, Akagari n'Umudugudu**

Inzego z'ubuyobozi z'Umuryango FPR-INKOTANYI kuva ku Ntara /Umujyi wa Kigali kugeza ku Mudugudu, ni izi zikurikira :

1° Inteko Rusange ;
2° Komite Nyobozi.

**<u>ICYICIRO CYA MBERE</u>: INTEKO RUSANGE N’INAMA NKURU Y’UMURYANGO FPR-INKOTANYI**

**<u>Ingingo ya 46</u>: Abagize Inama Nkuru y’Umuryango FPR-INKOTANYI**

Inama Nkuru y’Umuryango FPR-INKOTANYI igizwe n’Abanyamuryango bari mu Nzego no mu byiciro bikurikira:

1° Kornite Nyobozi ku rwego rw’lgihugu ;

2° Komisiyo Ngengamyitwarire ku rwego rw’Igihugu;

3° Komite Ngenzuzi ku rwego rw’Igihugu;

4° Perezida, Visi Perezida n’umunyamabanga ba Komite Nyobozi y’Umuryango ku Ntara n’Umujyi wa Kigali;

5° Perezida wa Komisiyo Ngengamyitwarire ku Ntara n’Umujyi wa Kigali

6° Umugenzuzi Mukuru ku Ntara n’Umujyi wa Kigali ;

7° Perezida w’Umuryango mu Karere;

8° Abagize Komite Nyobozi z’Urugaga rw’Urubyiruko ku rwego rw’Igihugu;

9° Abagize Komite Nyobozi z’Urugaga rw’Urubyiruko ku rwego rw‘Intara n’Umujyi wa Kigali;

10° Abagize Komite Nyobozi z’Urugaga rw’Urubyiruko ku rwego rw‘Akarere;

11° Abahagarariye ibindi byiciro by’urubyiruko bigaragara mu Nzego z’Umuryano.Umubare wabo n’ibyiciro barimo bigenwa na Komite Nyobozi yo ku rwego rw’Igihugu (NEC)

12° Abagize Komite Nyobozi z’Urugaga rw’Abagore ku rwego rw’Igihugu;

13° Abagize Komite Nyobozi z’Urugaga rw’Abagore ku rwego rw‘Intara n’Umujyi wa Kigali;

14° Abagize Komite Nyobozi z’Urugaga rw’Abagore ku rwego rw‘Akarere.

15° Abagize Biro y'Inama y'Igihugu y'Abagore ku rwego rw'lgihugu;

16° Abagize Biro y'Inama y'Igihugu y'Urubyiruko ku rwego rw'Igihugu;

17° Umuyobozi w'Inama y'Igihugu y'Urubyiruko ku rwego rw'Intara n'Umujyi wa Kigali;

18° Umuyobozi w'Inama y'Igihugu y'Abagore ku rwego rw'Intara n'Umujyi wa Kigali;

19° Abayobozi bo mu rwego rw'ikirenga: Abaminisitiri, Abakuru b'lntara Abaminisitiri, bakuru b'lntara n'Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali, abagize Inteko Ishinga Amategeko, Abanyamabanga Bakuru ba za Minisiteri n'abari mu rwego rwabo, Abayobozi b'lbigo, Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'lntara n'Umujyi wa Kigali na ba Ambasaderi;

20° Komite Nyobozi y'Umujyi wa Kigali;

21° Abahagarariye Ihuriro ry'Abanyeshuri b'amashuri makuru na za Kaminuza zo mu Rwanda;

22° Biro ya Njyanama y'Umujyi wa Kigali;

23° Biro za Njyanama z'Uturere;

24° Komite Nyobozi y'Akarere;

25° Perezida w'Umuryango ku Murenge;

26° Umunyamuryango uhagarariye Abafite ubumuga ku rwego rw' Igihugu;

27° Abanyamuryango bahagarariye Abikorera ku rwego rw' Igihugu;

28° Abanyamuryango bahagarariye abandi bari mu Miryango itegamiye kuri Leta ku rwego rw'Igihugu;

29° Umunyamuryango uhagarariye Abikorera ku rwego rw'Intara/Umujyi wa Kigali;

30° Umunyamuryango uhagarariye abandi bari mu Miryango itegamiye kuri Leta ku Ntara/ Umujyi wa Kigali;

31° Umunyamuryango uhagarariye abafite ubumuga ku rwego rw'Intara/Umujyi wa Kigali;

32° Abahoze ari ba Perezida b'Umuryango mu Ntara n'Umujyi wa Kigali;

33° Abahoze ari ba Perezida b'intara (region) n'lntore z'Umuryango ku buryo buhoraho ku rwego rwa Komite Nyobozi no ku rwego rw'intara (regions);

34° Abanyamuryango bigeze kuba mu buyobozi bw'ikirenga bw'ingabo (High Command) igihe cyo kubohoza Igihugu batakiri abasirikare n'abigeze kuba muri Komite Nyobozi y'Umuryango FPR-INKOTANYI (NEC);

35° Umunyamuryango umwe uhagarariye abahoze mu ngabo kuri buri Ntara n'Umujyi wa Kigali.

Komite Nyoboziy'Umuryango ishobora gutumira abandi banyamuryango bibaye ngombwa.

**<u>Ingingo ya 47:</u> Inshingano z'Inama Nkuru y'Umuryango FPR-INKOTANYI**

Inama Nkuru y'Umuryango FPR-INKOTANYI ishinzwe cyane cyane:

1° Gushyiraho no kuvugurura amategeko- remezo, n'andimategeko agengaUmuryango FPR-INKOTANYI;

2° Kwemeza politike Umuryango FPR- INKOTANYI ugenderaho;

3° Kwemeza Ingengo y'imari y'umuryango FPR-INKOTANYI;

4° Gushyiraho gahunda y'ibikorwa by'Umuryango FPR-INKOTANYI ;

5° Kwemeza raporo y'ibikorwa na raporo y'imikoreshereze y'imari y'umuryango FPR-NKOTANYI;

6° Kugenzura no gukurikirana imirimo n'imikorere y'izindi nzego z'Umuryango FPR-INKOTANYI;

7° Gutora Komite Nyobozi yo ku rwego rw'Igihugu;

8° Gutora abahagarariye urubyiruko muri Komite Nyobozi yo ku rwego rw'Igihugu mu bakandida yahawe n'Inteko Rusange y'Urugaga ku rwego rw'Iguhugu;

9° Gusuzuma, kwemeza, guhindura cyangwa gukuraho ibyemezo byafashwe n'izindi nzego;

10° Gushyiraho Komite ziyifasha kwiga no kunononsora imirimo yayo;

11° Gutora no kwemeza abakandida b'Umuryango FPR-INKOTANYI batanzwe na Biro Politike biyamamaza mu matora ku nzego z'Igihugu zitorerwa ;

12° Gufata ibyemezo bijyana n'imyitwarire y'abanyamuryango ku rwego rw'Igihugu;

13° Gufata ibyemezo kuri raporo z'ubugenzuzi

14° Gusuzuma no kwemeza ubufatanye n'indi mitwe ya politiki.

**<u>Ingingo ya 48</u>: Abagize Inteko Rusange y'Intara n'Umujyi wa Kigali**

Inteko Rusange y'Intara n'Umujyi wa Kigali igizwe n'abanyamuryango bari mu Nzego no mu byiciro bikurikira:

1° Komite Nyobozi y'Umuryango ku rwego Rw'Intara/Umujyi wa Kigali;

2° Komisiyo Ngengamyitwarire ku rwego rw'Intara n'Umujyi wa Kigali;

3° Komite Ngenzuzi ku rwego rw'Intara n'Umujyi wa Kigali;

4° Perezida wa Komisiyo Ngengamyitwarire ku rwego rw'Akarere;

5° Umugenzuzi Mukuru ku rwego rw'Akarere;
6° Komite Nyobozi y'Umujyi wa Kigali;

7° Biro y'Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali;

8° Umukuru w'lntara;

9° Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Intara/Umujyi wa Kigali;

10° Abayobozi b'imirimo ku Ntara/Umujyi wa Kigali;

11° Komite Nyobozi y'Umuryango ku Karere;

12° Biro y'Inama Njyanama y'Akarere;

13° Komite Nyobozi y'Akarere;

14° Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Uturere;

15° Abagize Komite Nyobozi y'Urugaga rw'Abagore rw'Umuryango FPR- INKOTANYI ku rwego rw'Intara n'Umujyi wa Kigali;

16° Abagize Komite Nyobozi y'Urugaga rw'Urubyiruko rw'Umuryango FPR- INKOTANYI ku rwego rw'Uturere;

17° Abahagarariye ibindi byiciro by'urubyiruko bigaragara mu Nzego z'Umuryango.Umubare wabo n'ibyiciro barimo bigengwa na Komite Nyobozi;

18° Abagize Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu y'Abagore ku rwego rw'Intara/Umujyi wa

Kigali;

19° Abagize Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu y'Urubyiruko ku rwego rw'Intara n'Umujyi wa Kigali

20° Abagize Biro y'Inama y'Igihugu y'Abagore ku rwego rw'Akarere;

21° Abagize Biro y'Inama y'Igihugu y'Urubyiruko ku rwego rw'Akarere;

22° Perezida wa Komisiyo Ngengamyitwarire ku Murenge;

23° Umugenzuzi Mukuru ku Murenge;

24° Perezida w'Inama y'Igihugu y'Abagore ku rwego rw'Umurenge;

25° Perezida w'Inama y'Igihugu y'Urubyiruko ku rwego rw'Akarere

26° Perezida w'Urugaga rw'Urubyiruko ku Murenge
27° Perezida w'Urugaga rw'Abagore ku Murenge;

28° Perezida, Visi Perezida n'Umunyamabanga ba Komite Nyobozi y'Umuryango ku Murenge;

29° Umujyanama umwe mu bagize Biro ya Njyanama y'Umurenge w'umunyamuryango hakurikijwe uko barutanwa mu nshingano;

30° Abayobozi b'ibigo bya Leta n'ibyigenga, bo muri iyo Ntara cyangwa Umujyi wa Kigali cyangwa undi mukozi abanyamuryango bihitiyemo muri icyo kigo mu gihe umuyobozi atari we;

31° Umunyamuryango uhagarariye abandi baba mu Miryango itegamiye kuri Leta ku rwego rw'Intara/Umujyi wa Kigali ;

32° Umunyamuryango uhagarariye Abikorera ku rwego rw'Intara/Umujyi wa Kigali ;
33° Umunyamuryango uhagarariye Abamugaye ku rwego rw'Intara;

34° Abahoze ari ba Perezida b'Umuryango mu Ntara cyangwa mu Mujyi wa Kigali;

35° Abahoze ari ba Perezida b'Intara y'Umuryango(region) ;

36° Umunyamuryango umwe wari uhagarariye abandi ku rwego rw'Akarere

37° Abahoze ari Intore z'Umuryango ku buryo buhoraho ku rwego rwa Komite Nyobozi no

ku rwego rw’Intara y’Umuryango (region) baba mu Ntara cyangwa mu Mujyi wa Kigali;

38° Umunyamuryango umwe uhagarariye abahoze mu ngabo;

39° Umunyamuryango umwe uhagarariye abahoze muri Polisi y’lgihugu kuri buri Ntara n’Umujyi wa Kigali.

Komite Nyobozi y’Umuryango ishobora gutumira abandi Banyamuryango bibaye ngombwa.

**<u>Ingingo ya 49</u>: Abagize Inteko Rusange y‘Akarere**

Inteko Rusange y’Akarere igizwe n’abanyamuryango bari mu Nzego no mu byiciro bakurikira:

1° Komite Nyobozi y’Umuryango y’Akarere;

2° Komisiyo Ngengamyitwarire ku Karere;

3° Komite Ngenzuzi ku Karere;

4° Biro ya Njyanama ;

5° Komite Nyobozi y’Akarere;

6° Abayobora za Komisiyo za Njyanama z’Uturere;

7° Umunyamabanga Nshingwabikorwa w’Akarere;

8° Abayobozi b’Imirimo ku Karere ;

9° Komite Nyobozi y’Urugaga rw’Abagore rw’Umuryango ku Karere;

10° Komite Nyobozi y’Urugaga rw’Urubyiruko rw’Umuryango ku Karere;

11° Komite Nyobozi y’Inama y’Igihugu y’Urubyiruko ku Karere;

12° Komite Nyobozi y’Inama y’Igihugu y’Abagore ku Karere;

13° Komisiyo Ngengamyitwarire ku Murenge;

14° Komite Ngenzuzi ku Murenge;

15° Komite Nyobozi y'Urugaga rw'Urubyiruko ku Murenge;

16° Komite Nyobozi y'Urugaga rw'Abagore ku Murenge;

17° Perezida b'Umuryango ku Kagari;

18° Perezida wa Komisiyo Ngengamyitwarire ku Kagari ;

19° Umugenzuzi Mukuru ku Kagari ;

20° Perezida w'Urugaga rw'Urubyiruko ku Kagari;

21° Perezida w'Urugaga rw'Abagore ku Kagari;

22° Abayobozi b'ibigo bya Leta n'ibyigenga, bo muri ako Karere b'abamuryango cyangwa undi mukozi abanyamuryango bihitiyemo mu gihe umuyobozi atari we;

23° Abayobozi b'ibigo by'amashuri yisumbuye yo mu Karere;

24° Abayobozi b'Ibitaro by'Uturere;

25° Umunyamuryango uhagarariye abandi baba mu Miryango itegamiye kuri Leta ikorera ku rwego rw'Akarere;

26° Umunyamuryango uhagarariye abikorera ku rwego rw'Akarere ;

27° Umunyamuryango uhagarariye Abafite ubumuga ku rwego rw'Akarere;

28° Abahoze ari ba Perezida b'intara z'Umuryango (region) baba mu Karere;

29° Umunyamuryango wahoze ahagarariye abandi ku rwego rw'Akarere;

30° Umunyamuryango wahoze ahagarariye abandi mu rwego rw'Umurenge;

31° Abahoze ari Intore z'Umuryango ku buryo buhoraho ku rwego rwa Komite Nyobozi no ku rwego rw'Intara y'Umuryango (region) baba mu Karere;

32° Umunyamuryango umwe uhagarariye abahoze mu ngabo no muri Polisi y'Igihugu mu Karere;

33° Umunyamuryango uhagarariye abikorera ku rwego rw'Umurenge;

34° Umunyamuryango uhagarariye abandi baba mu Miryango itegamiye kuri Leta ikorera ku rwego rw’Umurenge ;

35° Umunyamuryango uhagarariye Abafite ubumuga ku rwego rw’Umurenge;

36° Abayobozi bo mu Nzego z’Igihugu batari mu byiciro bivugwa muri iyi ngingo batuye mu Karere.

KomiteNyobozi y’Umuryango ishobora gutumira abandi banyamuryango bibaye ngombwa.

**Ingingo ya 50: Abagize Inteko Rusange y‘Umurenge**

Inteko Rusange y’Umurenge igizwe n’Abanyamuryango bari mu nzego n’ibyiciro bikurikira:

1° Komite Nyobozi y’Umuryango ku Murenge;

2° Komisiyo Ngengamyitwarire ku Murenge;

3° Komite Ngenzuzi ku Murenge;

4° Komite Nyobozi y’Urugaga rw’Urubyiruko ku Mirenge;

5° Komite Nyobozi y’Urugaga rw’Abagore ku Mirenge;

6° Inama Njyanama y’Umurenge;

7° Umunyamabanga Nshingwabikorwa w’Umurenge;

8° Umunyamabanga Nshingwabikorwa w’Akagari

9° Komite Nyobozi y’Umuryango ku Kagari;

10° Komisiyo Ngengamyitwarire ku Kagari;

11° Komite Ngenzuzi ku Kagari;

12° Perezida w’Umuryango ku Mudugudu;

13° Komite Nyobozi y’Urugaga rw’Urubyiruko ku Kagari;
14° Komite Nyobozi y’Urugaga rw’Abagore ku Kagari;
15° Komite Nyobozi y’Inama y’Igihugu y’Urubyiruko ku Murenge;

16° Komite Nyobozi y’Inama y’Igihugu y’Abagore ku Murenge;

17° Biro ya Njyanama y'Akagari;

18° Umukuru w'Umudugudu;

19° Umuhuzabikorwa w'Inama y'Igihugu y'Abagore ku Mudugudu;

20° Perezida wUrugaga w'Urubyiruko ku Mudugudu;

21° Perezida w'Urugaga rw'Abagore ku Mudugudu;

22° Abayobozi b'Ibigo by'amashuri abanza byo mu Murenge;

23° Abayobozi b'Ibigo Nderabuzima byo mu Murenge;

24° Umunyamuryango uhagarariye abandi baba mu Miryango itegamiye kuri Leta ikorera ku rwego rw'Umurenge;

25° Umunyamuryango uhagarariye abikorera ku rwego rw'Umurenge;

26° Umunyamuryango uhagarariye abafite ubumuga ku rwego rw'Umurenge;

27° Abari Intore z'Umuryango ku buryo buhoraho ku rwego rwa Komite Nyobozi no ku rwego rw'Intara y'Umuryango (region) baba mu Murenge;

28° Umunyamuryango umwe uhagarariye abahoze mu ngabo no muri Polisi y'Igihugu mu Murenge.

29° Abayobozi bo mu Nzego z'Igihugu batari mu byiciro bivugwa muri iyi ngingo batuye mu Murenge.

Komite Nyobozi y'Umuryango ishobora gutumira abandi banyamuryango bibaye ngombwa.

**<u>Ingingo ya 51</u>: Abagize Inteko Rusange y’Akagari**

Intego Rusange y’Akagari igizwe n’abanyamuryango bari mu nzego n’ibyiciro bikurikira:

1° Komite Nyobozi y’Umuryango y’Akagari;

2° Komisiyo Ngengamyitwarire ku Kagari;

3° Komite Ngenzuzi ku Kagari;

4° Komite Nyobozi y’Urugaga rw’Urubyiruko ku Kagari;

5° Komite Nyobozi y’Urugaga rw’Abagore ku Kagari;

6° Komite Nyobozi y’Akagari;

7° Umunyamabanga Nshingwabikorwa w’Akagari;

8° Komite Nyobozi z’Umuryango ku Midugudu;

9° Komisiyo Ngengamyitwarire ku Midugudu;

10° Komite Ngenzuzi ku Midugudu;

11° Komite Nyobozi z’Imidugudu;

12° Komite Nyobozi y’Urugaga rw’Abagore rw’Umuryango ku Midugudu;

13° Komite Nyobozi y’urugaga rw’urubyiruko rw’Umuryango ku Midugudu;

14° Komite Nyobozi y’Inama y’Igihugu y’Abagore ku Mudugudu

15° Umunyamuryango uhagarariye abandi baba mu Miryango itegamiye kuri Leta ikorera ku rwego rw’Akagari;

16° Umunyamuryango uhagarariye abikorera ku rwego rw’Akagari;

17° Umunyamuryango uhagarariye abafite ubumuga ku rwego rw’Akagari;

18° Abari Intore z’Umuryango ku buryo buhoraho ku rwego rwa Komite Nyobozi no ku rwego rw’intara y’Umuryango (region) baba mu Kagari;

19° Umunyamuryango umwe uhagarariye abahoze mu ngabo no muri Polisi y'Igihugu mu Kagari;

20° Abayobozi bo mu Nzego z'Igihugu batari mu byiciro bivugwa muri iyi ngingo batuye mu Kagari.

Komite Nyobozi y'Umuryango ishobora gutumira abandi banyamuryango bibaye ngombwa.

**Ingingo ya 52: Abagize Inteko Rusange y'Umudugudu**

Inteko Rusange y'Umudugudu igizwe n'abanyamuryango bose batuye Umudugudu.

**Ingingo ya 53: Inshingano z'Inteko Rusange y'Umuryango ku rwego rw'Intara n'Umujyi wa Kigali, Akarere, Umurenge, Akagari n'Umudugudu**

Inteko Rusange y'Umuryango kuva ku rwego rw'Intara/Umujyi wa Kigali, kugeza ku rwego rw'Umudugudu ishinzwe cyane cyane:

1° Gutora abagize Komite Nyobozi;

2° Gutora abahagarariye urubyiruko muri Komite Nyobozi mu bakandida yahawe n'Inteko Rusange y'Urugaga kuri buri rwego;

3° Kwemeza imigambi na gahunda bizakurikizwa no gukurikirana uko bishyirwa mu bikorwa;

4° Gukurikirana imikoreshereze y'ingengo y'imari y'umwaka;
5° Gufata ibyemezo byerekeye imyitwarire y'abanyamuryango;

6° Kuyobora no kugenzura imirimo n'imikorere y'Inzego ikuriye;

7° Kwakira no gufata ibyemezo kuri raporo z'ubugenzuzi;

8° Kwemeza raporo y'ibikorwa n'imikoreshereze y'imari.

**<u>Ingingo ya 54</u>: Igihe inama z'Inama Nkuru n'Inteko Rusange ziteranira**

Inama isanzwe y'Inteko Rusange n'iy'Inama Nkuru y'Umuryango FPR-INKOTANYI ziterana nibura rimwe mu myaka ibiri (2).

**<u>Ingingo ya 55</u>: Igihe inama zidasanzwe z'Inzego z'Umuryango ziteranira**

Inama zidasanzwe z'Inteko Rusange n'Inama Nkuru ziterana igihe cyose bibaye ngombwa; zihamagazwa na Perezida wa buri rwego abyibwirije cyangwa abisabwe na ¼ cy'abagize urwo rwego.

Iyo Perezida yanze gutumira inama idasanzwe y'Inteko Rusange cyangwa Inama Nkuru y'Umuryango mu minsi cumi n'itanu (15) uhereye igihe ¼ cy'abagize urwo rwego bayisabiye, abayisabye bafite uburenganzira bwo kuyihamagaza.

Abayijemo iyo bujuje umubare uteganywa n'ingingo ya 74 y'aya mategeko ngengamikorere, bitoramo uyobora inama.

Iyo batujuje uwo mubare, abahamagaje iyo nama ntibemerewe kongera kuyitumiza kwiga icyo kibazo mbere y'uko inama isanzwe iterana.

**<u>Ingingo ya 56 :</u> Uko Perezida w'urwego rw'Umuryango FPR-INKOTANYI ashyirwaho**

Perezida wa Komite Nyobozi kuva ku rwego rw'Intara kugeza ku rw'Umudugudu, ni we uba Perezida w'Inteko Rusange yo kuri urwo rwego.

Ku rwego rw'igihugu, Perezida wa Komite Nyobozi ni we uba Perezida wa Biro Politiki na Perezida w'Inama Nkuru y'Umuryango kandi akaba na Perezida w'Umuryango.

**<u>ICYICIRO CYA 2</u>: BIRO POLITIKI**

**<u>Ingingo ya 57</u>: Abagize Biro Politiki**

Biro Politike igizwe n'Abanyamuryango baturuka mu Nzego n'ibyiciro bikurikira:

1° Komite Nyobozi y'Umuryango ku rwego rw'Igihugu ;

2° Komisiyo Ngengamyitwarire ku rwego rw'Igihugu;

3° Komite Ngenzuzi ku rwego rw'Igihugu;

4° Abayobozi bo mu rwego rw'ikirenga, Abaminisitiri, Abakuru b'lntara n'Umuyobozi

w'Umujyi wa Kigali, Abagize Inteko Ishinga Amategeko, Abanyamabanga Bakuru ba za Minisiteri n'abari mu rwego rwabo bari mu muryango; Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Intara n'Umujyi wa Kigali ;

5° Ba Perezida b'Umuryango FPR-INKOTANYI mu Ntara n'Umujyi wa Kigali;

6° Umunyamuryango umwe uturutse mu gihugu kirimo abanyamuryango;

7° Abayobozi b'Ibigo, Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Intara /Umujyi wa Kigali;

8° Perezida, Visi Perezida n'Umunyamabanga ba Komile Nyobozi y'Umuryango mu Turere;

9° Umuyobozi w'Akarere ;

10° Komite Nyobozi y'Urugaga rw'Abagore ku rwego rw'Igihugu;

11° Umuyobozi w'Urugaga rw'Abagore rw'Umuryango ku rwego rw'Intara/Umujyi wa Kigali;

12° Komite Nyobozi y'Urugaga rw'Urubyiruko ku rwego rw'Igihugu;

13° Perezida, Visi Perezida n'Umunyamabanga wa Komite Nyobozi y'Urugaga rw'Urubyiruko ku rwego rw'Akarere, Intara n'Umujyi wa Kigali;

14° Umunyamuryango watorewe kuyobora Inama Nkuru y'Abagore ku rwego rw'Intara cyangwa rw'Umujyi wa Kigali no ku rwego rw'lgihugu cyangwa umwe mu bagize Komite Nyobozi yayo w'umunyamuryango hakurikijwe uko bakurikirana mu buyobozi, mu gihe umuyobozi atari we;

15° Umunyamuryango watorewe kuyobora Inama Nkuru y'Urubyiruko ku rwego rw'Umujyi wa Kigali no ku rwego rw'Igihugu cyangwa umwe mu bagize Komite Nyobozi yayo w'umunyamuryango hakurikijwe uko bakurikirana mu buyobozi, mu gihe umuyobozi atari we;

16° Abanyamuryango babiri bahagarariye abahoze mu ngabo n'abahagarariye abahoze muri Polisi y'lgihugu.

KomiteNyobozi y'Umuryango ishobora gutumira abandi banyamuryango bibaye ngombwa.

**Ingingo ya 58: Inshingano za Biro Politiki**

Biro Politike y'Umuryango FPR-INKOTANYI ku rwego rw'Igihugu ishinzwe cyane cyane:

1° Gusuzuma imigambi, ibikorwa n'imikorere ya Komite Nyobozi ku rwego rw'Intara/Umujyi wa Kigali n'urw'Igihugu;

2° Kugenzura imikorere n'imyitwarire y'abanyamuryango;

3° Gufatira ibyemezo by'agateganyo abayobozi b'Umuryango FPR-INKOTANYI ku rwego rw'Igihugu n'urw'Intara n'Umujyi wa Kigali ;

4° Kugena no kwemeza iteganyabikorwa ry'Umuryango FPR-INKOTANYI ry'igihe gito ;

5° Gusuzuma umushinga w'ingengo y'imari y'Umuryango;
6° Gusuzuma raporo y'imikoreshereze y'imari y'Umuryango;

7° Gutanga abakandida b'Umuryango FPR-INKOTANYI mu nzego z'Igihugu zigomba gutorerwa ;

8° Gusuzuma, kwemeza, guhindura cyangwa kuvanaho ibyemezo byafashwe n'inzego zo hasi ;

9° Kwemeza abakozi ba Komite Nyobozi badatorwa ;

10° Kugenzura imikorere y'Umuryango FPR- INKOTANYI yifashishije Komite Ngenzuzi;

11° Kwakira no gusuzuma raporo za Komite Ngenzuzi y'Umuryango FPR-INKOTANYI ;

12° Gukora imirimo y'Inama Nkuru y'Umuryango FPR-INKOTANYI igihe idashobora guterana.

**<u>Ingingo ya 59</u>: Igihe inama za Biro Politiki ziteranira**

Biro politiki iterana buri mezi ane mu nama zayo zisanzwe n'igihe cyose bibaye ngombwa mu nama zayo zidasanzwe.

**<u>Ingingo ya 60</u>: Uko inama idasanwe ya Biro Politiki itumizwa**

Biro Politike ishobora guterana igihe cyose bibaye ngombwa mu nama zayo zidasanzwe. Izo nama zihamagazwa na Perezida wa Biro Politike abyibwirije cyangwa abisabwe na 1/3 cy'abayigize. Iyo Perezida yanze gutumira inama idasanzwe ya Biro Politike mu minsi irindwi (7) uhereye igihe 1/3 cy'abayigize bayisabiye, abayisabye bafite uburenganzira bwo kuyihamagaza.

Abayijemo iyo bujuje umubare uteganywa n'ingingo ya 74 y'aya mategeko bitoramo uyiyobora. Iyo batujuje uwo mubare, abahamagaje iyo nama ntibemerewe kongera kuyitumiza kwiga icyo kibazo mbere y'uko inama isanzwe iterana.

**<u>ICYICIRO CYA 3</u>: KOMITE NYOBOZI**

**<u>Ingingo ya 61</u>: Abagize Komite Nyobozi ku rwego rw'Intara, Umujyi wa Kigali, Akarere, Umurenge, Akagari n'Umudugudu**

Komite Nyobozi kuva ku rwego rw'Intara kugeza ku rw'Umudugudu, igizwe na:

1° Perezida;
2° Visi-Perezida;
3° Umunyamabanga;
4° Abayobozi ba za Komisiyo.

Mirongo itatu ku ijana (30%) nibura mu bagize Komite Nyobozi kuri buri rwego ni abahagarariye urubyiruko batowe mu bakandida yahawe n'Inteko Rusange y'Urugaga rw'Urubyiruko yo kuri urwo rwego.

**<u>Ingingo ya 62</u>: Abagize Komite Nyobozi ku rwego rw'Igihugu**

K Komite Nyobozi ku rwego rw'lgihugu igizwe n'aba bakurikira:

5° Perezida;
6° Visi-Perezida;
7° Umumyamabanga Mukuru;
8° Abakomiseri.

Umubare w'Abakomiseri ugenwa n'lnama Nkuru y'Umuryango FPR-INKOTANYI mbere y'uko itora Komite Nyobozi ku rwego rw'lgihugu, yitaye ku ihame ry'uburinganire hagati y'abagore n'abagabo.

Muri uwo mubare w'Abakomiseri, nibura icumi (10) muri bo ni abahagarariye urubyiruko.
Abakomiseri bahagarariye urubyiruko batoranywa mu bakandida batanzwe n'Inama Nkuru y'Urubyiruko no mu bandi bakandida biyamamaje cyangwa bamamajwe mu lnama Nkuru y'Umuryango FPR-INKOTANYI.

**Ingingo ya 63: Inshingano za Komite Nyobozi**

Komite Nyobozi y’Umuryango FPR-INKOTANYI ku rwego rwayo ishinzwe cyane cyane:

11° Gushyira mu bikorwa ibyemezo by’lnteko rusange, Biro Politiki n’lnama Nkuru by’Umuryango FPR-INKOTANYI;

12° Guhuza ibikorwa by’Umuryango FPR-INKOTANYI ku rwego iriho;

13° Kuyobora no kugenzura imirimo n’imikorere y’inzego z’Umuryango FPR-INKOTANYI ikuriye;

14° Gutegurira Inteko rusange, Biro Politiki n’lnama Nkuru y’Umuryango FPR-INKOTANYI porogaramu z’ibikorwa n’uburyo bizakorwamo;

15° Kugenzura imikorere y’abagize urwo rwego no gufatira ibyemezo by’agateganyo abatuzuza inshingano zabo;

16° Gushyiraho abagize Komisiyo Ngengamyitwarire;

17° Gushyiraho abagize Komite Ngenzuzi ;

18° Gushyiraho by’agateganyo abayobozi basimbura abavuye ku kazi kubera impamvu zinyuranye;

19° Gushyiraho abakozi bayifasha mu kazi kayo;

20° Gutegura no gutanga raporo ku Nteko Rusange, kuri Biro Politiki cyangwa ku Nama Nkuru y’Umuryango FPR INKOTANYI.

By’umwihariko Komite Nyobozi ku rwego rw’igihugu itegura ingengo y’imali y’umuryango na raporo y’imikoreshereze yayo.

**Ingingo ya 64: Komisiyo za Komite Nyobozi**

Komite Nyobozi ifite za Komisiyo zishinzwe imirimo y’Umuryango FPR-INKOTANYI kuri buri rwego.

**Ingingo ya 65: Ishyirwaho n’iseswa rya Komisiyo za Komite Nyobozi**

Komisiyo z’Umuryango FPR –INKOTANYI zishyirwaho zikanakurwaho na Komite

Nyobozi y'Umuryango FPR-INKOTANYI.

**Ingingo ya 66: Imiterere ya za Komisiyo**

Komisiyo zigizwe n'abanyamuryango bafite ubumenyi n'ubushobozi mu birebana n'imirimo Komisiyo barimo ishinzwe. Umubare wazo, amazina yazo n'inshingano zazo bigenwa na Komite Nyobozi ku rwego rw'Igihugu. Kuva ku rwego rw'Intara n'Umujyi wa Kigali kugeza ku rw'Umudugudu, umubare n'amazina yazo bihura n'inkingi z'imigambi (manifesto) y'Umuryango FPR-INKOTANYI yubakiyeho.

Abagize Komisiyo bashyirwaho na Komite Nyobozi kuri buri rwego.

Umunyamuryango ashobora gukorera muri Komisiyo zirenze imwe.

Komisiyo ishobora gutumira mu nama undi Munyamuryango uwo ari we wese iyo ikeneye kugira icyo imubaza kijyanye n'amakuru arebana n'ingingo isuzumwa.

**Ingingo ya 67: Ubuyobozi bwa Komisiyo**

Ku rwego rw'Igihugu, Komisiyo iyoborwa na Komiseri wo muri Komite Nyobozi y'Umuryango FPR-INKOTANYI. Bitewe n'imiterere ya Komisiyo, Komisiyo igira Umuyobozi wungirije w'Umukomiseri muri Komite Nyobozi y'Umuryango FPR-INKOTANYI, cyangwa undi Munyamuryango wemejwe na Komite Nyobozi.

Ku zindi nzego, Umuyobozi wa Komisiyo atorwa n'Inteko Rusange yo kuri buri rwego. Buri Komisiyo igizwe kandi n'abanyamuryango Komite Nyobozi ishyiraho ngo bayobore amashami akubiye mu nkingi, hamwe n'abandi Banyamuryango Komite Nyobozi yashyiraho. Abagize Komisiyo bashyiraho umuyobozi wungirije n'Umwanditsi ba Komisiyo.

Komisiyo ishobora gushyiraho udushami (sub commissions) bitewe n'imiterere y'imirimo ishinzwe iyo ibona ko ubwo buryo bwayifasha kurushaho gutunganya imirimo yayo.

Icyo gihe, Abagize Komisiyo bashyiraho umuyobozi wa buri shami rigize iyo Komisiyo**.**

Ku nzego zose, abagize Komisiyo bashyiraho Umwanditsi wayo.

Ku rwego rw'Igihugu, Komiseri uyobora Komisiyo ashobora gusabwa kureka undi murimo uhemberwa.

**Ingingo ya 68: Inshingano za Komisiyo**

Buri Komisiyo ishinzwe ibi bikurikira :

1° Kwiga imiterere y'ibibazo biri muri buri rwego rw'ubuzima bw'igihugu Komisiyo ishinzwe, no gushyiraho umurongo ngenderwaho wo kubikemura;

2° Gukurikirana uburyo za politiki na za gahunda byemejwe bigenda bishyirwa mu bikorwa, ibibazo bigenda bivuka mu ishyirwa mu bikorwa bikigwa bigashakirwa umuti;

3° Gutegura gahunda y'ibikorwa no gutanga raporo y'ibikorwa;
4° Guha umurongo ngenderwaho Komisiyo ziri ku rwego rwo hasi zihuje inshingano, no kugenzura ko wubahirizwa;

5° Kugira inama Umuryango ku bijyanye n'ibyo Komisiyo ikurikirana.

**Ingingo ya 69: Inshingano z'Umuyobozi wa Komisiyo**

Umuyobozi wa Komisiyo ashinzwe ibikurikira:

1° Kuyobora ishyirwa mu bikorwa rya gahunda y'ibikorwa bya Komisiyo ashinzwe ;

2° Guha Komite Nyobozi igenamigambi rya Komisiyo ashinzwe ;

3° Gutegura, gutumira no kuyobora inama za Komisiyo;

4° Gutanga raporo kuri Komite Nyobozi y'Umuryango FPR-INKOTANYI ku rwego Komisiyo ikoreraho;

5° Guhagararira Komisiyo mu nama yatumiwemo;

6° Kuba Umuvugizi wa Komisiyo.

**Ingingo ya 70: Inshingano z'umuyobozi wungirije wa Komisiyo**

Umuyobozi wungirije wa Komisiyo ashinzwe ibikurikira:

1° Kunganira Umuyobozi wa Komisiyo mu mirimo ya Komisiyo;

2° Gusimbura Umuyobozi wa Komisiyo iyo adahari;

3° Gukora indi mirimo Komisiyo yamushinga.

**Ingingo ya 71: Umwanditsi wa Komisiyo**

Umwanditsi wa Komisiyo ashinzwe ibikurikira:

1° Gukora inyandiko- mvugo z'inama za Komisiyo;

2° Kubika inyandiko za Komisiyo;

3° Gutegura imishinga ya raporo za Komisiyo.

**Ingingo ya 72: Imikorere ya Komisiyo**

Mu ntangiriro za buri mwaka, Komisiyo ishyiraho gahunda y'ibikorwa ya buri mwaka igaragaza ibikorwa izibandaho buri kwezi, n'ingengo y'imari izakoresha.

Komisiyo ikorera raporo Komite Nyobozi buri gihembwe n'igihe cyose bibaye ngombwa.

**Ingingo ya 73: Inama za Komisiyo**

Komisiyo iterana nibura rimwe mu kwezi. Buri nama ikorerwa raporo yohererezа Komite Nyobozi.

**Ingingo ya 74: Gutumiza no kuyobora inama**

Inama za Komisiyo zihamagarwa kandi zikayoborwa n'Umuyobozi wayo. Iyo adahari zihamagarwa n'Umwungirije. Inama zahamagajwe muri ubu buryo, mu gihe cyo guterana bombi bakaba badahari, ziyoborwa n'Umunyamuryango abagize Komisiyo bumvikanyeho.

**Ingingo ya 75: Igihe cyo gutumira inama**

Inama itumizwa hasigaye nibura iminsi ibiri (2) ngo ibe keretse hari impamvu yihutirwa.

**Ingingo ya 76: Imigendekere y'inama**

Inama itangirira ku isaha yatumirijweho. Inama ntirenza amasaha abiri (2), keretse iyo hari impamvu zihutirwa zumvikanyweho.

Mu nama, abagize Komisiyo bafite ubwisanzure mu gutanga ibitekerezo, kandi ibitekerezo bya buri wese bihabwa agaciro. Iyo inama irangiye, Umuyobozi w'inama asoma umwanzuro w'ibyemejwe mu nama y'uwo munsi.

**Ingingo ya 77: Umubare wa ngombwa kugira ngo inama iterane**

Inama iterana nibura hari 2/3 by'abagize Komisiyo, iyo uwo mubare utabonetse inama irasubikwa hakagenwa umunsi w'inama itaha. Kuri uwo munsi inama iraterana hatitawe ku mubare w'abayitabiriye.

**Ingingo ya 78: Ifatwa ry'imyanzuro**

Imyanzuro ifatwa ku bwumvikane busesuye. Iyo hari ingingo itumvikanyweho irasubikwa ikagibwaho impaka mu nama itaha; iyo nta bwumvikanye busesuye bubonetse, ikibazo gishyikirizwa Komite Nyobozi.

**Ingingo ya 79: Kuva muri Komisiyo**

Umunyamuryango uri muri Komisiyo ayivamo ku mpamvu zikurikira:

1° Iyo abisabye kandi akabyemererwa;

2° Iyo atitabiriye inama nibura inshuro eshatu zikurikirana atabimenyesheje Umuyobozi wa Komisiyo ngo abimwemerere.

**Ingingo ya 80: Imikoranire ya za Komisiyo za Komite Nyobozi ku rwego rw'Igihugu zihuriye ku nkingi y'imigambi y'Umuryango FPR-INKOTANYI**

Komisiyo zihuriye ku nkingi imwe mu zigize Imigambi y'Umuryango (manifesto) zikora inama nibura inshuro imwe mu gihembwe mu rwego rwo gukora gahunda y'ibikorwa no gukurikirana ishyirwa mu bikorwa rya gahunda zihuriyeho zijyanye n'iyo nkingi. Iyo nama iyoborwa n'Umuyobozi wa Komisiyo y'Ubukangurambaga ku nkingi y'Imiyoborere myiza, iy'ubutabera ku nkingi y'ubutabera, iy'ubukungu ku nkingi y' Igenamigambi ry'ubukungu n'iy'imibereho myiza n'umurimo ku nkingi y'imibereho myiza.

**Ingingo ya 81: Imikoranire ya Komisiyo za Komite Nyobozi ku rwego rw'Igihugu n'izo ku nzego zo hasi**

Ku rwego rw'Igihugu, Komisiyo ikurikirana ibikorwa bijyanye n'inshingano zayo ku nzego zose.

Komisiyo yo ku rwego rw'Intara n'Umujyi wa Kigali ikorera raporo y'ibikorwa byayo Komite Nyobozi y'urwego rwayo, ikagenera kopi Umunyamabanga Mukuru w'Umuryango FPR-INKOTANYI.

Ku zindi nzego, Komisiyo ikurikirana ibikorwa n'imikorere bya Komisiyo zo ku nzego ziyibanziriza, ikabikorera raporo iha Komite Nyobozi yo ku rwego rwayo.

Komisiyo yo kuri buri rwego ikorera raporo Komite Nyobozi yo ku rwego iriho, ikagenera kopi Komisiyo bihuje inshingano yo ku rwego rwisumbuye.

**Ingingo ya 82: Igihe inama isanzwe ya Komite Nyobozi iterana**

Inama isanzwe ya Komite Nyobozi kuri buri rwego iterana rimwe buri minsi cumi n'itanu (15).

**Ingingo ya 83: Igihe inama idasanzwe ya Komite Nyobozi iteranira n'uburyo itumirwa**

Komite Nyobozi ishobora guterana igihe cyose bibaye ngombwa mu nama zayo zidasanzwe. Izo nama zihamagazwa na Perezida wa Komite Nyobozi abyibwirije cyangwa abisabwe na 1/3 cy'abagize urwo rwego.

Iyo Perezida yanze gutumira inama idasanzwe ya Komite Nyobozi mu minsi itanu (5) uhereye igihe kimwe cya gatatu (1/3) cy'abagize urwo rwego bayisabiye, abayisabye bafite uburenganzira bwo kuyihamagaza.

Abayijemo iyo bujuje umubare uteganywa n'ingingo ya 89 y'aya mategeko bitoramo uyiyobora. Iyo batujuje uwo mubare, abahamagaje iyo nama ntibemerewe kongera kuyitumiza kwiga icyo kibazo mbere y'uko inama isanzwe iterana.

**<u>Ingingo ya 84</u>: Uburyo n'igihe giteganyijwe byo gutumira inama zisanwe z'Inzego z''Umuryango**

Inama zose z'Umuryango zitumirwa mu nyandiko.

Igihe giteganijwe cyo gutumira inama zisanzwe z'inzego nkuru z'Umuryango ni iki:

1° Inama isanzwe y'Inama Nkuru y'Umuryango: iminsi mirongo itandatu (60);

2° Inama isanzwe ya Biro Politike : iminsi cumi n'itanu (15);

3° Inama isanzwe y'Inteko Rusange : iminsi cumi n'itanu (15).

**<u>Ingingo ya 85</u>: Igihe giteganyijwe cyo gutumira inama zidasanzwe**

Igihe giteganijwe cyo gutumira inama zidasanzwe z'inzego nkuru z'Umuryango ni iki :

1° Inama idasanzwe y'Inama Nkuru y'Umuryango: iminsi mirongo itatu (30);

2° Inama idasanzwe ya Biro Politike: iminsi irindwi (7);

3° Inama idasanzwe y'Inteko Rusange: iminsi irindwi (7).

Igihe giteganijwe mu gutumira inama zidasanzwe gishobora kuba gito bitewe n'uburemere bw'ikibazo n'uko cyihutirwa. Ibyo bigenwa na Komite Nyobozi ya buri rwego.

**<u>ICYICIRO CYA 4</u>: INGINGO RUSANGE**

**<u>Ingingo ya 86</u>: Kuyobora inama z'Umuryango**

Inama zose z'Umuryango ku rwego rw'igihugu zihamagazwa kandi zikayoborwa na Perezida cyangwa Visi-Perezida iyo Perezida atabonetse.

Iyo bombi badahari, Umunyamabanga Mukuru atumiza inama kandi akaziyobora.

Inama zose z'Umuryango ku zindi Nzego zihamagazwa kandi zikayoborwa na Perezida cyangwa Visi-Perezida iyo Perezida atabonetse. Iyo bombi badahari, inama zitumizwa kandi zikayoborwa n'Umunyamabanga Mukuru.

Iyo abo bose badahari, uruta abandi mu myaka y'amavuko mu bagize Komite Nyobozi y'urwo rwego, atumiza inama kandi akayiyobora.

**Ingingo ya 87: Abandi bashobora gutumirwa mu nama y'Umuryango**

Iyo bibaye ngombwa kandi bisabwe na Komite Nyobozi, Perezida wa buri rwego rw'Umuryango atumira ukenewe mu nama ariko uwo muntu nta ruhare agira mu gufata ibyemezo.

**Ingingo ya 88: Uko inama z'Umuryango zitegurwa**

Inama za Komite Nyobozi zitegurwa na Perezida afashijwe n'Umunyamabanga wo kuri buri rwego rw'Umuryango.

Inama z'Inteko Rusange, Biro Politike n'iz'Inama Nkuru y'Umuryango zitegurwa na Komite Nyobozi ya buri rwego.

**Ingingo ya 89: Ibisabwa kugira ngo inama ya Komite Nyobozi iterane**

Kugira ngo inama iterane kandi ifate ibyemezo bifite agaciro, igomba kuba yitabiriwe nibura na 2/3 by'abagize urwo rwego uretse aho aya mategeko ateganya ukundi.

Iyo inama ya mbere itashoboye kuzuza umubare wayo kugira ngo iterane, hatumizwa iya kabiri, abayijemo iyo barenze nibura ½ cy'abagize urwego bashobora gukora inama no gufata ibyemezo bikurikizwa kandi bikamenyeshwa urwego rubakuriye.

**Ingingo ya 90: Uburyo ibyemezo mu nama bifatwa**

Ibyemezo bifatwa ku bwumvikane busesuye bw'abari mu nama. Iyo bidashobotse ibyemezo bifatwa ku bwiganze burunduye bw'abagize urwego.

**Ingingo ya 91: Itangwa rya raporo**

Buri rwego rw’Umuryango rukora raporo y’inama zarwo rukazigeza ku rwego rurukuriye.

**ICYICIRO CYA 5: INSHINGANO Z‘ABAYOBORA INZEGO Z’UMURYANGO**

**Ingingo ya 92 : Inshingano za Perezida**

Perezida w’Umuryango ashinzwe :

1° Kuyobora no guhuza imirimo y’Umuryango ;

2° Gutumira no kuyobora inama z’Inama Nkuru y’Umuryango, iza Biro Politike n’iza Komite Nyobozi ku rwego rw’igihugu ;

3° Gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry’ibyemezo byafashwe na Komite Nyobozi, Biro Politike n’Inama Nkuru y’Umuryango ;

4° Gushyikiriza Biro Politike n’Inama Nkuru y’Umuryango raporo y’ibikorwa by’Umuryango;

5° Guhagararira Umuryango mu gihugu no mu mahanga ;

6° Gushakira Umuryango umubano mwiza n’indi miryango ya politike, amashyaka na za Leta.

**Ingingo ya 93: Inshingano za Visi Perezida**

Visi-Perezida w’Umuryango ashinzwe:

1° Gufasha Perezida w’Umuryango kurangiza imirimo ashinzwe ;

2° Gusimbura Perezida igihe adahari ;

3° Gukora indi mirimo yashingwa na Perezida cyangwa Komite Nyobozi.

**Ingingo ya 94: Inshingano z’Umunyamabanga Mukuru**

Umunyamabanga Mukuru ashinzwe :

1° Guhuza no gukurikirana imirimo ya za Komisiyo na Komite zashyizweho z’Inama Nkuru na Biro Politike by’Umuryango n’izindi nzego z’Umuryango ;

2° Kuyobora Ubunyamabanga Bukuru bw’Umuryango ;

3° Kugeza ku nzego zo hasi ibyemezo bya Komite Nyobozi n'ibya Biro Politike no kureba ko bikurikizwa ;

4° Gutegurira inama Komite Nyobozi, Biro Politike n'Inama Nkuru y'Umuryango ;

5° Gukora imirimo y'umunyamabanga n'iy'umwanditsi y'inama za Komite Nyobozi, Biro Politike n'Inama Nkuru y'Umuryango ;

6° Gusuzuma no gusubiza raporo ziva mu nzego z'Umuryango akurikije amabwiriza ya Prezida ;

7° Gukora indi mirimo yashingwa na Perezida.

Umunyamabanga Mukuru ntabangikanya umurimo we n'undi murimo wose uhemberwa.

Ubunyamabanga Bukuru bw'Umuryango buvugwa mu gace ka 2º ni rwo rwego rushinzwe gushyira mu bikorwa mu buryo bwa buri munsi gahunda z'Umuryango kandi bugashyira mu bikorwa ingengo y'imari ikoreshwa n'Umuryango.

Ubunyamabanga Bukuru bugira inzego z'imirimo n'abakozi bafasha Umunyamabanga Mukuru kurangiza inshingano ze bagengwa n'amategeko yihariye.

**<u>Ingingo ya 95</u> : Inshingano za Komiseri**

Muri rusange, Komiseri ashinzwe:

4° Gufatanya n'abandi bagize Komite Nyobozi ku rwego rw'lgihugu gushyira mu bikorwa inshingano z'urwo rwego ;

5° Gufatanya n'abandi bagize Komite Nyobozi ku rwego rw'lgihugu kwiga ibibazo byose bireba Umuryango FPR-INKOTANYI no kubishakira umuti ;

6° Gukora umurimo wose Komite Nyobozi ku rwego rw'lgihugu imushinze ;

Iyo ayobora Komisiyo cyangwa Komite zashyizweho n'lnama Nkuru, Biro Politiki cyangwa Komite Nyobozi ku rwego rw'lgihugu, Komiseri ashinzwe :

8° Guhagararira Komisiyo cyangwa Komite ashinzwe muri Komite Nyobozi, Biro Politiki n'lnama Nkuru y'Umuryango FPR-INKOTANYI;

9° Kuyobora no guhuza imirimo ya Komisiyo cyangwa Komite ayobora;

10° Gutumira no kuyobora inama za Komisiyo cyangwa Komite ayobora ;

11° Kugira inama inzego z'Umuryango FPR- INKOTANYI mu birebana na Komisiyo cyangwa Komite ayobora ;

12° Gutegurira Komite Nyobozi ku rwego rw' lgihugu politiki n'igenamigambi bya Komisiyo cyangwa Komite ashinzwe;

13° Gukurikirana imikorere y'abakozi ba Komisiyo cyangwa Komite ayobora;

**14°** Gutegura raporo za Komisiyo cyangwa Komite akazishyikiriza Umunyamabanga Mukuru.

**<u>Ingingo ya 96</u>: Inshingano za Perezida wa Komite Nyobozi kuva ku rwego rw'Intara n'Umujyi wa Kigali kugera ku Mudugudu**

Perezida wa Komite Nyobozi kuva ku rwego rw'Intara n'Umujyi wa Kigali kugera ku rw'Umudugudu ashinzwe :

1° Kuyobora no guhuza ibikorwa by'Umuryango ku rwego ashinzwe ;

2° Gutumira no kuyobora inama za Komite Nyobozi n'inama z'Inteko Rusange;

3° Guhagararira Umuryango ku rwego ayobora ;

4° Guhagararira urwego ayobora mu nama z'Umuryango yatumiwemo ;

5° Gushyikiriza Inteko Rusange n'izindi nzego z'Umuryango zibigenewe raporo y'ibikorwa bya Komite Nyobozi.

**<u>Ingingo ya 97</u>: Inshingano za Visi-Perezida wa Komite Nyobozi ku kuva ku rwego rw'Intara n'Umujyi wa Kigali kugera ku Mudugudu**

Visi-Perezida wa Komite Nyobozi kuva ku rwego rw'Intara n'Umujyi wa Kigali kugera ku rw'Umudugudu ashinzwe:

1° Gufasha Perezida gutunganya imirimo ashinzwe ;

2° Gusimbura Perezida iyo adahari ;

3° Gukora indi mirimo yose yashingwa na Perezida cyangwa Komite Nyobozi.

**<u>Ingingo ya 98</u>: Inshingano z'Umunyamabanga wa Komite Nyobozi kuva ku rwego rw'Intara n'Umujyi wa Kigali kugera ku Mudugudu**

Umunyamabanga wa Komite Nyobozi kuva ku rwego rw'Intara n'Umujyi wa Kigali kugera ku Mudugudu ashinzwe :

1° Gukora inyandiko-mvugo z'inama ;

2° Guhuza imirimo y'Ubunyamabanga ku rwego rw'Intara/Umujyi wa Kigali igihe buhari;

3° Kubika inyandiko z'Umuryango ;

4° Gukurikirana ko inyandiko zikeneye ibisubizo zabibonye ;

5° Gusimbura Perezida na Visi Perezida iyo badahari.

**<u>Ingingo ya 99</u>: Inshingano z'Umuyobozi wa Komisiyo kuva ku rwego rw'Intara n'Umujyi wa Kigali kugera ku Mudugudu**

Uretse ibiteganyijwe mu ngingo ya 69, muri rusange Umuyobozi wa Komisiyo kuva ku rwego rw'Intara n'Umujyi wa Kigali kugera ku Mudugudu ashinzwe kuyobora no guhuza imirimo ya Komisiyo ashinzwe.

**<u>UMUTWE WA II</u>: INGAGA Z'UMURYANGO FPR-INKOTANYI**

**<u>Ingingo ya 100</u>: Ingaga zishamikiye ku Muryango FPR-INKOTANYI**

Umuryango FPR-INKOTANYI ufite ingaga ziwushamikiyeho zikurikira :

1° Urugaga rw'Urubyiruko rw'Umuryango FPR-INKOTANYI ;
2° Urugaga rw'Abagore rw'Umuryango FPR-INKOTANYI.

Inama Nkuru y'Umuryango FPR-INKOTANYI ishobora kwemeza ishyirwaho ry'izindi ngaga zihagarariye ibindi byiciro by'Abanyarwanda.

**<u>Ingingo ya 101</u>: Uburenganzira bw'abagize Ingaga z'Umuryango**

Abagize Ingaga zishamikiye ku Muryango FPR-INKOTANYI bafite uburenganzira bwose bw'abanyamuryango kandi bagengwa n'amategeko ngengamyitwarire yawo.

**<u>Ingingo ya 102</u>: Porogaramu na Politiki by'Ingaga zishamikiye ku Muryango FPR-INKOTANYI**

Ingaga zikurikiza Porogaramu na Politike by'Umuryango FPR-INKOTANYI kandi imirimo yazo iba ishingiye kuri Porogaramu na Politiki by'Umuryango FPR-INKOTANYI.

**Ingingo ya 103: Imiterere n'imikorere y'ingaga zishamikiye ku Muryango FPR-INKOTANYI**

Uretse ibivugwa mu ngingo ya 101 n'iya 102:

1° Ingaga z'Umuryango FPR-INKOTANYI zirigenga ariko imiterere n'imikorere yazo bishingiye ku bitekerezo n'intego by'Umuryango FPR-INKOTANYI;

2° Ubuyobozi n'ibikorwa by'ingaga bigenwa n'abazigize ubwabo bakurikije amategeko yihariye azigenga.

**Ingingo ya 104: Gusesa Ingaga zishamikiye kuri RPF-INKOTANYI**

Gusesa Ingaga z'Umuryango FPR-INKOTANYI byemezwa n'Inama Nkuru y'Umuryango FPR-INKOTANYI.

## UMUTWE WA III: INZEGO ZIHARIYE

## ICYICIRO CYA MBERE: KOMITE NGENZUZI

**Ingingo ya 105: Urwego rushinzwe ubugenzuzi**

Komite Ngenzuzi kuri buri rwego ni yo ishinzwe umurimo w'ubugenzuzi ku rwego rwayo.

**Ingingo ya 106: Inshingano za Komite Ngenzuzi**

Komite Ngenzuzi ishinzwe:

5° Kureba imikorere y'Umuryango FPR- INKOTANYI n'imicungire y'umutungo wawo;

6° Kugenzura ko imigambi na gahunda by'Umuryango FPR - INKOTANYI bishyirwa mu bikorwa no kugira inama Umuryango FPR-INKOTANYI ku bikwiye gukorwa;

7° Guha Komite Nyobozi yo ku rwego rwayo raporo y'ubugenzuzi igihe cyose irangije ubugenzuzi;

8° Gutanga raporo buri mwaka n'igihe cyose bibaye ngombwa ku NtekoRusange, kuri Biro Politiki cyangwa Inama Nkuru.

**Ingingo ya 107: Abagize Komite Ngenzuzi**

Komite Ngenzuzi igizwe n'abantu barimo Umugenzuzi Mukuru, Umugenzuzi Mukuru wungirije n'abandi bagenzuzi.

Komite Nyobozi ku rwego rw'Igihugu igena umubare w'abagize Komite Ngenzuzi ku rwego rw'Igihugu no ku zindi nzego, yitaye ku ihame ry'uburinganire.

Ku rwego rw'Igihugu, abagize Komite Ngenzuzi bashyirwaho na Komite Nyobozi yo ku rwego rw'Igihugu.

Ku zindi nzego, abagize Komite Ngenzuzi bashyirwaho na Komite Nyobozi yo kuri buri rwego.

Nibura mirongo itatu ku ijana ry'abagize Komite Ngenzuzi ni urubyiruko.

Abagize Komite Ngenzuzi batoranywa mu banyamuryango bazwiho ubushobozi, ubuhanga, umurava, ubudakemwa, ubwitonzi n'ubushobozi by'intangarugero kandi bashoboye gukorana ubwigenge bwose imirimo bashinzwe.

Komite Nyobozi ku rwego rw'Igihugu imenyesha lnama Nkuru y'Umuryango FPR-INKOTANYI ishyirwaho ry'abagize Komite Ngenzuzi ku rwego rw'Igihugu. Iryo menyesha rikorwa muri raporo itangwa mu nama y' lnama Nkuru, ikurikira ishyirwaho ryabo .

Komite Nyobozi ku zindi nzego zimenyesha Inteko Rusange zo kuri izo nzego, ishyirwaho ry'abagize Komite Ngenzuzi kuri izo nzego. Iryo menyesha rikorwa muri raporo itangwa mu nama y' Inteko Rusange zo kuri izo nzego, ikurikira ishyirwaho ryabo.

**Ingingo ya 108: Inshingano z'abagize Komite Ngenzuzi**

Abagize Komite Ngenzuzi bashinzwe:

1° gukurikirana imiterere n'imikorere y'inzego z'umuryango kuri buri rwego rwayishyizeho, igamije kureba niba izo nzego zubahiriza amategeko-remezo n'andi mategeko y'Umuryango;

2° gukurikirana ishyirwaho n'imikorere y'ubuyobozi kuri buri rwego;

3° gukurikirana niba inzira ziteganijwe n'amategeko ku byerekeranye n'inkomoko y'umutungo w'umuryango zubahirizwa neza;

4° kugenzura ko umutungo w'umuryango ukoreshwa mu bikorwa by'umuryango kandi hakulikijwe amategeko agenga imicungire yawo;

5° kugenzura ko ibikorwa by'Umuryango bitanyuranije n'amategeko awugenga n'ay'igihugu muri rusange;

6° gukurikirana ishyirwa mu bikorwa rya gahunda z'Umuryango no gusuzuma ko gahunda za buri rwego zikurikije politiki na gahunda y'ibikorwa bishyirwaho n'Inama Nkuru y'Umuryango;

7° kugira inama buri gihe urwego rw'Umuryango ikoreraho ku bikwiye gukorwa ihereye ku bugenzuzi bwayo.

**<u>Ingingo ya 109</u>: Inshingano z'Umugenzuzi Mukuru**

Umugenzuzi Mukuru ashinzwe ibi bikurikira:

1° gukurikirana no guhuza ibikorwa byose bya Komite ngenzuzi;

2° guhagararira Komite Ngenzuzi mu zindi nzego igihe yazitumiwemo;

3° gushyikiriza Inama Nkuru y'Umuryango, Biro Politiki cyangwa Inteko Rusange raporo ya Komite Ngenzuzi;

4° gutumira no kuyobora inama za Komite Ngenzuzi.

**<u>Ingingo ya 110</u>: Inshingano z'Umugenzuzi Mukuru Wungirije n'abandi Bagenzuzi**

Inshingano z'Umugenzuzi Mukuru Wungirije n'iz'abandi bagenzuzi zigenwa n'Umugenzuzi Mukuru.

**<u>Ingingo ya 111</u>: Kutabangikanya umurimo w'ubugenzuzi n'undi murimo uhemberwa bibaye ngombwa**

Iyo bibaye ngombwa, nibura umwe mu bagize Komite Ngenzuzi ku rwego rw'igihugu, ashingwa uwo murimo w'ubugenzuzi gusa, ntawubangikanye n'undi murimo ahemberwa.

**<u>Ingingo ya 112:</u> Manda y'abagize Komite Ngenzuzi**

Manda y'abagize Komite Ngenzuzi ni imyaka itanu(5). Iyo manda ishobora kongerwa.

**<u>Ingingo ya 113:</u> Imikorere ya Komite Ngenzuzi**

Komite Ngenzuzi irigenga kandi igakorana ubwisanzure busesuye umurimo w'ubugenzuzi.

Ifite uburenganzira n'ububasha bisesuye bituma ishobora kurangiza neza inshingano zayo.

Kugira ngo ibigereho, ishobora gukoresha inzira zikurikira:

1° kwifashisha Umunyamuryango ikeneye kugira ngo irangize inshingano zayo;

2° kumenya no guhabwa inyandiko n'ibindi byose ikeneye bijyanye n'inshingano zayo ku nzego zose;

3° kwitabira inama za Komite Nyobozi ku rwego ikoreraho ibisabwe na Prezida. Icyakora, nta ruhare abayigize bagira mu gufata ibyemezo

**<u>Ingingo ya 114</u>: Raporo za Komite Ngenzuzi**

Komite Ngenzuzi itanga raporo buri mwaka n'igihe cyose bibaye ngombwa ku rwego rwayishyizeho.

**<u>Ingingo ya 115</u>: Kuvanwa muri Komite Ngenzuzi**

Umunyamuryango uri muri Komite Ngenzuzi ayivanwamo iyo atacyujuje ibyangombwa biteganywa n'ingingo ya 107 y'aya mategeko, cyangwa atagishoboye gukora akazi asabwa kubera impamvu izo arizo zose.

Kuvanwa k'umunyamuryango muri Komite Ngenzuzi byemezwa n'urwego rwamushyizeho.

**<u>Ingingo ya 116</u>: Uburyo icyemezo cyo kuvanwa muri Komite Ngenzuzi gifatwa**

Icyemezo cyo kuvana Umunyamuryango muri Komite Ngenzuzi gifatwa hakurikijwe uburyo busanzwe ibyemezo bifatwa mu Muryango.

**<u>ICYICIRO CYA 2</u>: KOMISIYO NGENGAMYITWARIRE**

**<u>Ingingo ya 117</u>: Ishyirwaho n'imiterere bya Komisiyo Ngengamyitwarire**

Komisiyo Ngengamyitwarire ni urwego rushinzwe gukurikirana imyitwarire y'Abanyamuryango no gukemura impaka n'amakimbirane byavuka hagati yabo.

Komisiyo Ngengamyitwarire ziri ukubiri:

3° Komisiyo Ngengamyitwarire ihoraho kandi ishyirwaho na Komite Nyobozi y'Umuryango kuri buri rwego kugira ngo ikurikirane buri gihe ibibazo birebana n'imyitwarire;

4° Komisiyo Ngengamyitwarire idasanzwe ishobora gushyirwaho na Komite Nyobozi kugira ngo yige ibibazo bidasanzwe binyuranyije n'imyitwarire..

**Ingingo ya 118: Inshingano za Komisiyo Ngengamyitwarire**

Komisiyo Ngengamyitwarire ishinzwe:

1° Kugenzura no gufata ibyemezo bijyanye n'imyitwarire y'abanyamuryango inyuranyije n'amategeko-remezo y'Umuryango, cyangwa andi mategeko n'amabwiriza yawo;

2° Gushyiraho ingamba zatuma abanyamuryango birinda amakosa n'uburyo ayo amakosa yakumirwa;

3° Gushaka uburyo amakosa akorwa n'abanyamuryango yakosoka mu gihe yakozwe, hagamijwe guteza imbere ubumwe bw'Umuryango;

4° Gusuzuma no gukemura amakimbirane n'impaka bishobora kuvuka hagati y'Abanyamuryango, no kubunga;

5° Gusobanura amategeko-remezo n'amategeko ngengamikorere y'Umuryango bisabwe n'Umunyamuryango uwo ariwe wese.

**Ingingo ya 119 : Ishyirwaho ry'abagize Komisiyo Ngengamyitwarire ihoraho**

Abagize Komisiyo Ngengamyitwarire ihoraho bashyirwaho na Komite Nyobozi kuri buri rwego rw'Umuryango.

Umubare w'abagize Komisiyo ngengamyitwarire ku rwego rw'Igihugu no ku zindi nzego ugenwa na Komite Nyobozi yo ku rwego rw'Igihugu.

Nibura mirongo itatu ku ijana yabo bagomba kuba ari urubyiruko.

Komisiyo Ngengamyitwarire yo ku rwego rw'Igihugu iyoborwa na Komiseri wo muri Komite Nyobozi.

Abashyirwa muri Komisiyo Ngengamyitwarire bagomba kuba bazwiho ukuri, ubwitonzi, ubushishozi no kuba inyangamugayo.

Mu kazi kabo bashobora kwifashisha abandi bantu kubera ubushobozi n'ubuhanga bafite mu rwego uru n'uru.

Komite Nyobozi ku rwego rw'Igihugu imenyesha lnama Nkuru y'Umuryango FPR-INKOTANYI ishyirwaho ry'abagize Komisiyo Ngengamyitwarire ku rwego rw'Igihugu. Iryo menyesha rikorwa muri raporo itangwa mu nama y' lnama Nkuru, ikurikira ishyirwaho ryabo .

Komite Nyobozi ku zindi nzego zimenyesha Inteko Rusange zo kuri izo nzego, ishyirwaho ry'abagize Komisiyo Ngengamyitwarire kuri izo nzego. Iryo menyesha rikorwa muri raporo itangwa mu nama y' Inteko Rusange zo kuri izo nzego, ikurikira ishyirwaho ryabo **.**

**Ingingo ya 120: Manda y'abagize Komisiyo Ngengamyitwarire Ihoraho**

**Manda y'abagize Komisiyo Ngengamyitwarire Ihoraho ni imyaka itanu (5) ishobora kongerwa.**

**Ingingo ya 121: Manda y'abagize Komisiyo Ngengamyitwarire idasanzwe**

Manda y'abagize Komisiyo ngengamyitwarire idasanzwe irangira iyo Komisiyo imaze gushyikiriza Inteko Rusange, Biro Politike cyangwa Inama Nkuru y'Umuryango raporo yayo.

**Ingingo ya 122: Abagize Komisiyo Ngengamyitwarire kuva ku rwego rw'Intara n'Umujyi wa Kigali kugera ku Mudugudu**

Kuva ku rwego rw'Intara n'Umujyi wa Kigali kugeza ku rw'Umudugudu, Komisiyo Ngengamyitwarire igizwe n'abantu b'umubare w'igiharwe barimo Perezida, Visi-Perezida n'Umunyamabanga.

**Ingingo ya 123: Inshingano za Perezida wa Komisiyo Ngengamyitwarire**

Perezida wa Komisiyo ngengamyitwarire ashinzwe ibi bikurikira :

1° Gukurikirana no guhuza ibikorwa byose bya Komisiyo ngengamyitwarire;

2° Guhagararira Komisiyo ngengamyitwarire mu zindi nzego;

3° Gushyikiriza Inteko Rusange, Biro Politike cyangwa Inama Nkuru y'Umuryango, raporo ya Komisiyo ngengamyitwarire.

**Ingingo ya 124: Inshingano za Visi-Perezida wa Komisiyo ngengamyitwarire**

Visi-Perezida wa Komisiyo ngengamyitwarire ashinzwe :

1° Gufasha Perezida wa Komisiyo ngengamyitwarire kurangiza inshingano ze;

2° Guhagararira Perezida igihe adahari;

3° Gukora indi mirimo yashingwa na Perezida.

**Ingingo ya 125 : Inshingano z'Umunyamabanga wa Komisiyo ngengamyitwarire**

Umunyamabanga wa Komisiyo ngengamyitwarire afite inshingano zikurikira :

1° Gukurikirana ibirebana n'inyandiko zose za Komisiyo;

2° Gukora inyandiko-mvugo z'inama;

3° Kwandika raporo z'akazi ka Komisiyo ngengamyitwarire;

4° Gushyingura inyandiko za Komisiyo ngengamyitwarire;

5° Gutegura inyandiko z'inama.

**<u>Ingingo ya 126</u>: Ibyitabwaho mu gukurikirana imyitwarire mu Muryango**

Kugenzura imyitwarire mu Muryango ntibigamije gutanga ibihano ahubwo bigamije gukosora. Kubera iyo mpamvu, urwego rwose rw'Umuryango rushinzwe gufata ibyemezo mu birebana n'imyitwarire rugomba kwita kuri ibi bikurikira:

1° Gukurikirana imyitwarire y'abanyamuryango bigamije kubarinda amakosa;

2° Kugira inama uwarezwe mu buryo bwa kivandimwe;

3° Gushishikariza ubwiyunge igihe bishoboka;

4° Gufasha uwarezwe kwikosora mu myifatire cyangwa mu mikorere;

5° Gufata ibyemezo bigamije guteza imbere ubumwe bw'Umuryango;

6° Gufata ibihano iyo ubundi buryo bwananiranye.

**<u>Ingingo ya 127</u>: Urwego rufatira ibyemezo abagize Komite Nyobozi yo ku rwego rw'Intara n'Umujyi wa Kigali**

Abagize Komite Nyobozi bo ku rwego rw'intara n'Umujyi wa Kigali bafatirwa ibyemezo na Komisiyo Ngengamyitwarire yo ku rwego rw'igihugu.

**<u>Ingingo ya 128:</u> Ubushobozi bwa Komisiyo Ngengamyitwarire**

Komisiyo Ngengamyitwarire ifite ubushobozi bwo:

1° Kumva no gufatira ibyemezo ibibazo bijyanye no kutubahiriza amategeko-remezo, andi mategeko cyangwa amabwiriza y'Umuryango;

2° Gufatira abanyamuryango ibyemezo bikwiriye;

3° Gukemura ibibazo by’ubwumvikane buke hagati y’abanyamuryango.

**Ingingo ya 129: Ububasha bwa Komisiyo Ngengamyitwarire**

Abagize Komisiyo zishinzwe imyitwarire y’Abanyamuryango bafite ubwisanzure busesuye mu mirimo yabo, nta guhohoterwa cyangwa ngo kubangamirwa mu mirimo ijyanye n’inshingano zabo. Ntibashobora gufatirwa ibyemezo mu kazi kabo gasanzwe biturutse ku bikorwa bakora mu rwego rwo kurangiza inshingano za Komisiyo zishinzwe imyitwarire y’Abanyamuryango.

**Ingingo ya 130: Uburyo Komisiyo Ngengamyitwarire imenya amakosa n’imikorere mibi bigaragara mu Banyamuryango**

Komisiyo Ngengamyitwarire ishyiraho uburyo bwo kumenya ahantu hose hashobora gukorerwa amakosa igamijwe kuyakumira. Ubwo buryo ntibugomba kubangamira urwego urwo ari rwo rwose rwaba urwa Leta, urw’ikigo cyangwa rw’Umuryango.

Mu mikorere yayo, Komisiyo Ngengamyitwarire yita cyane cyane ku nzego z’ubuyobozi hagamijwe kurwanya akarengane gakorerwa abaturage gatewe n’umunyamuryango, ku nzego zishinzwe kurwanya ruswa, ku bigo bya Leta n’ibyigenga n’ahandi hose haboneka imikorere mibi ku banyamuryango.

**Ingingo ya 131: Uko Komisiyo ikoresha ibimenyetso by’imikorere mibi**

Komisiyo Ngengamyitwarire ikoresha inama igihe cyose habonetse ibimenyetso biganisha ku mikorere mibi ku rwego ikoreraho zigamije kwerekana ibyo bimenyetso kugirango amakosa akumirwe cyangwa akosorwe hakiri kare.

**Ingingo ya 132: Ibyo Komisiyo Ngengamyitwarire yitaho mu kuzuza inshingano zayo**

Komisiyo Ngengamyitwarire ishakisha amakuru nyayo yerekana imikorere mibi cyangwa amakosa byagaragaye ku munyamuryango, yirinda ibihuha no kubogama.

**Ingingo ya 133: Ibyerekeranye no gutumiza no kuyobora inama za Komisiyo ngengamyitwarire**

Inama za Komisiyo ngengamyitwarire zihamagarwa kandi zikayoborwa na Perezida wayo. Iyo adahari zihamagarwa na Visi-Perezida; iyo bombi badahari, zihamagarwa n’Umunyamabanga. Iyo bose badahari, basiga bemeje uzatumiza akanayobora inama.

Iyo ntawe basigiye ubwo bubasha, uruta abandi mu myaka y'amavuko mu bagize iyo Komite atumiza inama kandi akayiyobora.

**Ingingo ya 134: Umubare wa ngombwa kugira ngo Komisiyo ngengamyitwarire iterane**

Komisiyo ngengamyitwarire iterana iyo hari nibura bitatu bya kane (3/4) by'abayigize.

**Ingingo ya 135: Gusimbura abagize Komisiyo Ngengamyitwarire**

Iyo bamwe mu bagize Komisiyo ngengamyitwarire badashobora kurangiza inshingano zabo kubera impamvu zinyuranye, basimburwa n'abandi by'agateganyo hakurikijwe ibivugwa mu ngingo ya 119 y'aya mategeko ngengamyitwarire**.**

**Ingingo ya 136: Raporo zitangwa na Komisiyo Ngengamyitwarire**

Komisiyo ngengamyitwarire iha raporo Biro Politike rimwe mu mezi ane (4) n'igihe cyose bibaye ngombwa.

**INTERURO YA IV: UMUTUNGO W'UMURYANGO**

**Ingingo ya 137: Inkomoko y'umutungo w'Umuryango**

Umutungo w'Umuryango ukomoka ku :

1° Umusanzu w'Abanyamuryango ;
2° Impano n'imirage ;
3° Imitungo n'ibikorwa byawo;
4° Inkunga ya Leta.

**Ingingo ya 138 : Imicungire y'umutungo w'Umuryango**

Umutungo w'Umuryango FPR-INKOTANYI ucungwa hakurikijwe amategeko agenga icunga-mutungo mu Gihugu.

**INTERURO YA V: INGINGO ZISOZA**

**Ingingo ya 139: Guhindura no kuvugurura amategeko ngengamikorere y'Umuryango**

Aya mategeko ngengamikorere ashobora kuvugururwa cyangwa guhindurwa n'Inama Nkuru y'Umuryango.

Iyo Inama Nkuru y'Umuryango idashobora guterana, aya mategeko ngengamikorere ahindurwa

cyangwa akavugururwa na Biro Politiki y'Umuryango nk'uko biteganyijwe mu ngingo ya 58 y'aya mategeko ngengamikorere.

**<u>Ingingo ya 140</u>: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'aya mategeko ngengamikorere**

Ingingo zose z'amategeko Ngengamikorere abanziriza aya kandi zinyuranyije na yo zivanyweho.

**<u>Ingingo ya 141</u>: Igihe aya mategeko ngengamikorere atangira gukurikizwa**

Aya mategeko ngengamikorere y'Umuryango FPR-INKOTANYI atangira gukurikizwa ku munsi ashyiriweho umukono n'abanyamuryango bari ku rutonde ruri ku mugereka.